

AMASHAKIRO Y'IBITABO BYO MURI BIBILIYA

Urupapuro

ui

Urupapuro

vii

Ijambory'ibanze

ISEZERANO

RYA KERA

<i>19itabo</i>	<i>Impinamagambo</i>	<i>Urupapuro</i>	<i>19itabo</i>	<i>Impinamagambo</i>	<i>Urupapuro</i>
Itangiriō	Itang	1	Imigani	Imig	612
Kuv.	Kuva	51	Umubwiriza	Umubw	648
Abalewi	Lewi	95	Indirimbo	Ind	655
Kubara	Kub	126	Yes.y.	Yes	662
Gutegek. kw.			Yeremiy.	Yer	711
Kabiri	Guteg	170	Amaganya	Amag	765
Yosuw.	Yos	207	Ezekiyeli.	Ezek	773
Abacamanza	Abac	231	Daniyeli	Dan	823
Rusi	Rusi	255	Hosey.	Hos	838
1 Samweli	1 Sam	259	Yoweli..	Yow	845
2 Samweli	2 Sam	291	Amosi	Amosi	848
1 Abami	1 Abami	319	Obadiya	Obad	854
2 Abami	2 Abami	351	Yona	Yona	855
1 Ibyo ku Ngoma	1 Ngoma	382	Mika	Mika	857
2 Ibyo ku Ngoma	2 Ngoma	411	Nahumu	Nah	862
Ezira	Ezira	447	Habakuki	Hab	864
Nehemiya	Neh	457	Zefaniya	Zef	866
Esiteri	Esit	472	Hagayi	Hag	869
Yobu	Yobu	480	Zekariya	Zek	870
Zaburi	Zab	516	M.laki.	Mal	879

ISEZERANO

RISHYA

<i>19itabo</i>	<i>Impinamagambo</i>	<i>Urupapuro</i>	<i>Igitabo</i>	<i>Impinamagambo</i>	<i>Urupapuro</i>
Matayo	Mat	1	2 Timoteyo	2 Tim	215
Mariko	Mar	35	Tito	Tito	218
Luk.	Luka.	57	Filemoni	Fi1e	219
Yohan.	Yoh	93	Abaheburayo	Heb	221
Ibyakozwe			Yakobo	Yak.	233
n'Intumwa	Ibyak.	119	1 Petero	1 Pet	237
Abaroma	Rom	152	2 Petero	2 Pet	241
1 Abakorinto	1 Kor	166	1 Yohana	1 Yoh	243
2 Abakorinto	2 Kor	180	2 Yohana	2 Yoh	247
Abagalatiya	Gal	189	3 Yohana	3 Yoh	247
Abefeso	Ef	194	Yuda	Yuda	248
Abafilipi	Fili	199	Ibyahishuwe	Ibyāh	250
Abako1Osayi	Ko10	202			
1 Abatesalonike	1 Tes	206	<i>Uko amarangamirongo akareshwa</i>		267
2 Abatesa10nike	2 Tes	209	<i>Urutonde rw 'itandukaniro</i>		268
1 Timoteyo	1 Tim	211	<i>Amakarita</i>		270

ISEZERANO RYA KERA

IGITABO CYA MOSE CYA MBERE CYITWA **ITANGIRIRO**

Imana irema isi n'ijuru
n'ibirimo byose

1 Mbere na mbere Imana yaremye ijuru n'isi. 2Isi yari itagira ishusho, yariho ubusa busa, umwijima wari hejur y'imuhengeri, maze Umwuka w'Imana. yagendagendaga hejuru y'amazi. 3Imana iravuga iti "Habeho umucyo", umucyo ubaho. 4Imana ibona umucyo ko ari mwiza, Imana itandukanya umucyo n'umwijirna. •Imana yita umucyo amanywa, umwijima iwita ijoro. Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa mbere.

6 Imana iravuga iti "Habeho isanzure hagati y'amazi, rigabanye amazi n'andi mazi. .. 7 Im mana irema iryo sanzure, igabanya amazi yo munsi y'sanzure n'ayo hejurū yaryo, biba bityo. 8Imana yita iryo sanzure Ijuru. Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa kabiri.

9 Im mana iravuga iti "Amazi yo munsi y'ijuru ateranire hamwe, ahumutse haboneke." Biba bityo. 10Imana yita ahumutse Ubutaka, iteraniro ry'amazi iryita Inyanja. Im mana ibona ko ari byiza. 11Imana iravuga iti "Ubutaka bumeze ubwatsi rfibimera byose byerere imbuto ku butaka, n'ibiti byerere imbuto ku butaka zirimo utubuto twabyo, igiti cyose cyere imbuto zikwiriye ubwoko bwacyo." Biba bityo. 12Ubutaka bumeza ubwatsi, ibimerira byose byera imbuto zikwiriye amoko yabyo, n'ibiti byera imbuto zirimo utubuto twabyo, zikwiriye amoko yabyo. Im mana ibona ko ari byiza. 13Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa gatatu.

14Imana iravuga iti "Mu isanzure ry'ijuru habeho ibiva bitandukanya amanywa n'ijoro, bibereho kuba ibimenyetso no kwerekana ibihe n'iminsi n'imyaka, 15bibereho kuvira mu isanzure ry'ijuru kugira ngo bivire isi." Biba bityo. 16Imana irema ibiva bibiri binini, ikiva kinini cyo gutegeka amanywa, n'igito cyo gutegeka ijoro, irema n'inyenyeri. 17Imana ibishyirira mu isanzure ry'ijuru kugira ngo bivire isi, 18kandi bitegeke amanywa n'ijoro, bitandukanya umucyo n'umwijima, Imana

ibona ko ari byiza. .. Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa kane.

20 Imana iravuga iti "Amazi yuzuremo ibyigenza byinshi cyane bifite ubugingo, kandi inyon i n'ibisiga biguruke mu isanzure ry'ijuru." 21Imana irema ibi binini byo mu nyanja, n'ibantu byose byigenza bifite ubugingo, amazi biyuzura mo nk'uko amoko yabyo ari. Irema n'inyoni n'ibisiga byose nk'uko amoko yabyo ari, Imana ibona ko ari byiza. 22Imana ibiha umugisha, iti "Mwororoke, mugwire, mwuzure amazi yo mu nyanja, inyon i n'ibisiga byororoke mu isi." 23Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa gatanu.

24 Imana iravuga iti "Isi izane ibifite ubugingo, amatungo n'ibikururuka nk'uko amoko yabyo ari, n'inyamaswa zo mu isi nk'uko amoko yazo ari." Biba bityo. 25Imana irema inyamaswa zo mu isi nk'uko amoko yazo ari, namatungo nk'uko amoko yayo ari, n'ibantu byose bikururuka hasi nk'uko amoko yabyo ari, Imana ibona ko ari byiza.

26 Imana iravuga iti "Tureme umuntu agire ishusho yacu ase natwe, batware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'amatungo n'isi yose, n'igikururuka hasi cyose." 27Imana irema umuntu ngo agire ishusho yayo, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, umugabo n'umugore ni ko yabaremye. 28Imana ibaha umugisha, Imana irababwira iti "Mwororoke mugwire, mwuzure isi, mwimenyereze ibiyirimo, mutware amafi yo mu nyanja, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'ibantu byose bifite ubugingo byigenza ku isi." 2.Kandi Imana irababwira iti "Dore mbahaye ibimera byose byera, imbuto biri mu isi yose, n'igiti, cyose gifite imbuto zirimo utubuto twacyo, bizabe ibyokurya byanyu. 30Kandi inyamaswa yose yo mu isi, n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, n'ikintu cyose gikururuka ku isi gifite ubugingo, mbihaye ibimera bibisi byose ngo bibe ibyokurya byabyo." Biba bityo. 31Imana ireba ibyo yaremye byose, n'uko byari byiza cyane. Buragoroba buracya, uwo ni umunsi wa gatandatu.

Imana yeza umunsi wa karindwi
2 Ijuru n'isi n'ibirimo byinshi byose
 birangira kuremwa. 1 Ku munsi wa
 karindwi Imana irangiza imirimo yako-
 ze, iruhuka ku munsi wa karindwi
 imirimo yayo yose yakoze. 3 Imana iha
 umugisha umun-j wa karindwi irawenza,
 kuko ari wo Imana yaruhukiyemo imiri-
 mo yakoze YOS(I).

Imana ishyira Adamu muri Edeni

4 Uku ni ko kuremwa kw'iju'u n'isi,
 ubwo byaremwaga, ku munsi Uwiteka
 Imana yaremeyemo isi n'ijuru. 5 Kandi
 akatsi kose ko mu gasozi kari katarabu ku
 isi, n'ikimera cyose cyo mu gasozi cyari
 kitariiruka, kuko Uwiteka Imana yari
 itaravuba imvura ku isi kandi nta, muntu
 wariho wo guhinga ubl, itaka, gariko igihu
 cyavaga mu isi kigatosa ubutaka bwose.

7 Uwiteka Imana irema umuntu.. mu
 mukungugu wo hasi, imuhumekera mu
 mazuzu umwuka w'uhugingo, umuntu
 ahinduka ubugingo buzima.

8 Uwiteka Imana ikeba ingobyi muri
 Edeni mu ruhande rw'iburasirazuba, iyishyiramo
 umuntu yaremye. • Uwiteka
 Imana imezamo igitu cyose cy'igikundi-
 ro cyera imbuto ziribwa, imeza n'igitu
 cy'ubugingo hagati muri iyo ngobyi,
 imezamo n'igitu cy'ubwenge bumenesha
 icyiza n'ikibi.

10 Umugezi u!uruka muri Edeni une-
 tesha iyo ngobyi, uwo mugazi uvamo
 wigabanyamo ine. 11 Umwe witwa Pisho-
 ni, ari wo ugose ighugu cyose cy'j Havila
 kirimo izahabu, 12 kandi izahabu
 yo muri icyo gihugu ni nziza. Iyo ni ho
 hari ubushishi buva ku giti bwitwa budou-
 la, n'amabuye yitwa shohamu. 13 Undi
 witwa Gihoni, ari wo ugose ighugu
 cyose cy'i Kushi. 14 Undi witwa Hideke-
 lu, ni wo uca imbere y'ighugu cyitwa
 Ashuri. Uwa kane witwa UFurate.

15 Uwiteka Imana ijyana wa muntu,
 imushyira muri iyo ngobyi yo muri
 Edeni, ngo ahingire ibirimo, ayirinde.
 16 Uwiteka Imana iramutegeka iti "Ku giti
 cyose cyo muri iyo ngobyi ujye urya
 imbuto zacyo uko ushaka, 17 ariko igitu
 cy'ubwenge bumenesha icyiza n'ikibi

ntuzakiryeho, kuko umunsi wa kiriye-ho
 no gupfa uzapfa."

Imana irema Eva

18 Kandi Uwiteka Imana iravuga iti
 "Si byiza ko uyu muntu, aba wenylene,
 reka muremere umufasha umukwiriye."
 .. Uwiteka Imana irema mu butaka amatu-
 fungo yose n'inyamaswa zo mu ishyamba
 zose, n'inyoni n'ibisiga byo mu
 kirere byose, ibizanira uwo muntu ngo
 imenye iku abyita, kandi uko uwo
 muntu. yise ikintu, cyose gifite ubugingo,
 aba ari ryo riba izina ryacyo. 10 Uwo
 muntu yita amatungo yose n'inyoni n'i-
 bisiga byo mu kirere n'inyamaswa zo mu
 ishyamba zose, ariko umufasha umukwi-
 riye yari ataraboneka.

21 Uwiteka Imana isinziriza uwo mu-
 ntu ubuticura arasinzira, imukuramo uiu-
 bavu rumwe ihasubiza inyama, 22 urwo
 rubavu Uwiteka Imana yakuye muri uwo
 muntu, iruhindura umugore imushYlra
 uwo muntu, 23 Aravuga ati

"Uyu Ili igufwa ryo mu magufwa
 yanje,

Ni akara ko mu mara yanje,
 Azitwa Umugore kuko yakuve mu
 Mugabo."a

14 Ni cyo gituma umuntu azasiga se na
 nyina, akabana n'umugore we akaramata,
 bombi bakaba umubiri umwe.

25 Kandi uwo mugabo n'umugore
 we bombi bari bambaye ubusa, ntibako-
 rwe n'isoni.

Inzoka yosha Eva

3 Inzoka yarushaga uburiganya inyama-
 swa zo mu ishyamba zose, Uwiteka
 Imana yaremye. Ibaza uwo mugore iti "Ni
 ukuri koko Imana yarayuze iti 'Ntiruzarye
 ku giti cyose cyo muri iyi ngobyl?"

2 Uwo mugore arayisubiza ati
 "Imbuto z'ibiti byo muri iyi ngobyi
 twemererwa kuzirya, 3 keretse imbuto
 z'igitu kiri hagati y'ngobyi ni zo Imana
 yatubwiye iti 'Ntimuzaziry'e, ntimuzazi-
 koreho, mutazapfa."

4 Iyo nzoka ibwira umugore, iti
 "Gupfa ntimuzapfa, 5 kuko Imana izi
 yukó ku munsi mwaziriyeho, amaso

yanyu azahweza mugahindurwa nk'Imana, muk.amena icyiza n'ikibi."

6 Uwo mugore abonye yuko icyo giti glfi-e .lbyokurya by,za, kandi ko ari-ly Ig1kundiro, kandi ko ari icyo kwifunza kumenyesha umuntu ubwenge, asor-ma ku mbuto zacyo, arazirya, ahano n umugabo we wari kumwe na we arazirya. 7 Amaso yabo bombi arahweza: bamenya yuko bambye ubusa, badoda-ibibabi byimitini, biremeramo ibicocero.

Imana ihana inzoka na Adamu na Eva

8 Bumva imirindi^b y'Uwiteka Imana igendagenda muri ya ngobyi mu mafu ya nimunsi. wa mugabo n'umugore we bihisha hagati y'ibiti byo muri iyo ngobyi amaso y'Uwiteka Imana. •Uwiteka Imana ihamagara uwo mugabo, iramubaza iti "Uri he?"

10 Arayisubiza .. ati "Numvise imirindi yawe muri iyi ngobyi, ntinyishwa n'uko nambaye ubusa, ndihisha."

11 Iramubaza; iti "Ni nde wakubwiye ko wambaye ubusa? Wariye kuri cya giti nakubujije kuryaho?"

12 Uwo mugabo, arayisubiza ati "Umugore wampaye ngo tubane, ni we wampaye ku mbuto z'icyo giti, ndazirya."

13 Uwiteka Imana ibaza uwo mugore iti "Icyo wakoze icyo ni iki?"

Uwo mugore arayisubiza ati "Inzoka yanshukashutse ndazirya."

14 Uwiteka Imana ibwira iyo nzoka iti "Kuko ukoze ibyo, üri ikivume kirengeje amatungo yose n'inyamaswa zo mu ishyamba zose, uzajya ugenda ukurura inda, uzajya urya umukungugu iminsi yose y'ubugingo bwawe. 15 Nzashyira urwango hagati yawe n'uyu mugore, no hagati y'urubyo rwave n'urwe, ruzagukomeretsa umutwe nawe uzaruko-meretsa agatsinsino."

16 Kandi uwiteka Imana ibwira uwo mugore iti "Kugwiza.. nzagwiza. cyane umubabaro wawe ufite inda: uzajya ubyara abana ubabara, kwifusa kwawe kuzaherera ku mugabo wawe, na we azagutwara."

17 Na Adamu' iramubwira iti "Ubwo wumviye umugore wawe ukarya ku giti

nakubujije ko utazakiryaho, uzaniye ubutaka kuvumwa. Iminsi yose yo kubaho kwa:"^c uzajya urya ibibvamo ugombye kubirulura, isuzajya bukumereramo irnikeri n'ibitov:u, nawe uzajya urya imboga zo mu munma. 1. Gututubikana ko mu m~so hawwe ni ko kuzaguhesha umutsima. unnde ugeza ubwo uzasubira mu hutaka kuko ari mo wak.~we:uri umukungugu, mu muk.ungugu ni mo uzasubira."

20 Uwo mugabo yita umugore we Eva,d kuko ari we nyina w'ahafite ubugingo bose. 21 Uwiteka Imana iremera Adamu n'umugore we imyambaro' y'impu, irayibambika.

Imana ikiira Adamu muri Edeni

22 Uwiteka Imana iravuga iti "Dore uyu muntu ahindutse nk'imwe yo muri twe ku byo kumenya icyiza n'ikibi, noneho atarambara ukuboko agasoroma no ku giti cy'ubugingo, akarya akarama iteka ryose." 23 Ni cyo cyatumye Uwiteka Imana irñwirukanu muri ya ngobyi muri Edeni, kugira ngo ahinge ubutaka yavu-yemo. 24 Nuko yirtukana uwo muntu, kandi mu ruhande rw'yo ngobyi yo muri Edeni twerekeye ibifurasirazuba, ishyiraho Abakerubi' n'inkota yaka umuriro, ize-ngruka impande zose, ngo ibuze inzira ijya kuri cya giti cy'ubugingo.

Ibyerekeye Kayini na Abeli

4 Kandi uwo mugabo atwika Eva umugore we inda, abyara Kayini aravuga ati "Mpeshejwe umuhungu .. n'Uwiteka." 2 Arongera abyara Abeli; murumuna wa Kayini. Abeli aba umwungeri w'intama, Kayini aba umuhinzi. 3 Bukeye Kayini azana ituro ku mbuto z'ubutaka, ngo ariture Uwiteka. 4 Na Abeli azana ku buriza bw'umukumbi we no ku rugimbu rwawo. Uwiteka yita kuri Abeli no ku ituro rye, 5 maze ntitya kuri Kayini n'ituro rye. Kayini ararakara cyane, agaragaza umubabaro. •Uwiteka abaza Kayini ati "Ni iki kikurakaje, kandi ni iki gitumye ugaragaza umubabaro? 'Nukora ibyiza ntuzemerwa? Ariko nudakora ibyiza, ibyaha byitungatugira-

^a3.13: 2 Kor 11.3; 1 Tim 2.14 3.15: Ibyah 12.17 3.17-18: Heb 6.8 3.22: Ibyah 22.14 4.4: Heb 11.4

^bimirindi: cyangwa, ijwi.

^c Adamu risobanurwa ngo Umuntu.

^d Eva risobanurwa ngo Úfite ubugingo. Mu Ruheburayo ni Hawa.

^e Abakerubi ni umutwe umwe w'abamarayika.

ku rugi, kandi ni wowe byifuza ariko ukwirire kubitegeka."

8 Kayini abibwira Abeli murumuna we. Kandi bari mu gasozi, Kayini ahagurukira Abeli murumuna we, aramwica.

9 Uwiteka abaza Kayini ati "Abeli murumuna wawe ari he?"

Aramusubiza ati "Ndabizi se? Ndi umurinzi wa murumuna wanjye?"

10 Aramubaza ati "Icyo wakoze icyo ni iki? Ijwi ry'amaraso ya murumuna wawe rirantakirira ku butaka. ¹¹ Noneho uri ikivume ubutaka bwanga, bwasamuye akanwa kabwo kwakira amaraso ya murumuna wawe, ukuboko kwave kwavushije. "Nuhinga ubutaka, uhereye none ntibuzákwerera umwero wabwo, uzaba igicamuke n'inzererezi mu isi. "

13 Kayini abwira Uwiteka ati "Igihan no umpannye kiruta icyo nakwihangani-ra. ¹⁴ Dore unyirukanye uyu munsi ku butaka, no mu maso hawe nzahahishwa, nzaba igicamuke n'inzererezi mu isi kandi uzambona wese azanyica."

15 Uwiteka abwira Kayini ati "Ni cyo giturna uwica Kayini azabihorerwa kardwi." Kandi Uwiteka ashiyira kuri Kayini ikimenyetso, kugira ngo hatagira umubona, akamwica.

Urubyaro rwa Kayini

16 Nuko Kayini ava mu maso y'Uwiteka atura mu gihugu cy'i Nodi, mu ruhande rw'iburasirazuba rwa Edenj.

17 Kandi Kayini atwika umugore we inda abyara Henoki, yubaka umudugudu awitirira umwana we Henoki, ¹⁸ Henoki abyara Iradi, Iradi abyara Mehuyayeli, Mehuyayeli abyara Metushayeli, Metushayeli abyara Lameki, .. Lameki arongora abagore babiri, umwe yitwa Ada, undi yitwa Zila. ²⁰ Ada abyara Yabalu, aba sekuruza w'abanyamahema baragira inka. ²¹ Murumuna we yitwa Yubalu, aba sekuruza w'abacuranz'i n'abavuza, imyironge. ²² Na Zila abyara Tubalukayini, umucuzu w'ikintu cyose gikebeshwa cy'umuringa n'icyuma. Mushiki wa Tubalukayini yitwa Niima.

23 Lameki abwira abagore be ati

"Ada na Zila nimwumve ijwi
ryanje,

Baka Lameki, nimutegere amatwi amagambo yanjye.

Nishe umugabo muhora kunkomeretsa,

Nishe umusore muhora kuntera imibyimba.

²⁴ Niba Kayini azahorerwa karindwi, Ni ukuri Lameki azahorerwa incuro mirongo irindwi n'indwi."

Vrubyaro rwa Seti

25 Adamu arongera atwika umugore we inda, abyara umuhungu amwita Seti ati "Ni uko Imana inshumbushije urundi rubyaro mu cyimbo cya Abeli, kuko Kayini yamwishe." ²⁶ Na Seti abyara umuhungu amwita Enoshi, icyo gihe abantu ba!angirakwambaza izina ry'Uwiteka.

Urubyaro rwa Adamu

(*I Ngoma 1.1-4*)

5 Iki ni igitabo cy'urubyaro rwa Adamu. Ku munsi Imana IlyTemeyemo umuiñtu, afite ishusho y'Imana ni ko yamuremye, ² umugabo n'urnugore ni ko yabaremye, ibaha umugisha ibita. Umu-nitu, ku munsi baremeweho. ³ Kandi Adamu yamaze imyaka ijana na mirongo itatu avutse, abyara umuhungu ufite ishusho ye, usa na we, amwita Seti, ⁴ Amaze kubyara Seti, Adamu arongera amara imyaka magana inani, ayibyaramo abahungu n'abakobwa. ⁵ Iminsi yose Adamu yaramye ni irnyaka magana urwenda na mirongo itatu, arapfa.

6 Seti yamaze imyaka ijana n'itanu avutse abyara Enoshi. ⁷ Amaze kubyara Enoshi, Seti arongera amara imyaka magana inani n'irindwi, ayibyaramo abahungu n'abakobwa. ⁸ Iminsi yose Seti yaramye ni imyaka magana urwenda na curni n'ibiri, arapfa.

9 Enoshi yamaze imyaka mirongo urwenda avutse abyara Kenani, ¹⁰ amaze kubyara Kenani, Enoshi arongera amara imyaka magana inani na cumi n'itanu, ayibyaramo abahungu n'abakobwa. ¹¹ Iminsi yose Enoshi yaramye ni imyaka magana urwenda n'itanu, arapfa.

12 Kenani yamaze irnyaka mirongo irindwi avutse abyara Mahalaleli. ¹³ Amaze

4:8: M.t 23.35; Luk. 11.51; 1 Yoh 3.12 4.10: Heb 12.24 4.24: M.t 18.22 5.1-2: Itang 1.27-28
5.2: Mat 19.4; Mar 10.6

I ni wowe ... kubitegeka: . cyangwa, ni wowe azifuza, nawe uzamutwara.

kubyara Mabalaleli, Kenani arongera arnara imyaka magana inani na mirongo ine, ayibyararnoababungu n'abakobwa. ⁴lminsi yose Kenani yararnye ni imyaka magana urwenda na cumi, arapfa.

15 Mabalaleli yamaze imyaka mironko itandatu n'itanu avutse abyara Yeredi. ⁶Amaze kubyara Yeredi, Mabalaleli arongera arnara imyaka magana inani na' mirongo itatu, ayibyaramo ababungu n'abakobwa. ¹⁷lminsi yose Mabalaleli yaramye ni imyaka magana inani na mirongo urwenda n'itanu, arapfa.

18 Yeredi yarnaze imyaka ijana na mirongo itandatu n'ibiri avutse abyara Henoki. ^{..} Amaze kubyara Henoki, Yeredi arongera arnara imyaka magana inani, ayibyararno abahungu n'abakobwa. ²⁰lminsi yose Yeredi yaramye ni imyaka magana urwenda na mirongo itandatu n'ibiri, arapfa.

21 Henoki yarnaze imyaka mironko itandatu n'itanu avutse abyara Metusela. "Amaze kubyara Metusela, Henoki age ndana n'lmana imyaka magana atatu, ayibyararnoababungu n'abakobwa. ²³lminsi yose Henoki yararnye ni imyaka magana atatu na mirongo itandatu n'itanu. ²⁴Kandi Henoki yagendanaga n'lmana, ntiyaboneka, kuko 1manayarnwimuye.

25 Metusela yamaze imyaka ijana na mirongo inani n'irindwi avutse abyara Larneki. ²⁶ Amaze kubyara Lameki, Melusela arongera arnara imyaka magana arindwi na mirongo inani n'ibiri, ayibyaramo ababungu n'abakobwa. ²⁷lminsi yose Metusela yaramye ni imyaka magana urwenda na mirongo ilandatu n'icyenda, arapfa.

28 Larneki yamaze imyaka ijana na mirongo inani n'ibiri. avutse, abyara umuhungu. ²Amwita Nowa ati "Uyu azatuma umubabaro w'umurimo wacu n'u-w'umuruho w'amaboko yacu, uva mu butaka Uwileka yavumye." ³⁰ Amaze kubyara Nowa, Larneki arongera arnara imyaka magana atatu na mirongo urwenda n'itanu, ayibyararno ababungu n'abakobwa. ³¹ lminsiyose Lameki yararnye ni imyaka magana arindwi na mirongo irindwi n'irindwi, arapfa.

32 Nowa yamaze imyaka magana atatu avutse, abyara Shemu na Hamu na Yafeti.

abantu bahinduka babi cyane

6 Abantu batangiye kugwira mu isi babyara abakobwa, 2abana b'1mana bareba abakobwa b'abantu ari beza, barongorarno abo batoranyije bose. ³Uwiteka aravuga ati "Umwuka wanjiye ntazabora aruhanya n'abantu iteka ryose, kuko ari abantu b'umubiri. Nuko rero iminsi'yaboi zaba imyaka ijana na makumyabiri." ⁴Muri iyo minsi abantu barebare banini bari mu isi, no mu gihe cyo hanyuma, abana b'1mana barhaze kurongora abakobwa b'abantu babyaranra na bo abana, ari bo za ntvari za kera zari ibirangirire.

5 Kandi UWITEKA abona yuko ingeso z'abantu zari mbi cyane mu isi, kañdi ko kwibwira kose imitima yabo ilekereza ari kubi gusa iteka ryose. ⁶Uwiteka yicuza yuko yaremye abantu mu isi, bimutera agabinda mu mutima. ⁷Uwiteka aravuga ati "Nzarimbura abantu naremye, mba-lsembe mu isi uhereye ku muntu n'inyamaswa n'arnatungo n'ibikururuka n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, kuko nicujije yuko nabiremye." ⁸Ariko Nowa agirira umugisha ku UWITEKA.

9 Uru ni rwo rubyaro rwa Nowa. Nowa yari umukiranutsi, yattunganaga rwose mu gihe cye. Nowa yagendanaga n'lmana. ¹⁰Kandi yabyaye ababungu balatu, Shemu na Harnu na Yafeti. ¹¹Kandi isi yari yononekaye mu maso y'1mana, yuzuye urugomo. ¹²1manaireba isi, ibona yuko yononekaye, kuko abafile umubiri bose bari bononnye ingeso zabo mu isi.

Imana itegeka Nowa kubiza inkuge

13 1mana ibwira Nowa iti. "Iherezo ry'abafite umubiri bose rije mu maso yanjiye, kuko isi yuzuye urugomo ku bwabo, dore nzabarimbura n'isi. ¹⁴Nuko rero wibiirise inkuge mu giti cyitwa goferu, ugabanyemo ibyumba, uyihome ubushishi imbere n'inyuma. "Uyibaze utya: uburebure bw'umurarnbararo bw'iyo nkuge bube mikono magana atatu, ubugari bwayo bube mikono mirongo itanu, uburebure bw'igihagararo bwayo bube mikono mirongo itatu. ¹⁶Kandi uzacemo idirishya, rizaba irya mukono umwe nuyirangiza hejuru, umuryango w'inkuge uzawushyire mu rubavu rwayo. Uzayishyiremo amazu, iyo hasi n'iya

kabiri hejuru yayo n'ya gatatu. 17Nanje dore nzazana umwaziire w'amazi mu isi, urimbure ibifite umubiri byose, birimo umwuka, w'ubugingo, ubitsembe hasi y'i-juru, ibiri mu isi byose bipfe. 18Ariko nzak.omeza isezerano ry'anje nawe, uzinjirane muri iyo nkuge n'abana bawe n'umugore wawe n'abak.azana bawe. 19Kandi mu moko yose y'ibibaho bifite umubiri byose, uzinjize muri iyo nkuge bibiri bibiri, ngo ubirokorane nawe, biza-ba ikigabo n'ikigore. 20Mu nyoni no mu bisiga nk'uko, amoko yabyo ari, no mu matungo nk'uko amoko yayo ari, no mu bikururuka hasi byose nk'uko amoko yabyo ari, bibiri by'amoko yose bizaze aho uri, kugira ngo ubirokore. 21Kandi uzijyanire mu biribwa byose, ubiyihuniki-re bizabe ibyo kubatungana n'ibyo muri kumwe." 22Nowa agenza atyo, ibyo Imana yamutegetse byose aba ari byo akora.

Nowa yinjira mu nkuge, umwaziire urimbura abantu

7 Uwiteka abwira Nowa ati "Injirana. mu nkuge n'abo mu nzu yawe mwe-se, kuko ari wowe nabonye ukiranŋka mu maso yanje muri iki gihe. 2Mu matungo yose oo mu nyamaswa zizira, ujianemo ebyiri ebyiri, ingabo n'ingore, 3no mu nyoni n'ibisiga byo mu kirere, ujianemo birindwi birindwi, ibigabo n'ibigore, ku-gira ngo urubyaro rwabyo ruzarokoke rube mu isi yose. 4Kuko iminsi irindwi nishira, nzashyanisha imvura mu isi, iminsi mirongo ine ku manywa na njoro, nkarambura ibifite ubugingo naremye byose, nkabitsembe mu isi." 5Nowa akora byose, uko Uwiteka yamutegetse!

6 Ubwo umwuzu.re w'amazi wabaga ku isi, Nowa yari amaze imyaka magana atandatu avutse. 7Nowa yinjirana muri iyo nkuge n'abana be n'umugore we n'abakazana be, ngo aticwa n'amazi y'umwaziire. 8 Mu matungo, no mu nyamaswa zizira, oo mu zizira, oo mu nyoni n'ibisiga, no mu bikururuka hasi byose, 9bibiri bibiri birinjira bisanga Nowa mu nkuge, ikigabo n'ikigore, uko Imana yamutegetse. 10Maze iyo minsi irinlwi ishize, amazi y'umwaziire asa-dara mu isi.

11 Mu mwaka wa magana atandatu w'ubukuru bwa Nowa, mu kwezi kwa kabiri, ku munsi wako wa cumi n'irindwi, amasoko y'ikuzimu.. yose arazibuka, imigomero yo mu ijuru yose iragomororwa. 12Imvura imara iminsi mirongo ine igwa mu isi, ku manywana njoro. 13Kuri uwo munsi Nowa yinjirana muri ya nkuge na Shemu na Hamu na Yafeti abana 00, n'umugore we, n'abakazana be, uk.o ari batatu: 14Binjiranamo n'inyamaswa zose nk'uko amoko yazo ari, namatungo yose nk'uko amoko yayo ari, n'ibikururuka hasi byose nk'uko amoko yabyo ari, n'ibisiga byose nk'uko amoko yabyo ari, n'inyoni zose n'ibifite amababa byose. 15Birinjira bisanga Nowa mu nkuge, bibi-ri bibiri mu bifite umubiri byose birimo umwuka w'ubugingo. 16Ibyinjiye byari ikigabo n'ikigore byo mu bifite umubiri byose, uko Imana yamutegetse. Uwiteka amukingiranŋamo..

17 Umwuzure umŋara mu isi iminsi mirongo ine, amazi aragwira aterura ya nkuge, ishyirwa hejuru y'isi. 18Amazi arakwira cyane arushaho kugwira cyane mu isi, ya nkuge ireremba ku mazi. 19Amazi arushaho gukwira cyane mu isi, imisozi miremire yose yo munsi y'ijuru ryose irarengewa. 20 Amazi agera mu kire hejuru nka mikono cumi n'itanu, imisozi irarengewa. 21Bifite umŋbiri byose byigenza ku isi birapfa, uhoreye ku nyoni n'ibisiga, n'amatungo n'inyama-swa, n'ibikururuka hasi byose n'abantu". bose. 22Bifite umwuka w'ubugingo mu mazuru byose, ibiri ku butaka byose, birapfa. 23Bifite ubugingo byose biri ku butaka birarimbuka, uhoreye ku bantu. n'amatungo, n'ibikururuka n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere, bitsembwa mu isi. Nowa wenylene arokokana n'ibyo yari kumwe na byo muri ya nkuge. 24Amazi amara iminsi ijana na miTongo itanu agikwiriye cyane mu isi.

Umwuzure urakama, Nowa asohoka mu nkuge

8 Imana yibuka Nowa n'ibifite ubugi-ngo byose n'amatungo yose byari kumwe na, we mu nkuge, Imana izana umuyaga ku isi amazi atangira gukama. 2Amasoko y'ikuzimu.. araziba, imigomero yo mu ijuru iragomerwa, imvura iva mu

ijuru iricwa. 3 Amazi asubirayo, ava ku butaka ubudasiba, ya minsi ijana na mirongo itanu ishize, amazi aragabanuka. 4 Mu kwezi kwa karindwi, ku muni wako wa cumi n'irindwi, ya nkuge ihagarara ku misozi ya Ararati. • Amazi agabanuka ubudasiba ageza ku kwezi kwa cumi, mu kwezi kwa cumi, ku muni wako wa mbere, **impinga z'imisozi ziraboneka.**

6 Iminsi mirongo ine ishize, Nowa akingura idirishya ryo mu nkuge yabiijije, 7 yohereza igikona, kirajarajara, kugeza aho amazi yakamiye ku isi. • Maze yoherenza inuma kugira ngo amenye yuko amazi agabanutse ku isi. 9 Maze ntiyabona aho ishinga ikirenge cyayo imugarukaho k'u nkuge, kuko amazi yari akiri ku isi yose, ayisingiriza ukuboko arayenda, ayisubiza mu nkuge. J. Asiba iminsi irindwi, yongera koherenza iyo numa kuya mu nkuge, u igaruka aho ari nimugoroba, ifite ikibabi kibisi cy'umunzenze mu kanwa kayo, icyo yakuye ku giti. Bituma Nowa amenya yuko amazi agabanutse ku isi. 12 Asiba indi minsi irindwi, yohereza ya numa, ntiyasubira kumugarukaho.

13 Mu mwaka wa magana atandatu n'umwe, mu kwezi kwa mbere, ku muni wako wa mbere, amazi akama mu isi. Nowa akuraho igipfundikiye ya nkuge, arareba, abona ubulaka bwumye. 14 Mu kwezi kwa kabiri, ku muni wako wa makumyabiri n'irindwi, isi iruma.

15 Imana ibwira Nowa iti 16 "8ohokana mu nkuge n'umugore wawe n'abana bawe n'abakazana : bawe. 17 Kandi usohokane ibibaho byose muri kumwe, byo mu bifite umubiri byose, inyonu n'ibisiga namatungo n'ibikururuka hasi byose, kugira ngo bibyarire mu isi cyané byororoke bigwire mu isi." 18 Nowa asohokana o'abana be n'umugore we n'abakazana : be, 9amatungo yose n'inyamaswa zose n'ibikururuka byose, n'inyoni zose n'ibisiga byose, ibyigenza ku isi byose nk'uko amoko yabyo ari bisohoka mur' ya nkuge.

20 Nowa yubakira Uwiteka igicaniro, atoranya mu matungo yose no mu nyarnaswa zose zitazira no mu nyoni n'ibisiga bitazira, atambira kuri icyo gicaniro ibitambo byoswa. 21 Uwiteka ahumurirwa n'umubabwe, Uwiteka arifbwira ati "8inzbongera ukundi kuvuma ubutaka ku bw'abantu, .. kuko gutekereza kw'imitima

y'abantu.. arif kubi, uhoreye mu bwana bwabo, kandi sinzongera kwica ibifite ubugingo byose nk'uko nakoze. 22 Isi ikirih, ibiba n'isarura, n'irnbeho n'ubushyue, n'impeshyi n'urugaryi, n'amata nywa n'ijoro, ntibizashira."

Imana isezeranira Nowa isezerano

9 Imana iha umugisha Nowa n'abana be, irabawira iti "Mwororoke; mugwire, mwuzure isi. 21 Nyamaswa 20 mu isi zose n'inyoni n'ibisiga byo mu kirere byose bizabagirira ubwoba, bizabatinya. Murabihawe byo n'ibuyuzaye. ku butaka byose, n'amafi yo mu nyanja yose. 3 Ibyigenza byose bifite ubugingo bizaba ibykurya byanyu, mbibahaye byose nk'uko nabahaye ibimera bibisi. 4 Arik'o ntimumkaryen inyama n'ubugingo bwayo, ni bwo maraso yayo. • Kandi amarašo yanyu, amarašo y'ubugingo bwanyu, sinzabura kuyahorera. Nzayahorera inyamaswa zose kandi umuntu : na we nzamuhorera ubugingo bw'umuntu, .. nzabuhorera unqeli munty wese. 6 Uvushije amaraso y'umuntu, amaraso ye azavushwa n'abantu, .. kuko Imana yarémeye umuntu. afite ishusho yayo.

7 "Namwe mwororoke mugwire, mu byarie cyane rnu isi, mugwiremo. "

8 Imana ibwirana Nowa n'abana be iti 9 "Ubwanye nkomeje isezerano ryanje namwe n'urubayaro." rwanyu .. ruzakurikiraho, 1. n'ibifite ubugingo byose muri kumwe, inyonu n'ibisiga n'amatungo, n'inyamaswa 20 mu isi zose hamwe namwe, ibisohotse mu nkuge byose, inyamaswa zo mu isi zose. 11 Ndaqomeza isezerano ryanje namwe: ibifite umubiri byose ntibizongera : kurimbura n'amazi y'umwuzure, kandi nthazabaho, ukundi umwuzure urimbura isi." 12 Imana iravuga iti "Iki ni cyo kimenyetso. cy'isezerano" nsezeranye namwe n'ibifite ubugingo byose muri kumwe, kugeza ibihe byose. 13 Nshyize umtiheto wanjye mu gicu, ni wo mukororombya, uzaba ikimyenyetso : cy'isezerano ryanje n'isi. 14 Nuko ubwo nzajya nzana igicu hejurty'isi, umukororombya uzabonkera muri cyo, 15 nanjye nzajya nibuka isezerano rit'i hagati yanjye namwe n'ibibaho bifite umubiri byose: amazi ntakongere kuba umwuzure urimbura ibifite umubiri byose. 16 Umukororombya uzaba mu gicu, nanjye nzajya

nywureba kugira ngo nibuke isezerano rihoraho, ry'Imana, n'ibibaho, bifite umubiri byose biri mu isi." 17Imana ibwira Nowa iti "Icyo ni cyo kimenyetso cy'isezerano nakomeje riri hagati yanje n'ibifite umubiri byose biri mu isi."

18 Bene Nowa basohotse mu nkuge ni Shemu na Hamu na Yafeti... Hamu ni se wa Kanani... 19 Abo uko ari batatu ni bo Nowa yabyaye, ari bo bakomotsweho n'abakwiriye mu isi yose.

20 Nowa atangira guhinga ubutaka ateramo uruzabibu, 24anywa vino' yarwo arasinda, yambarira ubusa mu ihema ryé. 21Hamu se wa Kanjini abona se yambaye ubusa, abibwira' bene se bari hanze. 23Shemu na Yafeti benda umwambaro.. bawushyira ku bitugu byabo bombi, bagenza imigongo batwikira ubwambure. bwa se, kandi kuko baři bamuteye imigo-ngo ntibarora ubwambure. bwe. 24Nowa arasinduka, amenyá ibyo umuherezzi we yamugirije. 2sAravuga ati

"Kanani avumwe,

Azabe umugaragu w'abagaragu
kuri bene se."

26Kandi ati

"Uwiteka ahimbazwe,
Ni we Mana ya Shemu,
Kanani abe umugaragu we.

27Imana yagure Yafeti,

Abe mu mathema ya Shemu,
Kaniini abe umugaragu we."

28 Hanyuma ya wa mwuzfue, Nowa amara imyaka magana atatu na mirongo itanu. 2. Iminsi yose Nowa yaramye ni imyaka magana urwenda na mirongo itanu, arapfa.

Urubyaro rwa bene Nowa

(J Ngoma 1.5-23)

10 Uru ni urubyaro rwa bene Nowa, ni bo Shemu na Hamu na Yafeti, babyaye abana hanyuma ya wa mwuzure.

2 Bene Yafeti ni Gomeri na Magogi, na Madayi na Yavani na Tubali, na Mesheki na Tirasi... 3Bene Gomeri ni Ashikenazi na Rifati na Togaruma. 4Bene Yavani ni Elisha na Tarushishi, na Kitimu na Dodanimu. 5Abo ni bo bagabiwe ibirwa by'abanyamahanga, nk'uko ibihugu byabo biri, umuntu wese nk'uko **ururimi rwabo rumeze, nk'uko imiryango** yabo iri, nk'uko amahanga yabo ari..

6 Bene Hamu ni Kushi na Misirayimu, na Puti na Kaniini. 7Bene Kushi ni Seba na Havila, na Sabuta na Riima na Sabuteka, bene Riima ni Sheba na Dedani. 8Kandi Kušhi yabyaye Nimurodi, atangirā kuba umunyamaboko mu isi.. •Yari umuhigi w'umunyamaboko imbere y'Uwiteka, ni cyo gituma bavuga bat "Nka Nimurodi, wa muhigi w'umunyamaboko imbere y'Uwiteka." 10Igihugu yimyemo ubwa mbere ni Babeli na Ereki, na Akadi n'i Kalune mu gihugu cy'i Shinari.. "Ava muri icyo gihugu ajya muri Ashuri, yubaka i Nineve n'i Rehobotiru n'i Kala, 12n'i Reseni iri hagati y'i Nineve n'i Kala (\$0 ni ho wa mudugudu ukorneye).

13 Misirayimu yabyaye Abaludi n' Abanarni, n' Abalehabi n' Abanafuthi, 14n'Abapatirusi n'Abakasiluhi . (ni bo bakornqtsweho n' Abafilisitiya), yabyaye n' Abaqafutori. ..

15 Kaniini yabyaye irnpfura ye Sido-ni na Heti.. 16Yabyaye n' Abayebusi n' Abamori n' Abagirugashi, 17n' Abahi-vi n' Abaruki n' Abasini, 18n' Abanyaru-vadi n' Abasemari n' Abahamat, ubwa nyuma imiryango y' Abanyakaniini irakwira. .. Urugabano rw' Abanyakaniini rwaheraga i Sidoni, rukagenda rwerekeje i Gerari rukageza i Gaza, rukagenda rwerekeje i Sodoru n'i Gomora; na Adima n'i Seboyirnu rukageza i Lesha. 20Abo ni bo buzukuruza ba Hamu, nk'uko irniryango yabo iri, nk'uko indimi zabo ziri, nk'uko ibihugu byabo biri, nk'uko amahanga yabo ari..

21 Na Shemu, mukuru wa Yafeti, sekuruza w'urubyaro, rwa Eberi rwose, na we abyara abana. 22Bene Shemu ni Elamu na Ashuri, na Atupakisadi na Ludi na Aramu. 23Abaña ba Aramu ni Usi na Huli, na Geteri na Mashi... 24Atupakisadi yabyaye Shela, Shela yabyaye Eberi. 25Eberi yabyaye abahungu babiri: umwe yitwa Pelegi kuko mu gihe cye arimo isi yagabanirijwemo, kandi murumuna we yitwa Yokitani. 26Yokitani yabyaye Alumodadi na Shelef, na Hasarumaveti na Yera, 27na Hadoram na Uzali na Dikila, 28na Obalu na Abimayeli na Sheba, 2. na Oflfi na Havila na Yobabu. Abo bose ni bene Yokitani. 30Urugabano.. rw'igihugu cyabo rwaheraga i Mesha, rukagenda rwerekeje i Sefaru, rukageza ku musozi

w'iburasirazuba. 31Abo ni bo buzukuruza ba Shemu, nk'uko imiryango yabo iri, nk'uko indimi zabo ziri, mu bihugu byabo no mu mahanga yabo.

32Iyo ni yo miryango ya bene Nowa nk'uko yabyaranye mu mahanga yabo, muri bo ni ho amahanga yose yagabani-riwe mu isi hanyuma ya wa mwuzure.

Imana inyuranya **indimi** z'abantu

11 Isi yose yari ifite ururimi rurnwe n'amagambo amwe. 'Bagenda berekeye iburasirazuba, babona ikibaya kiri mu gihugu cy'i Shinari, barahatura. 3Barabwirana bat "Mureke tubumbe amatasafari, tuyotse cyane.**Kandi bagiraga amatasafari mu cyimbo cy'amabuye, baka-yafatanisha ibumba mu cyimbo cy'ibondo. 4 Baravuga bat "Mureke twiyubakire umudugudu n'inzu y'amatafari ndende, izagere ku ijuru, kugira ngo twibonere izina rimenyekana, twe gutatañira gukwi-ra mu isi yose."

5 Uwiteka amanurwa no kureba umudugudu n'inzu ndende, abana b'abantu bubatse. 6 Uwiteka aravuga ati "Dore aba ni ubwoko bumwe n'ururimi rumwe, ibyo ni byo babanje gukora none ntakizabananira gukora bagishatse. 7Reka tumanuke tuhahindure ururimi rwabo, rubemo nyinshi zinyuranye, be kumvana." 8Uwiteka abatataniriza gukwira mu isi yose, barorera kubaka wa mudugudu. 9Ni cyo cyatumye witwa Babeli,kuko ari yo Uwiteka yahinduriye ururimi rw'abo mu isi bose, rukavamo nyinshi zinyuranye, kandi ari yo yabakuriyeyo, akabataniriza gukwira mu isi yose.

Urubyaro rwa Shemu

(*1 Ngomo 1.24-27*)

10 Uru ni rwo rubyaro rwa Shemu. Shemu yamaze imyaka ijana avutse, abyara Arupakisadi mu mwaka wa kabiri wa mwuzure ushize. 11Amaze kubyara Arupakisadi, Shemu arongera amara imyaka magana atanu, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

12 Arupakisadi yamaze imyaka mirongo itatu n'itanu avutse, abyara Shela. 13Amaze kubyara Shela, Arupakisadi aJ"ongera amara imyaka magana ane n'itatu, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

14 Shela yamaze imyaka mirongo itatu avutse, abyara Eberi. 15 Amaze kubyara Eberi, Shela arongera amara

imyaka magana ane n'itatu, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

16 Eberi yamaze imyaka mirongo itatu n'ine avutse, abyara Pelegi, 17Amaze kubyara Pelegi, Eberi arongera amara imyaka magana ane na mirongo itatu, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

18 Pelegi yamaze imyaka mirongo itatu avutse, abyara Rewu. 19Amaze kubyara Rewu, Pelegi arongera amara imyaka magana abiri n'icyenda, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

20 Rewu yamaze imyaka mirongo itatu n'ibiru avutse, abyara Serugi. 21Amaze kubyara Serugi, Rewu arongera amara imyaka magana abiri n'irindwi, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

22 Serugi yamaze imyaka mirongo itatu avutse, abyara Nahori, 23Amaze kubyara Nahori, Serugi arongera amara imyaka magana abiri, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

24 Nahori yamaze imyaka makumyabiri n'icyenda avutse, abyara Tera. 25 Amaze kubyara Tera, Nahori arongera amara imyaka ijana na cumi n'icyenda, ayibyaramo abahungu n'abakobwa.

Kuvuka kwa Aburamu

26 Tera yamaze imyaka mirongo irindwi avutse, abyara Aburamu na Nahori na Harani.

27 Uru ni rwo rubyaro rwa Tera. Tera yabyaye Aburamu na Nahori na Harani, Harani yabyaye Loti. 28Harani apfrra aho Tera se ari, mu gihugu yavukiyemo, ahitwa Uri y'Abakaludaya. 29Aburamu na Nahori bararongora, umugore wa Aburamu yitwa Sarayi, umugore wa Nahori yitwa Miluka, umukobwa wa Harani, ni we se wa Miluka na Yisika. 30 Sarayi yari ingumba, ntiyari afite umwana.

31 Tera ajyana Aburamu umwana we na Loti mwene Harani umwuzukuru we, na Sarayi umukazana we, umugore wa Aburamu umuhungu we, bava muri Uri y'Abakaludaya barajana, bavanwayo no kujya mu gihugu cy'i Kanani, bagera i Harani barahatura. 32Insi Tera yaramye ni imyaka magana abiri n'itanu. Tera apfrra i Harani.

Uwiteka yohereza Aburamu i Kanini

12 Uwiteka ategeka Abur-u ati "Va mu gihugu cyanyu, uSlgeumuryango wanyu n'inzu ya so, ujye mu gihugu

nzakwureka. 2Nzaguhindura ubwoko bu-Komeye, nzaguha umugisha, nzogeza izina ryawe, uzabe: umugisha. 3Kandi nzaha umugisha abakwifuriza umugisha, kandi uzakuvuma nzamuvuma, kandi muri wo-we ni mo imiryango yose yo mu isi izaberwa umugisha."

4 Aburamu aragenda nk'uko Uwiteka yamutegetse, Loti ajyana na we. UJ:>wo yavaga i Harani, Aburamu yari amaze. imyaka mirongo irindwi n'itanu avutse. •Aburamu ajyanà Sarayi umugore we, na Loti urfuhungu wabo; n'ubutunzi.. bwose bari batunze, n'abantu baronkeye i Harani. Bavanwayo no kujya mu gihugu cy'i Kanani, Kanini ubwabo ni ho basohoye. 6Aburamu anyura muri icyo gihugu, agera abitwa i Shekemu, abari igiti cyitwa umwe-10ni cya More. Murì icyo gihe Umunyakanini yari muri icyo gihugu. 7Uwiteka abonekera Aburamu aramubwira ati "Uru-byaro rwave nzaruhu iki gihugu." Yubakirayo igicaniro Uwiteka wamubonekeye. 8Avayo ajya ku musozi w'iruhande rw'i-burasirazuba rw'i Beteli, abamba jhemra rye. Beteli, iri iruhande rw'iburengerezuba, na. Ayi iri iruhande rw'iburasirazuba, yubakirayo Uwiteka igicaniro, yambaza izina ry'Uwiteka. 9Aburamu akomeza kugenda yerekeje i Negebu.^h

Aburamu na Sarayi bajya muri Egiputa

10 Inzara itera muri icyo gihugu, Aburamu aramanuka, ajya muri Egiputa asuhukirayo, kuko inzara yari nyinshi muri icyo gihugu. 11Ari bugufi bwo gusohora muri Egiputa, abwira Sarayi urfugore we ati "**Dore nzi yuko uri umugore w'igikundiro**, 12nuko Abanyegiputa nibakubona **bazavuga bati 'Uyu ni umugore we'**, maze banyice nawe bagukizg. 13Ndakwinginze, uzajye ubabwira uti Ndi mushiki we', kugira ngo ngirirwe neza ku bwawe, ukirishe ubugingo bwanjye." 14 Aburamu ageze muri Egiputa, Abanyegiputa bareba uko wa mugore ari mwiza cyane. 13Abatware ba Farawo baramureba baramumushimira, wa mugore ajyanwa kwa Farawo. 16Agirira Aburamu neza ku bwa Sarayi, kandi yari afite intama n'iinka n'indogo be z'ingabo, n'abagaragu n'abaja n'indogobe z'ingore n'ingamiya.

17 Uwiteka ábanisha Farawo n'inzu ye ibago bikomeye, amuhora Sarayi umugore wa Aburamu. 18Farawo abamaga Aburamu aramubaza ati "Icyo wanguiriye iki ni iki? Ko utambwira yuko ari umugore wawe? 19Ni iki cyatumye umbwira ko ari mushiki wawe, nanjye nkamwenda nkamugira umugore wanjye? Nuko nguyu umugore wawe muhyane wigendere." 2.Farawo amuha abantu bo kumuherekeza, bamuherekezanya n'umugore we n'ibyo yari afite byose.

Aburamu na Loti baratandukana

13 Aburamu avana muri Egiputa n'u-mugore we n'ibye byose, na Loti, ajyana na we, bajya i Negebu. 2Aburamu yari afite ubutunzi, bwinski bw'amatungo n'ifeza n'izababu. 3Aragenda, ava i Negebu agera i Beteli, agera abo mbere yabanje kubamba ihema rye, hagati.. y'i Beteli na Ayi, abari igicaniro yubatse mbere. Aburamu yambarizabo izina ry'Uwiteka.

5 Kandi na Loti wagendanága na Aburamu, yari afite imikumbi n'amashyo n'amabema. 6Icyo gihugu nticyabkwiri-ye kugituránamo, kuko ubutunzi bwabo bwari bwinski, bibabuza guturána. 7Habaho intonganya z'abašumbá b'inka za Aburamu n'ab'iza Loti, kanidi muri icyo gihe Abanyakaniini n'Abaferizi babaga muri icyo gihugu.

8 Aburamu abwira Loti ati "He kubaho intonganya kuri jye nawe, no ku bashumba bacu, kuko turi abavandimwe. 9Mbese ighugu cyose ntikiri imbere yawe? Ndakwinginzè tandukana nanjye. Nuhitamo kujya ibumoso nanjye nzajya iburyo, cyangwa nuhitamo kujya iburyo nanjye nzajya ibumoso."

10 Loti arambura amaso, abona ikibaya cyo ku ruzi Yorodani cyose, yuko kinese hose hose. Uwiteka atalarirnbura i Sodomu n'i Gomora, icyo kibaya kugeza i Sowari cyari kimeze nka ya ngobyi y'Uwiteka, nk'ighugu cya Egiputa. 11Nuko Loti yihi-tiramo jkibaya cyose cyo kuri Yorodani, ajya iburasirazuba, baratandukana, 12Aburamu atura mu gihugu cy'i Kanani, Loti atura mu miduglldu yo muri. cya kibaya, **yimura ihema rye, agera i Sodomu.** 13Kandi Abasodomu bari babi, bari abanyabyaha bacumura ku Uwiteka cyanie.

12.1: Iby.k 7.2-3; Heb 11.8 12.3: 0.13.8 12.7: Iby.k 7.5; 0.13.16 12.13: Jt.ng 20.2; 26.7

13.10: It.ng 2.10

^h Negebu ni ighugu cy'ikusi y'j Kanani: reba Itang 13.14.

14 Loti amaze gutandukana na Aburamu, Uwiteka abwira Aburamu ati "Rambura amaso urebe, uhore aho uri hano, ikasikazi n'ikusi,i n'ihurasirazuba n'iburengerezuba. 15Igihugu cyose ubonye ni wowe nzagiba n'urubyaro.. rwawe iteka ryose. 16Kandi nzagwiza urubyaro.. rwawe ruhwane n'umukungugu wo hasi. Umuntu.. yashobora kubara umukungugu wo hasi, urubyaro rwawe na rwo rwaza-barika. 17Haguruka ugende, unyure muri iki gihugu mu burebure bwacyo no mu bugari bwacyo, kuko ari wowe nzagiba." 1.Aburamu yimura ihema rye aragenda, atura ku biti byitwa imyeloni bya Mamure biri i Heburoni, yubakirayo Uwiteka igicaniro..

Loti afatwa mpiri, Aburamu aramurengera

14 Ku ngoma za Amurafeli.. umwami w'i Shinari, na Ariyoki umwami, wa Elasar; na Kedorulawomeri umwami wa Elamu, na Tidalı umwami w'i Goyimu, 2 abo bami barwanije Bera umwami w'j Sodomu, na Birusha umwami w'j Gomora, na Shinabu umwami wa Adima, na Shemeberi umwami w'i Seboyimu, n'umwami w'i Bela (ni ho Sowari). 3 Abo bose bateranira mu gikombe cya Sidirnu (aho ni ho Nyanja y'Umunyu). 4Bamaze imyaka cumi n'ibiru bakorera Kedorulawomeri, mu mwaka wa cumi n'itatu baragoma. 5Mu mwaka wa cumi n'ine, Kedorulawomeri n'abami bari kumwe na we baraza, baneshereza Abarafa muri Ashiteroti Karunayimu, baneshereza n'Abasuzi i Hamu, baneshereza n'A-bemini i Shavekiriyatayimu, 6baneshereza n'Ababori ku musozi wabo Seyiri, barabirukana babageza muri Eliparani, iri hafi y'ubutayu... 7Basubirayo, bagera muri Enimishipati (ni ho Kadeshi), banesha Abamaleki mu gihugu, cyabo cyose, n'Abamori batuye Hasasonitamari..

8 Maze hatabara umwami w'i Sodomu, n'umwami w'j Gomora, n'umwami wa Adima, n'umwami w'j Seboyimu, n'umwami w'i Bela (ni ho Sowari), bashingira urugamba mu gikombe cya Sidimu. 9Barwanya Kedorulawomeri umwami wa Elamu, na Tidalı umwami. w'j Goyimu, na Amurafeli umwami w'j

Shinari, na Ariyoki umwami wa Elasar, abane barwanya abatanu. 10Kandi icyo gikombe cya Sidimu cyari cyuzuyemo imyobo irimo ibumba, abami b'i Sodomu n'i Gomora bařabunga bagwamo, abacisse ku icumu babungira ku musozi. 11Banyaga ibantu. by'i Sodomu n'i Gomora n'ibyokurya byabo byose, baragenda. 12Na Loti bamufatirayo mpiri, umuhungu.. wabo wa Aburamu wari utuye i Sodomu, banyaga ibantu bye barigendera.

13 Haza umuntu umwe wacitse ku icumu, abibwira Aburamu Umuheburayo. Yari atuye ku biti, byitwa imyeloni **bya Mamure Umwamori, mwene se wa** Eshikoli na Aneri, bari basezeranye na Aburamu. 14Aburamu yumvise yuko mwene wabo yafashwe mpiri, atabarana n'umutwe we wigishijwe kurwana, bavukiye mu rugo rwe, magana atatu na cumi n'umunani bařabakurikira bagera i Dani. 15Aburamu n'abagaragu be bigabanyamo. **imitwe njoro barabatera, barabanesha,** barabirukana babageza i Hoba, iri ibumoso bw'i Damasikq. 16Agarura iminyago yose, na Loti mwene wabo n'ibye, n'a-bagore na bo n'abandi bantu.

17 Atabarutse avuye gutsinda Kedorulawomeri n'abandi bami bari kumwe na we, umwami w'i Sodomu amusanganirira mu gikombe |Shave (ni cyo gikombe cy'umwami). | Kandi. Melikisedeki **umwami w'i Salemu azana imitsima na** vino, yari umutambyi w'Imaqa. Isumba-byose. 19Amuhesha umugisha ati "Aburamuahabwe umugisha n'Imana Isumba-byose, nyir'ijuru.. n'isi, 20kandi Imana Isumbaboyose ihimbazwe, yakugabije ababisha bawe." Nuko Aburamu amuha kimwe mu icumi cya byose.

21 Umwami w'i Sodomu abwira Aburamu ati "Mpa abantu, ibantu, ubiyijyanire."

22 Aburamu asubiza, umwami w'i Sodomu ati "Ndahirishirije Uwiteka kumanika ukuboko kwanje, ni we Mana Isumbaboyose, nyir'ijuru n'isi, 23yuko ntazatwara akadodo cyangwa agashumi k'inkweto ko mu byawe, kugira ngo utibwira uti 'Ni jye utungishije Aburamu.' 24Keretse gusa wishyura iřnpamba nabaye abagaragu . banjye, kandi. uhe abo twatabaranye umugabane. Aneri na Eshikoli na Mamure böabajane umugabane, wabo."

t3.15: lbyak 7.5 14.18-20: Heb7.I-IO

i ikasikazi ni mu majyaruguru; ikusi ni mu majyepfo.

Aburamu yizera Uwiteka; Uwiteka amusezeranya isezerano

15 Hanyuma y'ibyo, ijambo ry'Uwiteka riza kuri Aburamu, mu iye-rekwa riti "Aburamu, witinya ni jye ngabo igukingira, uzagororerwa ingorarano ikomeye cyane."

2 Aburamu aramubaza ati "Mwami Uwiteka, uzangororera iki ko ngenda ndi incike, kandi uzazungura urugo rwanje ari Eliyezeri Umunyadamasiko?" 3 Ati "Dore nta rubyaro wampaye, kandi uwavukiye mu rugo rwanje azaragua ibyanje."

4 Maze ijambo ry'Uwiteka riza kuri we riti "Uwo si we uzaragwa ibywae, ahubwo uzakomoka ku rukiryi rwawe ni we uzabiragwa." 5 Aramusohokana aramubwira ati "Rarama urebe ijuru, ubaré inyenyeri niba wabasha kuzibara." Ati "Urubyaro rwawe ni ko ruzangana."

6 Nuko yizera Uwiteka, abirnuhwani-riza no gukiranuka.

7 Aramubwira ati "Ni jye Uwiteka wakuvaniye muri Uri y'Abakaludaya kugira ngo m:akurage iki gihugu."

8 Aramubaza ati "Mwami Uwiteka, icyamenesha yuko nzakiragwa ni iki?"

9 Aramusubiza ati "Enda iriza y'inka imaze imyaka itatu ivutse, n'ibuguma y'ihene imaze imyaka itatu, n'impfizi y'intama imaze imyaka itatu, n'intungura imwe, n'icyana cy'inuma." 1° Maze yenda ibyo byose abicamo kabiri, arabyerekeranya, keretse za nyoni ni zo atagabaniye. 11 Inkongoro zugwaga ku mirambo, Aburamu, akazigurutsa.

12 Ku kirengarenga Aburamu asinzira ubuticura, uhwoba butewe n'umwjjima w'icuraburindi buramufata. 13 Uwiteka abwira Aburamu ati "Menya neza yuko urubyaro rwawe ruzaba abashyitsi mu gihugu kitari icyabo, bazakorera ab'aho, na bo bazabababaza imyaka magana ane. 14 Nanje nzacira ho iteka iryo shyanga bazakorera, ubwa nyuma bazarivamo bavanyemo ubutunzi; bwinshi. "Ariko we-hoho uzasanga ba sogokurusa amahoro, uzahambwa ushaje neza. 16 Ubuvivi bwabazajayyo ni bwo buzagaruka ino, kuko gukirinirwa kw' Abamori kutaruzura."

17 Maze izuba rirenze hatakibona, ikome ricumba n'urumuri rwaka binyura

hagati ya bya bice. 18 Kuri uwo munsi Uwiteka asezeranya Ahuramu isezerano, ati "Urubyaro rwawe nduhaye iki gihugu, uhereye ku ruzi rwा Egiputa ukageza ku ruzi runini ari rwo Ufurate, 19 igihugu cy'Abakeni n'icy'Abakenizi n'icy'Abakadimoni, 20 n'icy' Abaheti n'icy' Abaferti-z i n'icy' Abarafa, 21 n'icy' Abamori n'icy' Abanyakanarn, . n'icy' Abagirugashi n'icy' Abayebusi."

Aburamu acyura Hagari; na we asuzugura Sarayi, maze Sarayi **aramwirukana**

16 Sarayi umugore wa Aburamu ntibari babyaranye, kandi yari afite umuja w'Umunyegiputakaži .. witwaga Hagari, 2 Sarayi abwira Aburamu ati "Dore Uwiteka, yaniryne urubyaro. Ndakwinginze gira umuja wanje inshoreke, ahari nazabonera urubyaro kuri we." Aburamu yumbira Sarayi, 3 Nuko Aburamu amaze imyaka cumi atuye mu gihugu cy'i Kanani, Sarayi umugore we, ajyana Hagari Umunyegiputakaži . umuja we, amushyiningira Aburamu umugabo we. 4 Aryamana na Hagari asama inda, abonye yuko asamye inda, bimusuzuguza.. nyirabuja.

5 Sarayi abwira Aburamu ati "Guhemurwa kwanje kure kuri wowe, ko nashyize umuja wanje mu gituza cyawe, maze abonye yuko asamye inda biramunsuzuguza. Uwiteka abe ari. we uducira urubanza wowe nanje."

6 Aburamu asubiza Sarayi ati "Dore umuja wawe mwitegekere, umugire uko ushatse kose." Sarayi amugirira nabi, na we aramuhunga.

7 Marayika w'Uwiteka amubonekera mu butayu, ari hafi y'isoko yo mu nzira iyya i Shuri, 8 Aramubaza ati "Hagari muja wa Sarayi, urava he ukajya he?" Aramusubiza ati "Mpunze, mabuja Sarayi."

9 Marayika w'Uwiteka aramubwira ati "Subirayo kwa nyokobuja, wemere ibyo akugirira." 10 Marayika w'Uwiteka arongera aramubwira ati "Nzagwiza . cyane urubyaro rwawe, rwe kubarika." 11 Marayika w'Uwiteka arongera aramubwira ati "Dore, uratwite uzabyara umuhungu, uzamwite Ishimayeli, i kuko Uwiteka yu-mvise kubabazywa kwawe. 12 Hagati y'a-bantu azameru nk'irnparage, azagira undi

15.5: Rom 4.18; Heb 11.12 15.6: Rom 4.3; Gal 3.6; Yak 2.23 15.12: Yobu 4.13,14

15.13: Kuva 1.1-14; Ibyak 7.6 15.14: Kuva 12.40-41; Ibyak 7.7 15.18: Ibyak 7.5

/ Ishimayeli risobanurwa ngo Imana irumva.

muntu wese umubisha we, n'abandi bose bazamugira umubisha wabo, azatura imbere ya bene se bose."

13 Ahimba Uwiteka wavuganye na we izina ati "Uri Imana ireba." Ati "Mbese Indeba nayiboneye na hano?" 14 Ni cyo cyatumye rya riba ryitwa Iriba rya Lahayiroiyik, riri hagati y'i Kadeshi n'i Beredi.

15 Aburamu abyaranana na Hagari umuhungu. Aburamu yita umuhungu we Hagari yabyaye, Ishimayeli. 16 Aburamu yari amaze imyaka mirongo inani n'itandatu avutse, ubwo yabyaranaga na Hagari Ishimayeli.

Imana ihindura amazina ya
Aburamu na Sarayi

17 Aburamu amaze imyaka mirongo urwenda n'icyenda avutse, Uwiteka aramubonekera aramubwira ati "Ni jye Mana Ishoborabyose, ujye ugendera imbere yanjiye kandi utungane rwose. 2 Nanjiye ndasezerana isezerano ryanjiye nawe, nzakugwiza cyane." 3 Aburamu arubama, Imana irarnubwira iti 4 "Dore isezerano ryanjiye ubwanjiye ndariguhaye, nawe uzaba sekuruza w'amahanga menshi. Kandi ntuzitwa ukundi Aburamu, ahubwo wiswe Aburahamu kuko nkugize sekuruza w'amahanga menshi. 6 Kandi nzakororotsa cyane, nzatuma amahanga agukomokaho, n'abami bazagukomokaho.

7 "Kandi nzakomeza isezerano ryanjiye nawe n'urubyaro rwave ruzakurikiraho, rigeze ibihe byose, ribe isezerano rihoraho, kugira ngo nkubere Imana wowe n'urubyaro rwave ruzakurikiraho. 8 Kandi wowe n'urubyaro rwave ruzakurikiraho, nzabaha igihugu cy'ubusuhuke bwawe, igihugu cy'i Kaniini cyose kuba gakondo y'iteka, nanjiye nzaba Imana yabo."

Imana ishyiraho gukebwa ho
ikimenyetso cy'isezerano ryayo

9 Imana yongera kubwira Aburahamu iti "Nawe uzakomeze isezerano ryanjiye, wowe n'urubyaro rwave ruzakurikiraho kugeza ibihe byabo byose. 1-Iri ni ryo sezerano ryanjiye muzakomeza, riri hagati yanjiye namwe n'urubyaro rwave ruzakurikiraho, umugabo wese muri mwe azakebwa. 1 Muzakebwa umunwa w'ibyo

mwarnbariye, kizaba ikimenyetso cy'isezerano ryanjiye namwe. 12 Umuhungu wese muri mwe uzaba amaze iminsi munani avutse azakebwa, bigeze ibihe by'ingoma zanyu zose. Uzaba avukiye mu rugo rwave, cyangwa utari uwo mu rubyaro rwave waguzwe n'ifeza n'abanyarnahaha, 13 uvukira mu rugo rwave n'uwiguzwe igiciro bakwiriye gukebwa, kandi isezerano ryanjiye rizaba ku mibiri yanyu, ribe isezerano rihoraho. 14 Kandi umugabo utakebwe umunwa w'icyo yambariye azakurwa mu bwoko bwe, azaba yishe isezerano ryanjiye."

Imana isezeranya yuko Sara
azabyara umuhungu

15 Imana yongera kubwira Aburahamu iti HSarayi umugore wawe ntukamwite ukundi Sarayi, ahubwo ujye umwita Sara. 16 Nanjiye nzamuha umugisha kandi nzaguha umwana w'umuhungu kuri we. Nzamuha umugisha koko kandi azaba nyirakuza w'amahanga, abami b'aranya-hanga bazakomoka kuri we."

17 Maze Aburahamu arubarna, araseka aribaza ati "Mbese umwana azabyarwa n'umaze imyaka ijana avutse? Kandi na Sara umaze imyaka mirongo urwenda, azabyara?" 18 Aburaharnu abwira Imana ati "Icyampa Ishimayeli akabaho, ari imbere yawef!"

19 Imana irarnusubiza iti "Ahubwo Sara umugore wawe ni we uzabyaraho umuhungu, uzarnwite Isaka'. Nanjiye nzakomeza isezerano ryanjiye na we, ngo ribere urubyaro ruzakurikiraho isezerano ridashira. .. Kandi ibya Ishimayeli ndakumiye: dore muhaye umugisha, nzamwororotsa mugwize cyane, azabyara abatware cumi na babiri kandi nzamuhindura ubwoko bukomeye. 21 Ariko isezerano ryanjiye nzarikomeza na Isaka, uwo uzabyarana na Sara mu gihe nk'iki cy'umwaka utaha, kuko ari icyo nashyizeho." 22 Imana iroreru kuvugana na we, irazamuka, iva aho Aburaharnu ari.

23 Aburahamu ajyana Ishimayeli umuhungu we, n'abandi bose bavukiye mu rugo rwe, n'abo yaguze ifeza ze, umugabo w'abo mu rugo rwe, abakeba kuri uwo munsi uko Imana yari yarnutegetse. 4 Aburahamu yari amaze

16.15: Ga14.22 t7.5: Rom4.17 t7.7: Luka 1.55
k Lahayiroi risobanurwa ngo Iry'Ihoraho indeba.

f Isaka risobanurwa ngo Useka. Reba Itang 18.12-15; 21.6,7.

17.8: Ibyak 7.5 17.10: Ibyak 7.8; Rom4.11

imyaka mirongo urwenda n'icyenda avutse, ubwo yakebwaga umunwa w'icyo yambariye. 25Ishimayeli' umuhungu we yari amaze imyaka cumi n'itatu, ubwo yakebwaga. 26Ku munsi umwe Aburabamu akebanwa n'umuhungu we Ishimayeli. 27N'abagabo bose bo mu rugo rwe, abaruvukiyemo n'abo yaguze n'abanyamabanga, bakebanwa na we.

Imana yongera gusezeranya yuko
Sara azabyara umuhungu

18 Uwiteka abonekera Aburaharnu kuri bya biti byitwa imye10ni bya Mamure. Yari yicaye mu muryango w'i-hema rye ku manywa y'ihangu, 'yubura amaso abona abagabo batatu bábagaze imbere ye, ababonye ava mu muryango w'i-hema arirukanka arabasanganira, **yikubita hasi ɔ aravuga ati "Databuja, niba nkugiriyeho umugisha, ndakwinginze we kunyura ku mugaragu . wawe, 4abubwo bazane utuzi mwoge ibirenge muruhukire munsi y'igit. 5kandi nanje mbazanire **utwo kurya mwice isari, mubone kugenda** ubwo muje ku mugaragu wanyu."**

Baramusubiza bati "Ubigenze uko **uvuze.**"

6 Aburahamu arihuta yinjira mu ihemma, aşanga Sara aramubwira ati "Tunganaya vuba indengo n'umucagate by'arnafumeza, **uvugemo imitsima.**" 7 **Aburahamu** arirukanka ajya mu bushyo, azana ikimasa cyoroshye cyiza agiha umusongozi we, arihuta aragitaka. 8Yenda amavuta n'amata n'inyma z'icyo kimasa yetsetse abishyira imbere yabo, abahagarara iruhande munsi ya cya gitit baqarya.

9 Baramubaza bati "Sara umugore wawe ari he?"

Arabasubiza ati „Ari mu ihema."

10 Undi aramubwira ati "Iki gihe cy'umwaka nikigaruka, sinzabura kugaruka aho uri, **Sara umugore wawe** abyare umuhungu."

Sara abyumva ari mu muryango w'i-hema uri inyuma ye. 11Aburahamu na Sara bari bashaje, bageze mu za bukur, kandi Sara ntiyari akijya mu mihangi y'abakobwa. 12Sara asekera **mu mutima ati "Ko maze gukecura, nzanezerwa ntyo kandi umutware wanjye** akaba ashaje?"

13 Uwiteka abaza Aburabarnu ati."Ni iki gishekeje Sara, akibazá ati 'Ni ukuri koko nzabyara, nkecuye?' 14Harí ikinanira. Uwiteka se? Mu gihe cyashyizweho, iki gihe cy'umwaka. nikigaruka nzakugarakaho, Sara abyare umuhungu."

15 Maze Sara arabákana ati "Sinsetse", kuko **yatinyaga.**

Aramusubiza ati "Oya, urasetse."

Imana ibwira Aburahamu ko igiye **kurimbura** i Sodomu

16 Abo bagabo barabaguruka. **baragernla, berekeza amaso i Sodomu, Aburahamu** arababerekeza. 17Uwiteka aribaza ati "Aburabamu namuhishá icyo ngiye gukora? 18Kuko Aburahamu atazabura gujhinduka ubwoko bukomeye bw'ubunyarnaboko, kandi amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha muri we. 1.Kuko icyatumye mumenza, ari ukugira ngo ategke abana be n'abo mu rugo rwe bazakurikiraho, gukomeza mu nzira y'Uwiteka, bakora ibyo gukiranku. baca imanza zatabera, kugira ngo Uwiteka azaniye Aburabamu ibyo yamuvuzeho."

20 Uwiteka aravuga ati "Ubwo gutaka kw'abarega i Sodomu n'i Gomora ari, kwinshi, ibyaha byaho bigakabya cyane, 'l ndamanuka ndebe ko bakora ibihwanye rwose no gutaka kw'abaharega kwangezeho, kandi niba atari ko bimeze, **ndabimenya.**"

22 Abo bagabo barahindukira, bava aho bagenda berekeze i Sodomu, Aburaharnu agihagaze imbere y'Uwiteka.

Aburahamu asabira i Sodomu

23 Aburahamu aramwegera aramubaza ati "Warimburana abakiranutsi n'abanyabyaha? 24Ahari muri uwo mudugudu harimo abakiranutsi mirongo itanu. Wahrimburana se ukanga kuhareka ku bw'abakiranutsi mirongo itanu bahari? 2sNtibikaguturukeho kugira utyo, kurimburana abakiranutsi n'abanyabyaha... abakiranutsi bagahwana n'abanyabyaha... kirakazira! Umucamanza w'abari mu isi bose ntiyakora ibyo kutabera."

26 Uwiteka aramusubiza ati "Nimbona i Sodomu abakiranutsi mirongo itanu bari muri uwo mudugudu, nzahabarira hose ku bwabo."

27 Aburahamu arongera aramubwira ati "Mpangaye kuvugana n'umwami wanyje, nubwo ndi umukungugu n'ivu gusa. 28 Ahari ku bakiranutsi miróngó itanu hazaburaho batanu, uzarimbura umudugudu wose, kuko habuzeho batanu?"

Aramusubiza ati "Sinzwurimbura nimbonayo mirongo ine na batanu."

29 Arongera aramubwira ati "Ahari hazabonekamo mirongo ine."

Aramusubiza ati "Sinzwurimbura ku bw'abo mirongo ine."

30 Aramubwira ati "Umwami ye kurakara, nanje ndavuga. Ahari hazabonekamo mirongo itatu."

Aramusubiza ati "Sinzwurimbura nimbonayo mirongo itatu."

31 Aramubwira ati "Dore mpangaye kuvugana n'umwami wanje. Ahari hazabonekamo makumyabiri."

Aramusubiza ati "Sinzwurimbura ku bw'abo makumyabiri."

32 Aramubwira ati "Umwami ye kurakara, reka mvuge rimwe gusa. Ahari hazabonekamo icumi."

Aramusubiza ati "Sinzwurimbura ku bw'abo cumi." 33 Uwiteka arigendera, amaze kuvugana na Aburahamu, Aburahamu asubira iwe.

Abamarayika bagera i Sodomu;
ab'aho babagirira nabi

19 Ba bamarayika bombi bagera i Sodomu nimugoroba, Loti yari yicaye mu marembo y'i Sodomu. Loti ababonye arahaguruka ngo abasangani-re, yikubita hasi yubainye. 2 Arababwira ati "Ndabinginze ba databuja, nimwinji-re mu nzu y'umugaragu wanyu, muhara bucye, mwoge ibirenge, ejo muza-zinduke mugende."

Baramusubiza bati "Oya, turarara mu nzira bucye."

3 Arabahata bajya iwe, binjira mu nzu ye. Abatekera ibyokurya, yotsa imitsirna idasembuwe, bararya.

4 Batararyama, abagabo bo muri uwo mudugudu Sodomu bagota iyo nzu, abato n'abakuru bose, bavuye ahantu hose ho muri wo. 5 Bahamagara Loti baramubaza bati "Abagabo binjiye iwawe muri irí joro bari he? Basohore turyamane na bo."

6 Loti ajya ku rugi, arasohoka, aruki-ngra inyuma ye. 7 Arababwira ati "Bene data, ndabinginze ntimukore icyaha kiningana gityo. 8 Dore mfite abakobwa babiri batararyamana n'abagabo, ndabasohora mubagirire ibyo mushaka byose. Gusa abo bagabo mwe kugira icyo mubatwara, kuko bageze munsi y'ipfundo ry' inzu yanje."

9 Baramusubiza bati "Have tubise!"

Bati "Urú rugabo rwaje rusuhuka, none rwigize umucamanza. Turakujirira inabi iruta iyo tugiye kugirira ba bandi." Basunika. Loti cyane, begera urugi kuru-mena. 10 **Maze ba bagabo basingiriza** Loti amaboko, bamwinjiza mu nzu, barkinga urugi. 11 Batera ubuhumyi abagabo bo ku rugi tw'inzu, abato n'abakuru, birushya bashaka urugi.

12 Ba bagabo babaza Loti, bati "Hari abandi bantu ufite? Umukwe wawe n'abahungu bawe n'abakobwa bawe, n'abo ufite mu mudugudu bose, bakuremo. 13 Tugiye kujimbura aha hantu, kuko gutaka kw'abaharega kwagwiriye imbere y'Uwiteka, akadutuma kuharimbura."

14 Loti arasohoka, avugana n'aba-kwe be barongoyem abakobwa be, arababwira ati "Nimuhaguruke, muve aha hantu, kuko Uwiteka agiye kurimbura uyu mudugudu." Ariko abakwe be bo babigize nk'ibikino.

Abamarayika bakura Loti i Sodomu, Imana iraharimbura

15 Nuko bukeye mu gitondo, ba bamarayika batera Lotii umwete bati "Haguruka-uyane n'umugore wawe n'aba bákobwa bawe bombi bari hano, kugirá ngo utarimburíwa mu gihano cy'umudugudu."

16 **Maze azaririye**, abo bagabo bfata ukuboko kwe n'uk' umugore we n'ay'abako-bwa be: bombi, Uwiteka amubabariye, baramusohora, bamushyira inyuma y'uwo mudugudu. 17 Bamaže kubakuramo, umwe muri bo aravuga ati "Hunga udapfa. Ntuberé inyuma kandi ntutinde utararangiza iki kibaya, hungira ku musozi utarirnbuka."

18 Loti arababwira ati "Bye kuba bitýo Mwami, ndakwinginze. 19 Dore umugaragu wawe nkugiriyeho umugisha, kandi ugwiye iimbabazi zawe ungiriyie, ubwo ukijije ubugingo bwanje. Sinahunga ngo ngere

kuri uriya musozi icyo cyago kitaramfata ngo mpfe. 20Dore uriya mudugudu ni wo uri bugufi bwo guhungirwaho kandi, ni muto. Reka nyuhungiremo, ubugingo bwanjye bukiré. Ntutora ko ari. muto?"

21 Arariitusubiza ati "Dore ku byo uvuze ibyo, ndakwemereye kutarimbura umudugudu uvuze. 22Ihute uhungireyo, kuko ari nta cyo mbasha gukora utarage-rayo." Ni cyo cyatumye uwo mudugudu wita Sowari."

23 Loti agera i Sowari izuba rirashe. 2. Maze Uwiteka agusha kuri Sodomu n'i Gomora amazuku n'umuriro. bivuye ku Uwiteka mu ijuju. 25Atsemba iyo midugudu yose na cya kibaya cyose n'abayityuemo bose, n'ibyameze ku butaka. 2. Arikó muwa Loti arakebuka, areba inyuma amukurikiye, ahinduka inkinci y'unumyu.

27 Aburahamu azinduka kare, ajya aho y'ari yahagarariye imbere y'Uwiteka, 2. yerekeza amaso i Sodomu n'i Gomora n'igihugu cyose cya cya kibaya, abona umwotsi waho ucumba nk'u-mwotsi w'ikome.

29 Ubwo Imana yarimburaga imidugudu yo muri icyo kibaya, yibutse Aburahamu, yohereza Loti, ngo ave muri iryo tsembwa, ubwo yatsembaga imidugudu Loti yari atuyemo.

Inkomoko y'Abamowabu n'Abamoni

30 Loti ava i Sowari, arazamuka ajya ku musozi, abanayo n'abakobwa be bombi kuko yatinyaga gutura i Sowari, abana n'abakobwa be bombi mu buvummo. 31 Uw'impfura abwira murumuna we ati "Data arashaje, kandi nta muntu mu isi wo kuturomgora nk'uko abo mu isi bose bakora. J2Reka dutereke data vino, turyamane na we, kugira ngo ducikure data." 33 Batereka se vino muri joro, uw'impfura aragenda aryama-na na se, se ntiyamenya ko yaryamye cyangwa ko yabyutse.

34 Bukeye bwaho, uw'impfura abwira murumuna we ati "Iri..joro: ryakeye naryamanyne na Oota. Twongere tumutereke n'iri joro, nawe ugende uryamane na we, ducikure Oota." J5N'iryo joro bongera guterekwa se, umuto arahaguruka aryamaná na we, se ntiyamenya ko yaryamye cyangwa ko

yabyutse. 36'Uko ni ko abakobwa ba Loti bombi basamye inOOza se. J7Uw'impfura abyara umuhungu añawitwa, Mowabu. Uwo ni we sekuruza w' Abariñowabu na bugingo n'ubu. "Umuo na we abyara umuhungu amwita Benami, ari we sekuruza. w'Abamoni na bugingo n'ubu.

Umwami w'i Gerari acyura Sara, Imana imutegeka kumusubiza Aburahamu

20 Aburahamu avayo agenda yere-keje i Negebu, atura hagati y'i Kadeshi n'i Shuri, asuhukira i Gerari. 2Aburahamu avuga Sara umugore we ati. "Ni mushiki wanjye", Abimeleki umwami w'i Gerari atumira Sara aramujiana. 3Maze Imana ibonekerera Abimeleki mu nzosi nijoro, iramubwira iti "Umez nk'intumbi ku bwa wa mugore wenze, kuko afite umugabo."

4 Arikó Abimeleki yari. ataramwege, arayibaza ati "Mwami, wakwica ishyanga nubworikiranuka? 5Ubwesiwewavuze ati 'Ni mushiki wanjye'? N'umugore na we ubwe ntiyavuze ati 'Ni musaza, wanjye'? Icyo nk'oze icyo, ngik'oze mfite umutima ukiranutse n' affiabóko atanduye."

6 Imana imusubiriza mu nzosi iti "Koko nzi yuko ukoze ibyo ufite umutima ukiranutse, kandi nanje nakubujije kuncumjraho, ni cyo cyatumye ntakundira kumukoraho. 7Noneho subiza uwo mugabo umugore we, kuko ari umuhanuzi, azagusabira ukarama. Arikó nutamumusubiza, umenye yuko utazabura gupfana n'abawe bose."

8 Abimeleki azinduka, kare kare, ahama-gaza abagaragu be bose, abatekerereza ibyo byose, baratinya cyane. • Maze Abimeleki ahama-gaza Aburahamu arariúba-za ati "Watugize' ibiki? Nagucumuyeho iki, cyatumye uñshyiralo jyewe n'ubwami bwanjye icyaha gikomeye? Wankoreye ibidakwiriye gukorwa." 10Abimeleki arongera abaza Aburahamú ati "Wabonye iki cyagukoresheje ibyo?"

II Aburahamu aramusubiza ati "Ni yuko nibwiraga ntashidíkanya yuko aha hantru. ntá, kubaha Imana guhari, kandi nanje narí nzi ko bazanyica bampora umugore wanjye. 12 Erega ni mushiki wanjye, ni mwene data, arikó si mwene

mama, kandi koko naramurongoye. 13Kandi ubwo Imana yankuraga mu nzu ya data ikanzerereza, naramubwiye nti 'Iyo ni yo neza uzajya ungirira, aho tuzajya tugera hose ujye uvuga yuko ndi **musaza wawe.**"

14 Abimeleki azana intama n'inka n'abagaragu n'abaja, abiba Aburahamu, amusubiza na 5ara umugore we. 15Abimeleki aramubwira ati "Iighugu cyanje kiri imbere yawe, uture aho uzashaka **hose.**" 16 **Abwira na Sara ati "Dore mpa-** ye musaza wawe ibice by'ifeza igihumbi, ni byo bizaba ibyo gukinga mu maso y'abo muri kumawe bose, ngukuyeho umugayo imbere ya bose."

17 Aburahamu asaba Imana, ikiza Abimeleki n'umugore we n'abaja be, barabyara. 18Kuko Uwiteka yari yazibye inda z'abo mu rugo rwa Abimeleki bōse, abahora 5ara umugore wa Aburahamu.

Sara abyara Isaka

21 Uwiteka agenderera 5ara nk'uko yavuze, Uwiteka agirirā 5ara ibyo yasezeranije. 25ara asama inda ya Aburahamu ashaje, babyarana umuhungu igihe Imana, yamubwiye kigeze. 3Aburahamu yita umuhungu yabyaye Isaka, uwo yabyaranye na 5ara. 4 Aburahamu akeba Isaka umuhungu we amaze iminsi munani ayutse, uko Imana yaflitgetse. 5Aburahamu yabyaye uwo muhungu we Isaka, amaze imyaka ijana ayutse. 65ara aravuga ati "Imana iranshekeje, abazabyumva bose bazasekana, nanjye." 7Ati "Ni nde uba warabwiye Aburahamu yüko 5arà azonsa abana? Ko mubyariye umuhungu ashaje."

8ara asendesha Hagari na Ishimayeli

8 Umwana arakura aracuka, ku munsu Isaka yacukiyebo Aburahamu ararika abantu benshi arabagaburira.

9 8ara abona umuhungu wa Hagari Umunyegiputakazi; : uwo yabyaranye na Aburahamu, abaseka. 10Ni cyo cyalumye abwira Aburahamu ati "Senda uyu muja n'umuhungu .. we, kuko umuhungu w'uyu muja atazaraganwa n'umuhungu wanje Isaka." 11Ibyo by'ubo muhungu we bitera Aburahamu agahinda kenshi, 12Imana ibwira Aburahamu iti "We kugirira uwo muhungu agahinda n'umuhungu wawe, ibyo 5ara akubwira byose

umwumvire, kuko kuri Isaka ari ho urubyaro ruzakwitirwa. 13Kandi umuhungu w'uwo muja na we nzamuhindura.. ubwoko, kuko ari urubyaro rwave."

14 Aburahamu azinduka kare kare, yenda umutsima n'imvumba y'uruhu, irimo amázi, abiha Hagari abishyira ku **rutugu rwē, amuha n'uwo mwana aramusenda,** avayo ázerera mu butayu bw'i Berisheba. 15Ya mvumba ishiramo amázi, arambika umwana munsu y'igihuru cy'aho. 16Aragenda yicara amwerekeye, amuhaye intera nk'aho umunlu yaraşa umwambi, kuko yibwiraga ati "Ne kureba umwana wanje apfa." Yicara amwerekeye atera hejuru, ararira.

17 Imana yumva ijwi ry'uwo muhingu, **marayika w'Imana ari mu ijuru,** áhamagara Hagari aramubaža ati "Ubaye ute, Hagari? Witinya kuko Imana yumviye ijwi ry'uwo mühungu aho ari. 18Haguruka, byutsa umuhungu, umufate mu maboko, kuko nzamuhindura ubwoko **buk.omeye.**" 19**Imana imuhumura amaso,** abona iriba, arágenda avoma amázi yuzuye ya mvumba, ayarámiza umuhungu.. we. 20Nučo Imana ibanà. n'uwo muhungu.. arakura, atura mu butayu, aba umurashi. 21Aba mu butayu bw'i Parani, nyina amusabira Umunyegiputakazi. .

Aburahamu na Abimeleki
barasezerana

22 Muri iyo minsí, Abimeleki na Fikoli umutware w'ingabo ze babwira Aburahamu batí "Imana iri kumwe nave mu byo ükora byose. 23Nučo rero, undahire Imanà yuko utazandiganya cyangwa umwana, wanje cyangwa umwuzukuru wanje, ahubwo inezá nakugiriyé ko uzayinyiłu, jyewe n'igihugu wašuhukiyemo."

24 Aburahamu aramusubiza ati "Nda-rahira."

25 Aburahamu azimuza Abimeleki ku by'iriba, abagaragu ba Abimeleki bamunyaze. 26Abimeleki aramusubiza ati "Si-nzi uwakoze ibyo, nave ntwigizeze kumbwira, kandi sinigeze kubyumva keretse none." 27Aburahamu azana intama n'inka, abiha Abimeleki, bombi barasezerana. 28Aburahamu arobanura abagazi b'intama bartindwi bo mu mukurubi we. 2. Abimeleki abaza Aburahamu ati

"Abo biigazi b'intama barindwi urobanu-ye, biso banuye iki?"

30 Aramusubiza ali "Aba biigazi b'intama uko ari barindwi, ndabagubera kugira ngo bimbere umugabo, yuko ari jye wafukuye iryo riba." ³¹ Ni cyo cyalumye yita aho hanlu Berisheba, kuko ari ho barahiriye bombi.

32 Nuko basezeranira i Berisheba, Abimeleki ahagurukanā, na Fikoli umutware w'ingabo ze, basubira mu gihugu cy' Abafilisitiya. ³³ Aburahamu atera igili cyitwa umuwesheri i Berisheba, yambazayo izina ry'Uwiteka, Imana ihoraho. ³⁴ Aburāhamu amara iminsi myinshi asuhukiye mu gihugu, cy' Abafilisitiya.

Imana igerageza Aburahamu, imutegeka kuyitambira Isaka

22 Hanyuma y'ibyo, Imana igerageza Aburahamu. iramuhamagara iti "Aburahamu." Arītaba ati "Karame."

2 Iramubwira iti "Jyana umwana wawe, umwana wawe w'ikinege ukunda Isaka, ujye mu gihugu cy'i Moriya umutambireyo ku musozi ndi bukubwire, abe igitambo cyoswa."

3 Aburāhamu azinduka kare kareashyira amatandiko ku ndogobe ye, ajyana n'abagaragu .. be: babiri, na Isaka umwana we. Yasa inkwi zo kosa igitambo, arahaguruka ajya ahanlu Imana yamubwiye. ⁴ Ku muni wa gatalu Aburahamu arambura amaso, yitegerezza aho hanlu hari kure. ⁵ Aburahamu abwira abo bagaragu be ati "Musigirane hano indogobe, jye n'uyu muhunu .. tujye hirya hariya dusenge, lubagarukeho."

6 Aburahamu yenda za nkwi zo kosa igitambo, azikorera Isaka umuhungu we, ajyana n'umuriro n'umūshyo, bombi barajyana. ⁷ Isaka ahamagara se Aburahamu ati "Data."

Aramwitaba ati "Ndakwitaba, mwanan wanje."

Aramubaza ati "Dore umuriro n'inkwi ngibi, ariko umwana w'intama uri he, w'igitambo cyo koswa?"

8 Aburāhamu aramusubiza ati "Mwanan wanje, Imana iri bwibonere umwana w'intama w'igitambo cyo koswa." Nuko bombi barajyana.

Aburahamu agiye gutamba Isaka, Imana iramububa

9 Bagera ahantu Imana yamubwiye, Aburahamu yubakayo igicaniro yarari-kaho za nkwi, aboha Isaka umuhungu we, amurambika kuri icyo gicaniro he-juru. ¹⁰ Aburahamu arambura ukuboko, yenda wa mushyo ngo asogote umuhungu we. ¹¹ Marayika w'Uwiteka amuhamagara ari mu ijuru ati "Aburahamu, Aburahamu."

Arītaba ati "Karame."

12 Arāmubwira ali "Ntukoze ukuboko kuri uwo muhunu, ntugire icyo umutwara, kuko ubu menye yukō wuba-ha Imana, kuko utanyimye umwana wawe w'ikinege."

13 Aburahamu yubura amaso arareba, abona inyuma ye impfizi y'intama, amahembe yayo afashwe mu gihuru. Aburahamu aragenda, yenda ya ntama, ayitambaho igitambo cyoswa mu cyimbo cy'umuhungu we. ¹⁴ Aburahamu yita aho hanlu Yehovayirep, nk'uko bavuga na bugingo n'ubu bat "Ku musozi w'Uwiteka kizabonwa."

Imana iha Aburahamu umugisha ukomeye

15 Maze marayika w'Uwiteka aro-ngerā ahamagara Aburahamu ari mu ijuru, ¹⁶ aramubwira ati "Ndirahiye, ni ko Uwiteka avuga, ubwo ugenje uteyo nlunyime umwana wawe w'ikinege, ¹⁷ yuko no kuguha umugisha nzaguba umugisha, no kugwiza nzagwiza urubyaro rwawe ruhwane n'inyenyeri zo mu ijuru, kandi ruhwane n'umusenyi wo mu kibaya cy'inyanja, kandi ruzahindura amarembo y'ababisha barwo. ¹⁸ Kandi mu rübyaro rwawe ni mo amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha kuko wanyumviye." ¹⁹ Aburahamu asubira aho abagaragu .. be: bari, barahaguruka bajyana i Berisheba, agezeyo arahalura.

20 Hanyuma y'ibyo babwira Aburahamu bat "Na Miluka yabyaranye na mwene so Nahori abana." ²¹ Jmpfura ye ni Usi, hākurikiraho Buzi murumuna we, na Kemuwelī se wa Aramu, ²² na Kesedi na Hazona Piludashi, na Yidilafu na Beluweli.

22.1-13: Heb 11.17-19 22.2: 2 Ngoma 3.1 22.9: Yak2.21 22.16-17: Heb6.13-14

22.17: Heb 11.12 22.18: Ibyak 3.25

^o Berisheba risobanurwa ngo Iriba ry'indahiro.

^p Yehovayire: risobanurwa ngo Uwiteka azatuma kiboneka.

23 Betuweli yabyaye Rebeka. Abo: uko ari umunani. Miluka yababyaraiye na Nahori mwene se wa Aburahamu. 24 Inshoreke ye yitwa Rewuma, na yo yabyaye Teba na Gaharnu, na Táhashi na Miika.

8ara arapfa; Aburahamu agura ubuvumo bwo kumuhambambo

23 Sara yaramye imyaka ijana na makumyabiri n'irindwi, iyo ni yo myaka Sara yaramye. '8ara apfira i Kiriataruba (ari ho Heburoni) mu gihu-gu cy'i Kanani, Aburahamu aza kubor-gera Sara, amuriita.

3 Aburahamu arahaguruka ava ku ntumbi ye, abwira Abaheti ati "Ndi umushyitsi n'umusuhuke muri mwe, mpambe gakondo yo guhambamo, mpambe umupfu wanje, mwivane mu maso."

5 Abaheti basubiza Aburahamu bati 6 "Databuja, utuwume urí umuntu ukomeye cyane muri twe, uhame umupfu wawe mu mva yacu uri buhitemo muri zose, nta wo muri twe urí bukwime imva ye ngo we guhambamo umupfu wawe."

7 Aburahamu arahaguruka, yikubita imbere ya bene igihugu, ni bo Baheti. 8 Avugana na bo arababwira ati "Nimwemera yuko mpamba umupfu wanje ngo **mwivane mu maso, munyumvire, munyingire** Efuróni mwene Sohari, 9 ampe ubuvumo bw'i Makipela afite, buri ku mpera yisarnbu ye. Abungurishirize hagati yanyu igiciro. kibukwiriye kitagabaniye, bube gakondo yo guhambamo."

10 Efuróni yari yicaye hagati mu Baheti, Efugoni Umuheti asubiza. Aburahamu, Abaheti bamwumva, abinjiraga mu irembo ry'umudugudu wabo bose ati 11 "Ahubwo databuja, nyumva. Iyo sambu ndayigu-haye, n'ubuvumo burimo ndabuguhaye, mbiguhereye imbere y'ab'ubwo-ko bwacu, hamba umupfu wawe."

12 Aburahamu yikubita imbere ya bene igihugu. 13 Abwira Efuróni bene igihugu bamwumva ati "Ndakwinginze, nyumvira. Ndakwisyura igiciro cy'yo sambu, cyemere nkiguhe, mpambemo umupfu wanje."

14 Efuróni asubiza Aburahamu ati 15 "Databuja, nyumvira. Agasambu kaguze shekeli' magana ane zifeza kanteranya nave? Nuko hamba umupfu wawe."

16 Aburahamu, yumvira Efuróni agerera Efuróni ifeza avtize, Abaheti bamwumva, shekeli magana ane zifeza, zemerwa n'abagenza.

17 Nuko isambu ya Efuróni yari i Makipela, iri irnbere y'i Mamure, yo n'ubuvuño burirno n'ibiti byo muri yo byose byayigotaga hose ku mpera yayo, bikomerezwa Aburahamu 18kuba gakondo ye, irnbere y'Abaheti, irnbere y'abinjiraga mu irembo ry'umudugudu wabo bose.

19 Hanyuma y'ibyo, Aburahamu ahamba 8ara umugore we muri ubwo buvumo bwo mu isambu y'i Makipela, iri imbere y'i Mamure (ni ho Heburoni) mu gihu-gu cy'i Kanani. Nuko Abaheti bakomerezwa Aburahamu iyo sambu n'ubuvuño buyirimo kuba gakondo yo guhambamo.

Aburahamu alumia igisonga cye gusabira Isaka umugenii

24 Aburahamu yari ashaje ageze mu za bukuru, kandi Uwiteka yari yarahaye Aburahamu umugisha kuri byose. 'Aburahamu abwira umugaragu we, umukuru wo mu rugo rwe wategekaga ibye byose ati "Ndakwinginze, shiyira ukuboko kwave munsi y'ikibero cyanje, 3nanje ndakurahiza Uwiteka, ni we Mana nyir'ijuru, ni we Mana nyir'isi, yuko utazasabira umwana wanje Umunyakananikazi, abo ntuyemo. 4 Ahubwo uzajye mu gihu-gu cyacu kuri bene wacu, usabireyo umwana wanje Isaka umugenii.'

5 Uwo mugaragu aramusubiza ati "Ahari, umukobwa ntazemera ko tuZaria muri iki gihu-gu, byaba bityo naba nkwiye gusabiza umwana wawe mu gihu-gu wavyem?"

6 Aburahamu aramusubiza ati "Wirinde gusubizayo umwana wanje. 7 Uwiteka Imana nyir'ijuru, yankuye mu nzu ya data no mu gihu-gu navukiyemo, ikarnbwira indahira iti Urubyaro rwawe fizaruha iki gihu-gu', iyo ni yo izatuma marayika wayo akujya imbere, nawe uzasabireyo umwana wanje umugenii. 8 Kandi umukobwa yaramuka.. yanze, ntuzafatwá n'iyi.. ndahiró undahiye. Icyakora ntuzasubizeyo **umwana wanje.**" 9 uwo mugaragu ashyira ukuboko munsi y'ikibero cya Aburahamu shebuja, arabimuraliira.

23.4: Heb Jl.9,13; lbyak 7.16

r shekeli imwe ni nka garama cumi n'eshanu.

10 Uwo mugaragu ajyana ingamiya cumi zo mu ngamiya za shebuja, agenda afite ibyiza bya shebuja by'uburyo bwose', arahaguruka ajya muri Mesopotamiya, agera ku mudugudu w'aba Nahori,¹¹ Apfukamisha izo ngamiya ku iriba riri inyuma y'uwo mudugudu. Hari nimugoroba, igihe abagore basohokera kuvoma.¹² Arasenga ati "Uwiteka Mana ya databuja Aburahamu, ndakwinginze, umpe ihirwe uyu munsi, ugirire neza databuja Aburahamu.¹³ Dore mpagaze ku isoko, abakobwa b'abo mu mudugudu basohotse kuvoma.¹⁴ Bibe bitya; umukobwa ndi bubwire nti 'Ndakwinginze, cisha bugufi ik.ibindi cyawe nyweho', akansubiza ati 'Nywaho nduhira n'ingamiya zawe', abe ari we watoranirije Isaka umugaragu wawe. Ibyo ni byo bizamenyesha yuko ugiriye databuja neza."

15 Nuko agisenga atyo, Rebeka arasonhoka, wabyawe na Betuweli mwene Miluka, muka Nahori, mwene se wa Aburahamu, ashizye ik.ibindi ku rutug.¹⁵ UWOMukobwa yari umunyagikundiro cyinshi kandi yari umwari, nta mugabo wigeze kuryamana na we, aramanuka ajya ku isoko, aravoma arazamuka.¹⁶ Uwo mugaragu aritukanka aramusanganira, aramubwira ati "Ndakwinginze, mpa utu mu kibindi cyawe, nyweho."

18 Aramusubiza ati "Databuja, nywaho." Atengamatira vuba ik.ibindi cye, aramuha aranywa.¹⁹ Amaze kuyamhuha aramubwira ati "Nduhira n'ingamiya zawe zeguke."²⁰ Ayasuka vuba mu k.ibumbiro arirukanka, yongera kujya ku iriba kudahira, adahirira ingamiya ze zose.²¹ Uwo mugabo amwitegereza acecetse, kugira ngo amenye yuko Uwiteka yahaye urugendo rwe amahirwe, cyangwa ataruyahaye.

22 Nuko ingamiya zimaze kweguka, uwo mugabo yenda impeta y'izahabu, kuremera kwayo kwari nk'igice cya shekeli, n'ibimeze nk'imiringa bibiri byo kwambarra ku maboko, kuremera kwabyo ni shekeli cumi z'izahabu, arabimwambika.²² Aramubaza ati "Ur'i mwene nde? Ndakwinginze mbwira. Kandi kwa so hari aho twarara?"

24 Aramusubiza ati "Ndi mwene Betuweli wa Miluka na Nahori."²³ Kandi ati "Dufite inganagano n'ibyokurya bizi-hagije, kandi dufite n'ahø kubaøaza."

26 Uwo mugabo arunama, yikubita hasi, asenga Uwiteka.²⁷ Ati "Uwiteka ahimbazwe, Imana ya databuja Aburahamu, itaretse kugirira databuja imbabazi n'umurava, nanje Uwiteka anyoboye inzira ijya kwa bene wabo wa databuja."

28 Uwo mukobwa arirukanka, abwira abo mu nzu ya nyina uko byabaye.²⁹ Kandi Rebeka yari afite musaza we witwa Labani. Labani uwo arasonhoka, ajya gusanganirira uwo mugabo ku iriba.³⁰ Abonye ya mpeta na za zahabu zimeze nk'imiringa, biri ku maboko ya mushiki we, kandi yumvise amagambo ya Rebeka mushiki we ati "Ibyo ni byo uwo mugabo yambwiye", ni ko kujya aho uwo mugabo ari. Asanga ahagaze iruhande rwa za ngamiya ku isoko.³¹ Aramubwira ati "Ngwino winjire, uhiriwe ku Uwiteka, ni iki kiguagaritse hanze, ko niteguye inzu n'ikiraro cy'ingamiya?"

32 Uwo mugabo yinjira mu nzu, Labani akura imitwaro kuri izo ngamiya, atanga inganagano n'ibyokurya by'ingamiya, n'amazi yo kumwoza ibirenge n'ayo koza iby'abo bari kumwe.³³ Bamuzanira ibyokurya, maze arababwira ati "Sindya ntaravuga ubutumwa."

Labani aramubwira ati "Buvuge."

34 Aramubwira ati "Ndi umugaragu wa Aburahamu. 3. Kandi Uwiteka yahaye databuja imigisha myinshi ahinduka umuntu ukomeye, kandi yamuhyae imikumbi n'amashyo, n'ifeza n'izahabu, n'abagaragu n'abaja, n'ingamiya n'indogobe.³⁵ Kandi na Sara mukha databuja yamubyariye umuhungu akecuye, ni we yahaye ibye byose.³⁶ Kandi databuja yarandahirije ngo ne kuzasabira umwana we Umunyaakananikazi, abo atuyemo.³⁷ Ahubwo ngo nzajye mu nzu ya se no muri bene wabo, ngo abe ari bo nsabirirambo umwana we.³⁸ Mbwira databuja nti 'Ahari umukobwa azanga ko tuzana.'³⁹ Aransubiza ati 'Uwiteka ngendera imbere, azatuma marayika we ngo ajyane nawe, azaha urugendo rwawe ihiøwe, maze nawe uzasabire umwana wanje umugenzi wo muri bene wacu, mu nzu ya data.⁴⁰ Nugera kuri bene wacu, ni bwo utazafatwa n'indahiro nkurahije. Baramuka bamukwimye, ntuzafatwa n'indahiro nkurahije.'

42 "Maze uyu munsi ngera ku is6ko, ndasenga nti 'Uwiteka Mana ya databuja Aburahamu, niba uhaye urugendo **ngenda ihirwe**, 43 dore mpagaze ku is6ko, bibe bitya: umukobwa usohoka kuvoma nkamubwira nti. "Ndakwinginze, mpa utuzi ku kibindi cyawe nyweho", 44akan-subiza ati "Nywahe ubwawe kandi nduhira n'ingamiya zawe", abe ari we uba umugenii Uwiteka yatoranirije mwe-ne databuja." „ Ngisengera mu mutijma wanje, Rebeka asohoka ashizye ikibindi ku rutuġu, aramanuka ajya ku is6ko, aravoma. Ndamubwira nti 'Ndakwinginze, mpa nyweho. ' 6 Acisha bugufi ikibindi n'ingoga agikuye ku rutuġu rwe, arambwira' ati 'Nywahe, nduhira n'ingamiya zawe.' Ndanuya; kaudi yuhira n'ingamiya zanje. '7 Ndamubaza.. nti 'Uri mwene nde?' Aransubiza ati 'Ndi mwene Betuweli wa Nahori na Miluka.' Mpera ko nkatira impeta ku zuru rye n'imiringa ku maboko ye.. Ndnunama, nikubita hasi, nsenga Uwiteka, mpimba-za Uwiteka Imana ya databuja Aburahamu, yanyoboye inzira ikwiriye ngo mbo-neremo umukobwa wabo wa databuja, musabire umwana we. 9 Nučo nimushaka kugirira databuja neza, ntimumurere-ge nimumbwire.. kandi nimutabyemera nimumbwire.. nanje mpindukire njye iburyo cyangwa ibumoso."

50 Labani na Betuweli baramusubiza bat "Ibyo biturutse ku Uwiteka, nta kindi tūbasha kukubwira, arī icyiza, ari n'ikibi. 51 Dore Rebeka ati imbere yawe, mujyane abe muka mwene shobuja, nk'uko Uwiteka yavuze." „ Umugaragu wa Aburahamu yumvise amagambo yabo, yikubita hasi, aramya Uwiteka. 52 Uwo mugaragu azana ibintu by'ifeza n'iby'izahabu n'imyenda abiha Rebeka, kandi aha na musaza we na nyina ibintu by'igiciro cyinshi.

54 We n'abo bazanye bararya baranya, baraharařa buracya, babyukā mu gitondo, ařababwira ati "Nimunšezerere nsubire kwa databuja."

55 Musaza w'umukobwa na nyina bařamusubiza bat. "Umukobwa nasigara-ne natwe iminsi cumi cyangwa isagaho, azabone kugenda."

56 Arabasubiza ati "Mwintinza ktuk Uwiteka yahaye urugendo rwanje ihiwwe, nimunšezerere nsubire kwa databuja."

57 Baramusubiza bat "Reka duhamaga-re umukobwa tumubaze; twurhye iři-muva mu kanwa." 58 Bahamagara Rebeka, baramubaza bat "Urajyana n'uyu mugabo?"

Arabasubiza ati "Turajyana..".

59 Basezera kuri ReOOka mushiki.. wabo n'umurezi we, basezerera umugaragu.. wa Aburahamu n'abantu. 00. 60 Bifuriza Rebeka umugisha baramubwira bat "Mushiki.. wacu, uzabe nyirakuruza; w'abantu inzovu ibihumbi, Urubyaro rwawe ruzahindiire.. amarembo.. y'abanzu.. barwo."

6' ReOOka ahagurukana.. n'abaja 00 bajya ku ngamiya, zirabaheka bakurikira uwo mugabo, uwo mugaragu ajyana Rebeka ařagenda.

62 Bukeye Isaka aza: aturutse mu nzira yo ku iriba ſyitwa Lahayiroi, kuko yari atuye mu gihugu cy'i Negebu. 63 Isaka arasphoka, ajya kwibwirira.. mu i;asozi nimugoroba, yubura amaso, abona ingamiya ziza. 64 ReOOka yubura amaso, abonye Isaka, ava ku ngamiya. 6' Abaza wa mugaragu ati "Uriya mugabo.. ni nde ugenda ku gasozi, tugiye guhura?"

Uwo mugaragu aramusubiza ati "Ni databuja." ReOOka yenda umwenda we, yitwirkira mu maso.

66 Uwo mugaragu atekereze.. Isaka ibyo yakoze byose. 67 Isaka azana ReOOka, mu ihema ſyā nyina Sara, aramjorongora, aba umugore we, aramukundwakaza.... Isaka ashira umubabaro. wa nyina yapfushije.

Urubyaro rwa Ketura

(J Ngoma 1.32-33)

25 Aburahamu.. ařongora undi mugore witwa Ketura. 2 Babyaranā. Zimurāni na Yokishani.. na Medāni.. na Midiyani.. na Yishibaki.. na Shuwa. 3 YO-kishani, yabyaye Sheba na Dedani.. Bene Dedani ni Abashuri n'Abaletushj.. n'Ableyumi.. • Bene Midiyani.. ni Efa na Eferj.. na Henoki na Abida na Eluda. Abo bose ni urubyaro rwa Ketura.

5 Aburahamu.. yahaye Isaka ibye byose. 6 Ařiko abana b'inshoreke Aburahamu.. yari afite, abaha impano akirijo, arabo-hereza ngo batandukane.. na Isaka umwana we, bagende berekeje iburasirazuba, bajye mu gihugu cy'iburasirazuba.

Urupfu rwa Aburahamu

7 Iminsi Aburahamu yaramye ni imyaka ijana na mirongo irindwi n'itanu. 8Aburahamu ageze mu za bukuru, aramyemiyaka myinshi, umwuka urahera, apfa ashaje neza, asanga bene wabo. • Abana be. Isaka na Ishimayeli, bamuhamba muri-bwa bувумо bw'i Makipela, buri mu isamibу ya Efuroni mwene Sohari Umuheti, iri irnbe're y'i Mamure; 10Ni yo sambu Aburahamü' yaguze.: n' Abaheti, ari ho bahambye Aburahamü' na Sar'a umugore we. 11Aburahamu amaze gupfa Imana iha umugisha Isaka umwana we, Isaka yari atuye hafi ya rya riba ryitwa Lahayiroi.

Urubyaro rwa Ishimayeli

(I Ngoma 1.28-31)

12 Uru ni rwo rubyaro rwa Ishirnayeli, umwana wa Aburahamu, uwo Hagari Umunyegiputakazi, .. umuja wa Sar'a yabyaranye na Aburahamu. 13Uku ni ko abana ba Ishirnayeli bitwaga, nk'uko amazina yabo ari, nk'uko babyaranje. Impfura ya Ishimayeli .. ni Nebayoti, hakurikiraho Kedari na Adibeli na Mibusamu, 14 na Mishuma na Duma na Masa, 15 na Hadadi na Tema na Yeturi; na Nafishi na Kedema. 16Abo ni bo bana ba 1shimayeli, ayo ni yo mazina yabo, nk'uko imidugudu yabo iri, nk'uko ingo zabo ziri. Ni abatware cumi na babiri, nk'uko amoko yabo ari. 17Imyaka 1shimayeli yaramye ni ijana na mirongo itatu n'irindwi, umwuka urahera arapfa, asanga bene wabo. 18Bhera i Havila batura, bageza.. i Shuri, iri imbere ya Egiputa, aherekeye Ashuri. Yari atuye imbere ya bene se bose.

Kuvuka kwa Esawu na Yakobo

19 Uru ni urubyaro rwa 1saka, umwana wa Aburahamu. Aburahamu yabyaye 1saka, 20saka yari amaze imyaka mirongo ine avutse, ubwo yarongoraga Rebeka, mwene Betuweli Ummwaramu w'j Padanaramu, mushiki wa Labani, Ummwaramu. 21saka yingingira umugore we Uwiteka kuko yari ingumba, Uwiteka yemera kwinginga kwe, Rebeka umugore we asama inda. 22 Abana bakiranira mu nda ye aribaza ati "Ubwo bimeze bityo,

ibi bimbereyeho' iki?" Aragenda ajya kubaza Uwiteka.

23 Uwiteka aramiusubiza ati "Inda yawe irimo amahanga abiri, Amoko abiri azatandukana, Ahereye igihe azavira mu marg yawe.

Ubwoko bumwe buzarusha ubundi amaboko, Umukuru .. azaba umugaragu .. w'umuto."

24 Maze igihe cyo kubyara; kwe gisohoye, zari impanga mu nda ye. 2sGakuru: avuka atukura, ari cyoya nk'umwenda w'ubwoya, bamwita Esawu. 26Hakurikiraho Gato, afashe agatsinsino ka Esawu, bamwita Yakobo. Kandi Isaka yari amaze imyaka mirongo itandatu avutse, ubwo Rebeka yababyaraga.

Esawu aguza Yakobo ubutware bwe

27 Abo bahungu barakura: Esawu, aba umuhigi w'umuhanga w'umunyeshyamba; Yakobo we yari umunyamahane make, yabaga mu mahema. 28Maze 1saka, yakundiraga Esawu kuko yajyaga arya ku, muhi-go we, Rebeka we yakundaga Yakobo.

29 Bukeye Yakobo ateka imboga, Esawu arinjira avuye mu ishyamba, ak6za. 30Esawu.. abwira Yakobo ati "Nda-Winginze, ngaburira ku bitukura utetse, kuribyo bitukura byawe, kuko nk'6za." Ni cyo cyatumye yitwa Edomu.

31 Yakobo aramiusubiza; ati "Keretse twagura ubutware bwawe uyu munsi."

32 Esawu aramiusubiza; ati "Ubú se ko ngyige gupfa, ubwo butware bumariye iki?"

33 Yakobo aramiusubira ati "Ndhaira uyu munsi." Aramurahira, agujisha Yakobo ubutware bwe. 34Yakobo ahá Esawu umutsima n'ibishyimbo yetatse, araryaranywa, arahaguruka.. arigendera. Uko ni ko Esawu.. yasuzuguye ubutware bwe.

1saka azerera mu gihugu
cy' Abafilisitiya

26 1ndi nzara itera muri icyo gihugu, itari iyateraga mbere Aburahamu akiraho. 1saka ajya i Gerari kwa Abimeleki, umwami w'Abafilisitiya. 2Uwiteka aramubonekera aramubwira ati "Ntumpanuke ngo ujye muri Egiputa, uzature mu

gihugu nzakubwira. ³ Suhukira muri iki gihugu, nanjye nzabana nawe, nguhe umugisha kuko wowe n'urubyaro rwawe nzabaha ibi bihugu byose, kandi nzakomeza indahiro narahiye Aburahamu so. ⁴ Kandi nzagwiza urubyaro rwawe ruhwane n'i-nyenyeri zo mu ijuru, kandi nzaha urubyaro rwawe ibi bihugu byose. Kandi mu rubyaro rwawe ni mo amahanga yose yo mu isi azaherwa umugisha, kuko Aburahamu yanyurnviraga, akitondera ibyo namwihanangirije n'ibyo nategetse, n'amategko yanje nandikishije n'ayo navuze."

6 Isaka atura i Gerari. ⁷ Abantu b'aho **bamubaza iby'umugore we, arabasubiza** ati "Ni mushiki wanjiye", kuko yatinye kuvuga ati "Ni umugore wanjiye." Ati "Abantu b'aho be kunyica bampora Rebeka", kuko yari umunyagikundiro. ⁸ Amazeyo igihe kirekire, Abimeleki umwami w' Abafilisitiya arungurukira mu idirishya, abona Isaka akinisha umugore we. ⁹ Abimeleki ahamagaza Isaka aramubwira ati "Biragaragara yuko ari umugore wawe, ko wavuze uti **'Ni mushiki wanjiye?'**"

Isaka aramusubiza ati "Ni uko nibwiraga nti 'Be kunyica bamumpora.'"

10 Abimeleki aramubaiza ati "Ibyo watugize ibyo ni ibiki? Byashigajeho hato umwe mu bantu banjiye akaryamana n'u-mugore wawe, ukadushyirishaho. icyaha."

¹¹ Abimeleki yihanangiriza abantu be bose ati "Uzakura uyu mugabo cyangwa umugore we ntazabura gucirwaho iteka."

12 Isaka abiba muri icyo gihugu, muri uwo mwaka yeza ibirutaho incuro ijana. Uwiteka amuha umugisha. ¹³ Uwo mugabo aba umukire, agenda arushaho, ageza aho yabereye umukire cyane. ¹⁴ Yari afite imikumbi n'amashyo n'abagaragu benshi, atera Abafilisitiya ishyari. ¹⁵ Amari-ba yose abagaragu ba se bafukuye, Aburahamu se akiraho, Abafilisitiya bari bayashibishije ibitaka.

16 Abimeleki abwira Isaka ati "Genda utuyemo, kuko uturuta cyane." ¹⁷ Isaka avayo, abamba amahema ye mu gikombe cy'i Gerari, aturayo. ¹⁸ Isaka asibiiza amariba bafukuye, Aburahamu se akiraho, kuko Abafilisitiya bari bayasi-byeye, Aburahamu amaze gupfa. Ayita amazina se yayise.

19 Abagaragu ba Isaka bafukura muri icyo gikombe, babonamo iriba ry'amazi adudubiza. ²⁰ Abashumba b'i Gerari batonganira ayo mazi n'aba Isaka, batu "Ni ayacu." Isaka yita iryo riba Eseki', kuko bamugishije impaka.

21 Bongera gufukura irindi riba, na ryo bararitonganira, aryita Sitina. "Avayo afukuza irindi riba, ryo ntibari-tonganira, aryita Rehoboti. aravuga ati "None Uwiteka adushyize ahagutse, na-twe tuzororokera muri iki gihugu."

22 Avayo arazamuka, ajya i Berisheba. ²³ Uwiteka amubonekera iryo joro aramu-bwira ati "Ndi Imana ya so Aburahamu, ntutinje kuko uri kumwe nanjye, kandi nzaguha umugisha, ngwize tirubyaro rwawe ngiriye umugaragu wanjiye Aburahamu." ²⁴ Yubak.ayo igicaniro, yambaza izina ry'Uwiteka, abambayo ihema rye, kandi abagaragu ba Isaka bahafukura n'iriba.

26 Maze Abimeleki ava i Gerari, ajyna aho ari na Ahuzati incuti ye, na Fikoli umutware w'ingabo ze. ²⁷ Isaka arababaza ati "Ni iki kibazanye aho ndi kandi munyanga, mwaranyiruk:anye aho muri?"

28 Baramusubiza batu. "Twabonye neza yuko Uwiteka ari kumwe nawe, turavuga tuti Dushyire indahiro hagati yacu nawe, kandi dusezerane nawe ²⁹ yuko utazatugirira nabi, nk'uko natwe tutakwakuye, aluhubo twakugirije neza gusa, tugusezeraho amahoro." None uhiriwe ku Uwiteka." ³⁰ Nuko Isaka abatekera ibyokurya bararya, baranya. ³¹ Bazinduka kare bararajiranya, Isaka arabasezerera bamusiga amahoro.

32 Kuri uwo munsi abagaragu ba Isaka baraza, bamubwira iby'iriba bafukuye, batu "Tubonye amazi." ³³ Aryita Sheba. Ni cyo gituma uwo mudugudu witwa Berisheba na bugingo n'ubu.

34 Esawu amaze imyaka mirongo ine avutse arongora Yuditu mwene Beri Umuheti, na Basemati mwene Eloni Umuheti, ³⁵ bababaza imitimia ya Isaka na Rebeka.

Rebeka yosha Yakobo kuriganya se
27 Isaka ashaje, amaso ye amaze kuba ibirorijori, ahamagara irnpufura ye Esawu ati "Mwana wanjiye." Aritaba ati "Karame."

26.3-4: Itang22.16-1. 26.7: Itang 12.13;20.2 26.26: Itang21.22

v Eseki: risobanurwa ngo Impaka.

w Sitina: risobanUlwa ngo Urwango.

v Rehoboti: risobanurwa ngo Ahagutse.

2 Aramubwira ati "Dore ndi umusaza, sinzi iğihe nzapfira. 3 None ndakwinginze, enda ibyo uhigisha, ikirimba cyawe n'u-muheto wawe, ujye mu ishyamba umpi-gireyo umuhigo, 4 untekere inyama ziryo-shye nk'izo nkunda, uzinzanire nzirye mbone kuguhesha umugisha ntarapfa."

5 Rebeka yumva Isaka abwira umwana we Esawu. Esawu ajya mu ishyamba guhiga, ngo ahigurire se umuhigo. 6 Rebeka abwira Yakobo umwana we ati "Numvise so abwira Esawu mwene so ati 7 Mpigurira umuhigo, untekere inyama ziryo-shye nzirye, nguheshereze umugisha mu maso y'Uwiteka ntarapfa." 8 Nuko none mwana wanjiye, wumvire ibyo ngiye kugutegeka. • Jya mu mukumbi unzanire abana b'ihebe beza babir, nanje ndabatekera so babe inyama ziryo-shye zimeze nk'izo akunda, 10 nawe uzishyire so azi-rye, aguheshe umugisha atarapfa."

11 Yakobo asubiza Rebeka nyina ati "Dore Esawu mtukuru, wanjiye ni cyoya, jyeweho umubiri wanjiye ni umurembe. 12 Ahari data yankorakora, akamenya ko ndi umuriganya, nkizanira umuvumo mu cyimbo cy-umugisha."

13 Nyina aramubwira ati "Mwana wanjiye umuvumo wawe abe ari jye ubaho, nyumvira gusa ugende uzinzanire." 14 Ara-genda arazizana aziha nyina, nyina ateka inyama ziryo-shye nk'izo se akunda. 15 Rebeka yenda imyambaro myiza ya Esawu impfurā ye, iyo yari afite mu nzu, ayambika Yakobo umuherererezi. 16 Kandi ashyira impu z'abo bana b'ihebe ku bikonjo bye no ku ijosi rye, aharembe-kereye. 17 Aha umwana we Yakobo za nyama ziryo-shye yetsete n'umutsima yavuze.

Yakobo ahabwa umugisha **na** se

18 Ajya aho se ari aramuhamagara ati "Data." Aritaba ati "Ndakwitaba. Uri nde mwana wanjiye?"

19 Yakobo, asubiza se ati "Ndi impfura yawe Esawu, nkoze ibyo wantegetse. Ndakwinginze, byuka urye ku muhigo wanjiye, kugira ngo umpeshe umugisha."

20 Isaka abaza umwana we ati "Ni iki kiwukubonesheje vuba utyo, mwana wanjiye?"

Aramusubiza ati "Ni uko Uwiteka Imana yawe impaye ishya."

21saka abwira Yakobo ati "Mwana wanjiye, igira hino ndakwinginze, ngukorakore, menye yuko uri umwana wanjiye Esawu, koko, cyangwa ko utari •we." 22 Yakobo yegera Isaka se, aramu-korakora aravuga ati "Ijwi ni irya Yakobo, ariko ibikonjo ni ibya Esawu." 23 Ntiyamenya uwo ari we, kuko ibikonjo bye biriho ubwoya nk'ibya mtukuru we Esawu, nuko amuhesha umugisha. 24 **Aramubaza ati "Uri umwana wanjiye** Esawu koko?"

Aramusubiza ati "Ndi we."

25 Aramubwira ati "Wunyegereze, na-nje ndye ku muhigo w'umwana wanjiye, kugira ngo nguheshe umugisha." Arawu-mwegereza ararya, amuzanira vino, ashozaho. 26 Se Isaka aramubwira ati "Mwana wanjiye, nyegera unsome." 27 **Aramwegera, aramusoma, yumva impumuro y'imyambaro** ye, amuhesha umugisha ati

"Impumuro y'umwana wanjiye,
Imeze nk'yo umurima Uwiteka
Yahaye umugisha.

"Nuko Imana iğuhe ku kime kiva
mu ijuru,

No ku mwero w'ubutaka,
N'imyaka y'irnpeke myinshi,
Na vino nyinshi.

2. Amoko agukorere,
Amahanga akwikubite imbere,
Utware bene so,
Bene nyoko bakwikubite imbere.
Uzakuvuma wese avumwe,
Uzakwifuriza umugisha wese
awuhabwe."

Esawu asabana amarira umugisha

30 Isaka arangije guhesha Yakobo umugisha, Yakobo akiva mu maso ya Isaka se, Esawu mukuru we arahIguka. 31 Na we ateka inyama ziryo-shye azizanira se, abwira se ati "Data, byuka urye ku muhigo w'umwana wawe, kugira ngo umpeshe umugisha."

32 Isaka se aramubaza ati "Uri nde?"

Aramusubiza ati "Ndi umwana wawe **w'impfura Esawu.**"

33 Isaka ahinda umushyitsi mwinshi cyane ati "Ni nde wağıze umuhigo áka-wunzanira, nkaba nariye kuri byose utara, nkamuhesha umugisha? Kandi koko azanawuhabwa."

34 Esawu yumvise amagambo ya se, aboroga umuborogo mwinshi w'umunyamubabaro abwira se ati "Jye na-ye mpesha umugisha, data wambyaye."

35 Aramusubiza ati "Murumuna wawe yazanye uburiganya, yiba umugisha wawe."

36 Aramubwira ati "Yakobo' ni Yakobo koko, izina ni ryo muntu. Ubu ni ubwa kabiri andiganya, yankuyeho ubutware dore none ankuyeho n'umugisha." Arongera aramubaza ati HNta mugisha wansigiye?"

37 Isaka asubiza Esawu ati "Dore namuhaye kugutwara, na bene se bose nabamuhyae kuba abagaragu be, kandi namugaburiye vino n'imyaka y'impeke. Nagukorera iki, mwana wa-ye?"

38 Esawu abaza se ati "Nta mugisha n'umwe usigiranye data? Jye nanjye mpesha umugisha, data." Esawu aratirika ararira.

39 Isaka se aramusu9iza ati
"Ubuturo bwawe buzaba kure
y'umweru' w'ubutaka,
Buzaba kure y'ikime kiva mu ijuru.
40 Inkota yawe ni yo izakubeshaho,
Kandi uzakorera murtumuna wawe
Kandi nugoma uzikuraho uburétwu
yagushyizeho."^a

Esawu ashaka kwica Yakobo

41 Esawu yangira Yakobo umugisha se yamuhesheje. Esawu aribwira ati "Iminsi yo kwiraburira data iri bugufi, ni bwo nzica murumuna wanje Yakobo."

42 Babwira Rebeka amagambo ya Esawu impfura ye, atumira Yakobo umuhhererezi aramuhwira ati "Dore mukuru wawe Esawu agiye kwimarissha agahinda wamuteye kukwica. 43 Nuko rero mwana wanje nyumvira, haguruka uhungire i Harani kwa Labani musaza wanje, 44 umaranee na we iminsi itari myinshi, ugeze aho uburakari bwa mukuru wawe buzashirira, 45 ugeze aho inzika ya mukuru wawe izakuviraho akibagirwa ibyo wamugiriyie, maze nzabona kugutumira ugaruke. Ni iki cyatuma mbapfushiriza rimwe mwembi?"

46 Rebeka abwira Isaka ati "Ubungi bwanje burambiwe ba Bahetikazi. Yakobo yaongora. Umuhetikazi nka ba bandi, ubugingo bwanje bwamarira iki?"

Isaka yohereza Yakobo i Padanaramu gusabayo umugenii

28 Isaka ahamagara Yakobo amuheshsha umugisha, aramwihanangiriza ati "Ntuzarongore Umunyakaniiikazi. , Haguruka ujye i Padanaramu kwa Betuweli sogokuru, usabeyo umugenii mu bakobwa ba Labani nyokoru. 3 Kandi Imana Ishoborabyose iguhe umugisha, ikorörte ikugwize ube iteraniro ry'amahanga, 4 kandi wowe n'urubyaro rwawe na rwo ibahe umugisha yahaye Aburahamu, kugira ngo uragwe igjhugu . cy'ubusuuke bwawe, icyo Imana yahaye Aburahamu. " 5 Isaka yohereza Yakobo, aragenda ajya i Padanaramu, kwa Labani mwene Betuweli Umwaramu, musaza wa Rebeka, nyina wa Yakobo na Esawu.

6 Kandi Esawu abonye yuko Isaka yahesheje Yakobo umugisha, akamwoherenza i Padanaramu gusabayo umugenii, kandi ko yamwihanangirije akimuhesha umugisha ati "Ntuzarongore Umunyakaniiikazi", 7kandi ko Yakobo yumviye se na nyina, akajya i Padanaramu, 8 Esawu abona yuko Abanyakaniikazi bataneenza se Isaka. •Ajya kwa Ishimayeli, asabayo Mahalati umukobwa wa Ishimayeli ya Aburahamu, mushiki wa Nebayoti, amuharika. ba bagore afite.

Imana ibonekera Yakobo mu nzozi

10 Yakobo' ava i Berisheba, agenda yerekeje i Haçanı. 11Agera ahantu, ajarahara buracya, kuko izuba ryari rigenze. Yenda ibuye mu mabuye y'aho ajarisyegura, aryamaho arasinzira. 12 Ararota, abona urwego rushinzwe hasirukageza umutwe mu ijuru, abamarayika. b'Imana baruzamukiraho bakarymanuskiraho. 13 Kandi Uwiteka yari ahagaze hejuru yaqwo, aramubwira ati. "Ndi Uwiteka Imana ya sogokuru Aburahamu, Imana ya Isaka, iki gihugu uryamyeo nzakiguha ubwawe n'urubyaro rwawe, 14urubyarorwawe

27.36: Jtang 25.29-34 27.38: Heb 12.17 27.39-40: Heb 11.20 27.40: Jtang 36.8; 2 Abami 8.20

28.4: Itang 17.4-8 28.12: Yoh J.51 28.13: Itang 13.14-15

z Yakobo risobanurwa ngo Uwinjira undi cyangwa, Uriganaya undi.

^a Dugoma ... yagushyizeho: mu Ruheburayo byanditswe ngo, "Uzamena nira yagushyizeho, iye ku ijosi ryawe." Nira ni ikintu kibajwe gitambikwa ku ijosi ryinka ihingishwa gifatanye n'icyuma ikurura. Reba Lewi 26.13; Gutege 28.48.

ruzahwana n'umukungugu '' wo hasi, uza-kwira iburengerazuba n'iburasirazuba n'ikasikazi n'ikusi, kandi muri wowe no mu rubyaro rwawe ni mo imiryango yose yo mu isi izaherwa umugisha. 15Dore ndi kumwe nawe, nzakurindira aho uza-jya hose, kandi nzakugarura muri iki gihugu, kuko ntazagusiga ntarakora ibyo nkubwiye."

16 Yakobo arakanguka, aravuga ati "Ni ukuri Uwiteka ari aha hantu, nanjye nari ntabizi." 17Aratinya aravuga ati "Erega aha hantu hateye ubwoba! Aha hantu nta kindi ni inzu y'Imana, aha ni ho rembo ry'ijuru."

18 Yakobo azinduka kare kare, yenda ibuye yiseguye, ararishinga ngo ribe inkingi, arisukaho amavuta ya elayo. b 19Aho hantu ahita Beteli, ariko mbere uwo mudugudu witwaga Luzi. 20Yakobo ahiga umuhigo ati "Imana nibana nanjye, ikandindira muri uru, rugendo ngenda, ikajya impa ibyokurya n'ibyo kwambara, 21Inkazagaruka kwa data amahoro, Uwiteka azaba Imana yanje, 22n'iri buye nshinze nk'inkingi izaba inzu y'Imana, kandi ku byo uzajya umpsa byose, sinzabura kuguha kimwe mu icumi."

Yakobo ajya kwa Labani, atendera Rasheli.. imyaka irindwi

29 Yakobo akomeza urugendo, age-ra mu gihugu cy'abanyaburasira-zuba. 2 Abona iriba riri mu gasozi, riraho imikumbi y'intama itatu ziryamy, kuko kuri iryo riba buhiriraga imikumbi kandi igitare kigomeye amazi cyari kinini. 3 Aho ni ho imikumbi yose yateraniraga, bagatembagaza cyo gitare, bakagikura ku munwa w'iriba, bakuhira intama, bakagisubiza ku munwa w'iriba aho gihora.

4 Yakobo abaza abungeri ati "Bene data murava he?"

Baramusubiza bati "Turi Abanya-hani.."

5 Arababaza ati "Muzi Labani mwene Nahori?"

Baramusubiza bati "Turamuzi."

6 Arababaza ati "Araho?"

Baramusubiza bati "Araho kandi dore umukobwa we Rasheli azanye intama."

7 Arababwira ati "Dore ntiburIra, igi-he cy'amahindilra ntikirasohora, mwuhire intama mugende muziragire."

8 Baramusubiza bati "Ntitubibasha imikumbi yose itaraterana, bagatembagaza igitare bakagikura ku munwa w'iriba, ni bwo turi bubone kuhira intama."

9 Akivugana na bo Rasheli azana intama za se, kuko ari we uziragira. 10Nuko Yakobo abonye Rasheli.. mwene Labani nyirarume, n'intama za Labani nyirarume, yegega iriba, atembagaza cyo gitare, agikura ku munwa w'iriba, yuhira umukumbi wa Labani nyirarume. "Yakobo asoma Rasheli.. araturika ararira. 12Yakobo abwira Rasheli, yuko ari mwene wabo wa se, ko ari mwene Rebeka, arirukanka abibwira se.

13 Nuko Labani yumvise intku: ya Yakobo mwishywa we, arirukanka aramusanganira, aramuhohera aramusoma. amujyana iwe. Abwira Labani ibyabayebrose. 14Labani aramubwira ati "Ni ukuri uri amaraso yanje n'ubura bwanjye. " Abana na we ukwezi kumwe.

15 Labani abaza Yakobo ati "Kuko uri mwene wacu, ni cyo gituma unkorera ku busa? Urashaka ko nzaguhemba iki?" 16Kandi Labani yari afite abakobwa babiri: umukuru yitwaga Leya, umuto yitwaga Rasheli. 17Leya yari afite amaso atabengerana, ariko Rasheli.. yari mwiza wese, oo mu maso ari heza.

18 Yakobo abenguka Rasheli asubiza Labani ati "Ndagutendera imyaka irindwi, uzanshyingire Rasheli umukobwa wawe muto."

19 Labani aramusubiza ati "Kumuguhha biruta kumuha undi mutu wese, gumana nanjye." 20Nuko Yakobo atendera imyaka irindwi kugira ngo ahabwe Rasheli.. imuhwanira n'iminsi mike ku bw'urukundo amukunze.

Labani arabanza amushyingira Leya

21 Yakobo atebutsa kuri Labani ati "Nshyiningira umugen iwanjye, murongoro kuko ndangije iminsi yanje." 22Labani atora abakwe baho bose, arabatekera aragaburira. 23Nimugoroba azana Leya umukobwa we aramumushyingira. aramurongora. 24Labani atanga Zilupa umuja we, amuha umukobwa we Leya ho

indongoranyo. 2SMU gitondo Yakobo abona ari Leya. Abaza Labani ati "Wangize ibiki? Rasheli si we natendeye? Ni iki gitumye undiganya utoy?"

26 Labani aramusubiza ati "Iwacu ntibagenza batyo, gushyingira umuto basize umukuru. 27 Mara iminsi irinclwi y'ubo, tubone kugushyingirira n'uriya iyindi myaka irindwi uzatenda."

Yakobo atendera Rasheli indi myaka irindwi

28 Yakobo abigenza atyo amara iminsi irindwi ya Leya, Labani amushyingira Rasheli. umukobwa we. 29Kandi Labani atanga Biluha umuja we, amuha Rasheli. umukobwa we ho indongoranyo. 30 Yakobo arongora na Rasheli. akundwakaza Rasheli, anyungwakaza Leya, atenda kuri Labani indi myaka irindwi.

31 Uwiteka abona ko Leya anyungwakaye azibiira inda ye, ariko Rasheli yari ingumba. 32 Leya asama inQa abyara umuhungu, amwita Rubeni ati "Ni uko Uwiteka yabonye umubabaro wanje, noneho umugabo wanje azankunda." 33 Asama indi nda abyara umuhungu ati "Noneho ndafatana n'umugabo wanje, kuko twabyaranye abahungu batatu." Ni cyo cyatumye yitwa Lewi.^d 34 Asama indi nda abyara umuhungu ati "Ubu ndashima Uwiteka." Ni cyo cyatumye amwita Yuda^e Aba arekeye aho kubyara.

Abaja babyarana na Yakobo

30 Rasheli.. abonye yoko atabyaranye na Yakobo agirira mukuru we ishyari, abwira Yakobo ati "Mpa abana, nutabampa simbaho."

2 Rasheli.. yikongereza uburakari bwa Yakobo aramubaza ati "Ndi mu cyimbo cy'Imana se, ko ari yo yakwimye imbuto iva mu nda yawef?"

3 Aramusubiza ati "Dore umuja wanyje Biluha umugire inshoreke, kugira ngo abyare ku mavi yanje, nanje mbonere urubyaro kuri we." 4 Amushyingira Biluha umuja we, Yakobo amugira inshoreke. 5 Biluha asama inda, abyarana na Yakobo umuhungu. 6 Rasheli.. aravuga ati "Imana inciriye urubanza nratsinda, kandi inyümviye impa umuhungu." Ni cyo cyatumye amwita Dani.^f 7 Biluha umuja wa Rasheli.. asama indi nda, abyarana na Yakobo umuhungu wa kabiri. 8 Rasheli aravuga ati "Nkiranje mwene data gukirana gukabije, ndamutsinda." Amwita Nafutali.^g

9 Leya abonye yuko yarekeye aho kubyara, yenda Zilupa umuja we, amushyingira Yakobo. 10 Zilupa umuja wa Leya abyarana na Yakobo umuhungu. 11 Leya aravuga ati "Mbonye umugisha." Amwita Gadi. 12 Zilupa umuja wa Leya abyarana na Yakobo umuhungu wa kabiri. 13 Leya aravuga ati "Ndahirie, kuko abakobia bazanyita umunyejirwe." Amwita AsherU

14 Mu isarura ry'ingano, Rubeni ajya mu gasozi, abona amadudayimu', ayazanira nyina Leya. Rasheli.. abwira Leya ati "Ndakwinginze, mpa ku madudayimu y'umwana wawe."

15 Na we aramusubiza ati "Kuntwara umugabo biroroheje, none urashaka kuntwara n'amadudayimu y'umwana wanje?"

Rasheli aramusubiza ati "None iri joro arakurarira numpa amaducjayimu y'umwana wawe."

16 Yakobo nimugoroba ava mu rwuri, Leya arasohoka aramusanganira, aramubwira ati "Ukwiriye kundarira, kuko ntanze amadudayimu y'umwana wanje ho ibihembo." Amurarira iryo joro.

17 Imana yümvíra Leya asama inda, abyarana na Yakobo.. umuhungu wa gatantu. 18 Leya aravuga ati "Imana impaye ibihembo, kuko nashyingiye umugabo.. wanje umuja wanje." Amwita Isakari.^h

^d Simeyoni risobanurwa ngo Kumva.

^e Lewi risobanurwa ngo Gufatanya.

^f Yuda risobanurwa ngo Ushimirwa.

^g Dani risobanurwa ngo Guca Urubanza.

^h Nafutali risobanurwa ngo Gukirana.

ⁱ Gadi risobanurwa ngo Umugisha.

^j Asheri risobanurwa ngo Kwita undi umunyejirwe.

^k amadudayimu ni imbuto Abisirayeli bibwiraga yuko uziriye zimukundisha uwazimuhaye, nk'uko bamwe babyibwira ku nzaratsi.

[Isakari risobanurwa ngo Ibihembo..

19Leya asama indi nda, abyara na Yakobo umuhungu wa gatandatu. 2°Leya aravuga ati "Imana impaye impano nziza, noneho umugabo wanje azabana nanjye, kuko twabyaranye abahungu batandatu." Amwita Zebuluni. 21Hanyuma abyara umukobwa, amwita Dina.

Rasheli abyara Yosefu

22 Imana yibuka Rasheli iramwumvira, izibura inda ye. 23Asaina inda abyara umuhungu ati "Imana inkuyeho igitutsi." 24Amwita Yosefu" ati "Uwiteka anyongere undi muhungu."

Yakobo ashaka gusubirayo

25 Nuko Rasheli amaze kubyara Yosefu, Yakobo abwira Labani ati "Nsezerera ngende, njye iwacu mu gihugu cyacu. 26Mpa abagore banje n'abana banje nagutenderagaho nigendere, kuko uzi gutenda nagutenzeho."

27 Labani arāmubwira ati "Icyampa nkakugiriraho umugisha! Kuko nahanyue yuko ari ku bwawe Uwiteka yampereye umugisha." 2. Ati "Nca ibihembo nzaguha, nzajya mbitanga."

29 Aramusubiza ati "Uzi uko nagutenzeho, kandi uko amatungo yawe yabaye nyaragira. 30Kuko ayo wari ufite ntaraza yari make, none yarororotse aba menshi cyane. Uwiteka yaguhaye umugisha aho naganaga hose, none nzabona ryari ibitungisha urwanje rugo?"

31 Aramubaza, ati "Nzaguhemba iki?"

Yakobo aramusubiza ati "Nta cyo uzampemba, ahubwo nunkorera iki, nzongera nkuragirire umukumbi, nywurinde. 32Uyu munsi ndaca mu mukumbi wawe wose, nkuremoo intama z'ubugondo zose n'iz'ibitobo.. zose n'intama z'ibikara zose, n'ihene z'ibitobo n'iz'ubugondo, izimeze zityo zizaba ibihembo byanje. 33Gukiranuka kwanje kuzamburanira gutya hanyuma: nuza kwitegereza ibihembo byanje biri imbere yawe, ihene yose itari ubugondo cyangwa igitobo, n'intama yose itari igikara nizimbonekaho, uzazite inyibano."

34 Labani aramusubiza ati "Nkunze ko byaba bityo." 35Nuko uwo munsi arobanura amapfizi y'ihene y'ibihuga,

n'inyagazi.. z'ubugondo n'iz'ibitobo.. zose, ihene yose ifite ibara ry'umweru, n'intama z'ibikara zose, aziha abahungu be. 36Hagati yabo na Yakobo ahashyira urugendo rw'iminsi itatú. Yakobo aragira imikumbi ya Labani isigaye.

37 Yakobo yenda uduti tw'imelebeni tubisi, n'utw'imiluzi n'utw'imyarumoni, adushishuraho amabarä maremare asa n'imisengo, agaragaza umweru wo kuri two. 3.Ashyira uduti yashishuye ku bibumbiro byo ku mabuga aho imikumbi iři bunywre. Zarindaga uko zije kunywa. 39Imikumbi yarindiraga imbere y'utwo duti, zikabyara iz'ibihuga n'iz'ubugondo n'iz'ibitobo.

40 Yakobo akarobanra izivutse, ake-rekeranya izo mu mukumbi wa Labani n'iz'ibihuga n'iz'ibikara, agashyira imikumbi ye ukwayo, ntayiteranye n'iya Labani..

41 Kandi uko inziza zo mu mukumbi zirinze, Yako bo yashyiraga twa duti ku bibumbiro imbere y'umukumbi, kugirango zitegere hagati yatwo. 42Ariko zaba mbi ntadushyireho, bituma imbi ziba iza Labani, inziza: zikaba iza. Yakobo. 43Uwo mugabo agwiza ubutunzi: cyane, agira imikumbi myinshi n'abaja n'abagaragu, n'ingamiya n'indogobe.

Yakobo ahungana n'abagore
be n'abana

31 Bukeye Yakobo yumva amagambo y'abahungu ba Labani, ko bavuga batí "Ibyari ibya data Yakobo yabimwatse byose, kandi ku byari ibya data ni ho yakuye ubutunzi afite bwose." 2Yakobo abona yuko Labani atakimureba nk'uko yamurebaga mbere. 3Uwiteka abwira Yakobo ati "Subira mu gihugu cya ba sogokuruza muri bene wanyu, nanjye nzahaha nawe."

4 Yakobo atümira Rasheli na Leya ngo baze mu rwuri, aho umukumbi we uri, 5arabbwira ati "Nabonye so atakindeba nk'uko yandebaga mbere, ariko Imana ya data ihmoran nanjye. 6Namwe muzi yuko nakoreye so, uko nashoboye kose. 7Kandi so yagiye andiganya ahindura ibihembo byanje incuro cumi, ariko Imana ntiyamukundiye kugira icyo antwara. 'Yambwira ati 'Iz'ubugondo ni zo zizaba ibihembo byawe', umukumbi wose ukabyara iz'ubugondo, yambwira

mZebuluni risobanurwa ngo Ubuturo.

„ Yosefu risobanurwa ngo Kongerah.

„ nkuremo: cyangwa, nawe ukuremo.

ati 'Iz'ibihuga ni zo zizaba ibihembo byawe', umukumbi wose ukabyara ibihuga. "Uko ni ko Imana yatse so amatungo ye, ikayampa.

10 "Kandi ubwo umukumbi warinda-ga, nubuye amaso ndota, mbona amapfizi yihene yimije umukumbi yari ibihuga n'ubugondo n'ibitobo." 11 Marayika w'Imana ampamagarira mu nzozi ati 'Yakobo.' Nditaba nti 'Karame.' 12 Arambwira ati 'Ubura amaso urebe, amapfizi yihene yimije umukumbi yose, ni ibihuga n'ubugondo n'ibitobo, kuko nabonye ibyo Labani akugirira byose. 13 Ndì Imana, y'i Beteli, aho wasigye amavuta ku nkingi ukampiga umuhigo, haguruka uve muri iki gihugu usubire mu gihugu wavukiyemo."

14 Rasheli na Leya baramubaza batì. "Mu rugo rwa data, hari umugabane cyangwa ibyo tuzaragwa tugifiteyo? "Ntaduhwanya n'ab'ahandi, ko yatu-guze akarya ibiguzi byacu?" 16 Ubutunzi bwose Imana yatse data ni ubwacu n'abana bacu. Nuko icyo Imanà jkubwiye cyose ugikore."

17 Yakobo arahaguruka, ashyira abana be n'abagore be ku ngamiya, 18 ajyana n'amitungo ye yose n'ubutunzi bwose yaronse, amatungo yaronkeye i Padanaramu, kugira ngo ajye kwa se Isaka mu gihugu cy'i Kanani. 19 Labani yari agiye gukemuza intama ze, maze Rasheli yiba ibishushanyo byibigirwamanà bya se. 20 Yakobo yiyya Labani Umwaramu, kuko atamubwiye yuko ahunga. 21 Nuko ahungana ibyo afite byose, arahaguruka, yambuka uruzi, agenda yerekeje ku mu-sozi w'i Galeyadi.

Labani akurikira Yakobo amurakariye

22 Ku munsi wa gatatu babwira Labani yuko Yakobo yahunze. 23 Ajyana na bene wabo aramukurikira, amugereraho iminsi irindwi, asanga ari ku musozi w'i Galeyadi. 24 Imana isanga Labani Umwaramu rnu nzozi nijoTo, iramubwira iti "Wirinde, ntugire icyo ubwira Yakobo ari icyiza, ari n'ikibi." 25 Labani afatIra Yakobo. Yakobo yari abambye ihema rye ku musozi, Labani na bene wabo na bo bayabamba ku musozi w'i Galeyadi.

26 Labani abaza Yakobo ati "Ieyo wakoze icvo ni iki kunyiyiba, ukajyana

abakobwa banje nk'abanyagano? 27 Wate-we n'iki. giuhunga rwihihwa, ukanyiyiba, ntumbwire ngo ngusezeresheho ibiganjro by'ibyishirno, n'indirinbo n'ishako n'ina-naga, 28 ntunkundire gusoma abuzukuru, banje n'abakobwa banje? Wakozé iby'u-bupfu. 29 "Nabasha kugira icyo mbatwara, ariko Imana ya so yambwiye iri joro i 'Wirinde, ntugire icyo ubwira Yakobo ari icyiza, ari n'ikibi." 30 None ubwo ugiye rwose, kuko ukumbuye cyane inzu ya so, ni iki cyatumniye wiba irnana, zanjye?"

31 Yakobo asubiza Labani ati "Irya mbere ni uko natinye ko wanyaga abakobwa bawe. 32 Irya kabiri, uwo uri bubonane imana zawe, ntazabeho. Imbere ya bene wacu saka icyawe kiri mu byanje, ukijyane." Kuko Yakobo yari atazi yuko Rasheli yazibye.

33 Labani ynjira mu jhema rya Yakobo, no mu rya Leya, no mu ya za nshoreke zombi, arazibura. Ava mu jhema rya Leya, ynjira mu rya Rasheli, 34 Rasheli yari yenze bya bigirwamanà, abishyira mu matandiko y'ingamiya, ayicaraho. Labani asaka mu ihema hose, arabibura.. 35 Rasheli, abwira se ati "Ntundakare databuja yuko ntaguhagurukiye, ni uko ndi mu mihangi y'abakobwa." Arasaka, abura bya bigirwamanà.

36 Yakobo ararakara' atonganya Labani aramubaza ati "Naguçumuyeho iki? Nakoze cyaha ki cyatumye unķurikira vuba vuba?" 37 None usatse mu bintu byanje byose, ubonye iki cyo mu byo mu rugo rwawe? Kizane hano ugishyre imbere ya bene wacu na bene wanyu, badukiranure. 38 Myaka makumyabiri twabanye, intama zawe n'ihene zawe n'inyagazi ntizarambururaga, amapfizi y'intama yo mu mikkumbi yawe sinayariye. 39 Iyicwaga n'inyamaswa sinakuzanñi; raga ikirira nayishyiraga ku mubare wanjiye, wandihishaga izibwe naho haba ku manywa cyangwa nijoro. 40 Nameraga ntya: **ku manywa nicwaga n'umwuma**, nijorò nkicwa n'imbeho, ibitosi bikangu-ruka. 41 Iyo myaka uko ari makumyabiri nabaga iwawe, nagutendeyeho abakobwa bawe bombi irnyaka cumi n'ine, mara irnyaka itandatu nkorera umukumbi, wahinduye ibihembo byanje incuro: cumi, 42 Iyaba Imana ya data, Imana ya Aburahamu, iyo Isaka yubaha itabanye nanje,

ntuba warabuze kunsezerera nta cyo mfiti. Imana yabonye kugirirwa nabi kwanjiye n'umuruho w'amaboko yanje, iri joro ryakeye iragukangara."

Yakobo na Labani basezerana;
Labani asubira iwabo

43 Labani asubiza Yakobo ati "Abakobwa ni abakobwa banjye, n'abana ni abanjiye, n'imikumbi ni iyanjiye, ibyo ureba ibi byose ni ibyanjiye. None nabasha nte kugira icyo ntwará abakobwa banjye cyangwa abana babyaye? 44None jye nawe dusezerane isezerano, ribe umuhanya hagati yacu."

45 Yakobo yenda ibuye, arishinga nk'inkingi. 46Yakobo abwira bene wabo ati "Nimuteranye amabuye." Barayazana, barema igishyinga, basangirira' kuri icyo gishyinga. 47Labani acyita Yegarisahaduta. Yakobo na we acyita Galedi. 48Labani aravuga ati "Iki gishyinga ni umuhanya hagati yacu uyu. munsi." Ni cyo cyatumye cyitwa Galedi. 49Kandi cyitwa na Misipa, kuko Labani yavuze ati "Uwiteka agenzure hagati yacu, nituba tutakibonana. 50Nugirirwa nabi abakobwa banjye cyangwa nubaharika, nta wundi uri kumwe natwe, dore Imana ni yo muhanya hagati yacu." 5' Kandi Labani abwira Yakobo ati "Dore iki gishyinga n'iyo nkingi nshinze hagati yacu. 52Iki gishyinga kibe umuhanya, n'inkingi na yo ibe umuhanya, yuko ntazarenga iki gishyinga ngo nze aho uri, nawe ko utazarenga iki gishyinga n'iyo nkingi ngo uze aho ndi, kugiriraná nabi. 53Imana ya Aburaharnu, Imana ya Nahori, Imana ya se wa bombi, idukiranure." Yakobo arahira Iyo se Isaka yubaha. 54Yakobo atambira igitarnbo kuri wa musozi, ahainagara' bene wabo, arabagaburira barasangira, baara kuri wa musozi buracya.

32 Labani azinduka karé mu gitondo, asoma abuzukuru be n'abakobwa be, abasabira' umugisha. Labani aragenda, asubira iwabo.

Abamarayika b'Imana
babonekera Yakobo

2 Yakobo akomeza urugendo, abamarayika b'Imana bahurá na we. 3 Yakobo ababonye aravuga ati "Aba ni umutwe w'ingabo z'Imana." Yita aho hantu Mahanayimu.

4 Yakobo atuma intumwa ngo zirnubanzirize zijiye kwa Esawu mwene se mu gihugu cy'i Seyiri, mu ishyamba rya Edomu. 5 Arabategeka ati "Muzabwire databuja Esawu muti 'Umugaragu wawe Yakobo ngo yabanaga na Labani, ageza ubu.' 6Kandi muti 'Afite inka n'indogobe n'imikumbi n'abagaragu n'abaja. None adutumye kuza kubikubwira, databuja, kugira ngo akugirireho umugisha."

Intumwa za Yakobo zimubwira
yuko Esawu aza

7Izo ntumwa zisubira aho Yakobo' ari, ziragnubwira ziti "Twageze kuri mwe-ne so Esawu, kandi araza kugusanganira,' azanye n'abantu magana ane." 8' Yakobo aratinya cyane ahagarika umutima, abantu bari kumwe na we n'imikumbi n'amashyo n'ingarniya, abigabanyamo imitwe ibiri ati 9"Esawu yatungukira' ku mutwé umwe akawurimbura, usigaye wakira."

10 Kandi Yakobo aratnbaza ati "Mana ya sogokuru Aburahamu, Mana ya Data Isaka, Uwiteka, ntiwambwiye uti 'Subira mu gihugu cyanyu no muri bene wanyu, nanjiye nzakugirira neza'? 11 Ku mhabazi zose n'umurava wose wagiriyre umugaragu wawe, sinari rikwiriye guabwaho n'ibyoroheje hanyuma y'ibindi, kuko narnbutse Yorodani iyi mfiti inkoni nsa, none mpindutse imitwe ibiri. 12 Nda-kwinginze, unkize mwene data Esawu, kuko mutinya ngo ataza akanyicana n'abana na ba nyina. 13Nawe warainbwiyre uti 'Sinzabura kukugirira neza, nzahwanya urubyaro rwawe n'umusenyi wo ku nyanja, utabarika.'"

14 Aharara iryo joro, yenda ku byo yari afite ngo abihe Esawu mwene se ho impano: 15hene z'abagazi magana.. abiri, n'iz'amapfizi makumyabiri, n'intama z'abiigazi magana abiri, n'iz'amapfizi. makumyabiri, 16n'ingamiya z'ingore mirongo

32.13: Itang 22.17

P Yegarisahaduta: mu Runyaramaya risobanurwa risobanurwa kimwe na Yegarisahaduta.

r 32.1: Muri Bibila Yera ya rnbera, uyu murongo ni 31.55; bityo 32.1-32 ihwanye na 32.2-33 muri iyi Bibiliya, nk'uko biri mu Ruheburayo.

ngo, 19ishyinga gihanya. Galedi: mu Ruheburayo

32.1: Muri Bibila Yera ya rnbera, uyu murongo ni 31.55; bityo 32.1-32 ihwanye na 32.2-33 muri iyi Bibiliya, nk'uko biri mu Ruheburayo.

itatu n'imicanda yazo yonkaga, n'inka mirongo ine n'amapfizi cumi, n'indogobe z'ingore makumyabiri.. n'ibyana byazo cumi. 17Abiba abagaragu be, umukumbi wose ukwawo arababwira ati "Nimunjye imbere, mujye mushyira intera hagati y'umukumbi n'undi..." 18 Abwira ugiye imbere ati "Esawu mwene data nimuhura; akakubaza ati 'Uri uwa nde, kandi urajya he, kandi n'ibyo ushoreye ni ibya nde?" 19 Maze umubwire uti 'Ni iby'umugaragu wawe Yakobo, ni impano uhawe databuja Esawu, kandi dore na we ari inyuma yacu." 2. Maze abitegeka n'uwa kabiri n'uwa gatatu, n'abakurikiye iyo mikumbi bose ati "Abe ari ko mubwira. Esawu, nimumubona, 21kandi muti 'Dore n'umugaragu wawe Yakobo ari inyuma yacu.' " Kuko yibwiye ati "Ndamwuruzza impano zingiye imbere, maze nyuma tubonane, ahari aranyemera." 22 Nuko izo mpano zimujya imbere, ahararanra iryo joro o'u-mutwe' w'abantu... be.

**Yakobo akirana na Marayika
w'Imana**

23 Abyuka. muri iryo joro, ajyana n'abagore be bombi n'insshoreke ze zo-mbi n'abana be uko ari cumi n'umwe, yambuka icyambu cya Yaboki. 24Arabajyana, abambutsa uwo mugazi, yambutsa n'ibyo yari afite byose. 25Yakobo asigarayo wenyinge.

Haza umugabo aramukiranya, bageza
mu museke. 26Abonye yüko atamutsi-nze, akora ku mutsi wo ku nyonga y'itako rye, umutsi wo ku nyonga y'itako rya Yakobo urareguka bagikiranra. 27Uwo mugabo aramubwira ati "Ndeku-ra, kuko umuseke utambitse."

Aramusubiza ati "Sinkurekura uta-mpaye umugisha."

28 Aramubaza ati "Witwa nde?"

Aramusubiza ati "Ndi Yakobo"

29 Aramubwira ati "Ntucyitwa. Yakobo ukundi, ahubwo uzitwa Isirayeli, kuko wakiranje Imana n'abantu ukanesha." 3-Yakobo aramubwira ati "Ndkwingi-nze, mbwira izina ryawe."

Aramubaza ati "Ni iki gitumye umbaza izina ryanjye?" Amuherayo umugisha.

31 Yakobo yita aho hantu Penuwel'i ati "Ndebesheje Imana amaso, sinapfa." 32Izuba rirasa akirenga Penuwel'i,

acumbagizwa n'ikibero cye. 33Ibyo ni byo bituma Abisirayeli batarya umutsi wo ku itako, urí ku kibero, na bugingo n'ubu, kuko wa mugabo yakoze ku mutsi wo ku nyonga y'itako rya Yakobo.

**Yakobo yuzura na Esawu; agura
ubutaka i Shekemu**

33 Yakobo yubura amaso, arebye abona Esawu azanye n'abantu magana ane. Agabanya abana, aha Leya abe, na Rasheli... abe, n';nshoreke zombi abazo. 2Ashyira imbere inshoreke n'aba-na bazo, akurikizaho Leya n'abana be, basezererwa na Rasheli na Yosefu. 3Ma-ze ubwe abarangaza imbere, yikubita hasi karindwi, arinda agera aho yegereye mwene se. 4Esawu arirukanka ajya ku-musanganira, aramuhobera begamiranya **amajosi, aramusoma. bombi bararira.** 5Esawu yubura amaso abona ba bagore n'abana, aramubaza ati "**Abo muri ku-mwe bariya ni abahe?**"

Aramusubiza ati "Abo ni abana Ima-na yahereye umugaragu wawe ubuntu bwayo." 6Maze za nshoreke zigira hafi zo n'abana bazo, bikubita hasi. 7Na Leya n'abana be bigira hafi, bikubita hasi, hakurikiraho... Yosefu na Rasheli, bigira hafi, bikubita hasi..."

8 Aramubaza ati "Umukumbi twahu-ye wose ni uw'iki?"

Aramusubiza ati "Ni ükugira ngo nkugirireho umugisha, databuja."

9 Esawu aramusubiza ati "Ibyo mfite birahagije. Mwana wa data, ibyo ufite ubiyabarire. "

10 Yakobo aramubwira ati "Oya ndakwinginze, niba nkugiriyeho umugisha, emera impano nguhaye, kuko mbo-nye mu maso hawe nk'.uko umuntll abona mu maso h'Imana, uk.anezererwa. 11 Ndakwinginze, emera impano yanjye bakuzaniye, kuko Imana yampereye ubu-ntu, kandi mfite ibinkwiriye byose. **Aramugomera, arayemera.**

12 Aramubwira ati "Dukomeze uru-gendo tugende, nanjye ndakuuya imbere."

13 Aramubwira ati "Databuja, uzi yuko abana badafite imbaraga kandi ko imikumbi n'amashyo mfite byonsa, babi-gendesha uruhato, naho waba umunsi umwe gusa, byapfa byose. 14Ndakwinginze databuja, ujye imbere y'umugaragu

wawe, nanjye ndagenda buhorø, nk'uko kugenda kw'amitungo nshoreye kuri, kandi nk'uko kugenda kw'abana kuri, ngusange databuja, i Seyiri."

15 Esawu aramusubiza ati "Reka ngusigire bamwe mu bo turi kumwe."

Yakobo aramubaza ati "Ni ab'iki? Nkugirireho umugisha databuja." 16Nuko Esawu uwo munsi asubirayo, agumya kugenda, ajya i Seyiri. 17Yakobo ajya i Sukoti yubakayo inzu, acirayo amatungo ye ibiriyo. Ni cyo cyatumye aho hantu hitwa i Sukoti.'

18 Yakobo asohora amahoro mu mudugudu Shekemu, wo mu gihugu cy'i Kanani, ubwo yavaga i Padanaramu, abamba amahema imbere y'umudugudu. 19Isambu yabambyeho ihema rye ayigura na bene Hamori; se wa Shekemu, ibice by'ifeza ijana. '0 Yubakayo igicaniro, acyita "Eli E10he Isirayeli."^t

Shekemu akinda Dina, umukobwa wa Yakobo

34 Dina utukobwa wa Leya, uwo yabyaranye na Yakobo, arasohoka ajya kugenderera abakobwa bø muri icyo gihugu. 'Shekemu mwene Hamori Umu-hivi, umutware mukuru w'icyo gihugu aramubona, aramwenda aryamana na we, agramukinda. 3 Amarira umutima kuri Dina, umukobwa wa Yakobo, aramukunda, amubwira neza. 4 Shekemu abwira se Hamori ati "Nsabira uyu mukobwa."

5 Yakobo yumva yuko Shekemu yonnye Dinø umukobwa we, abahungu be baøi mu matungo mu rwuri, Yakobo aracecka, ageza aho baziye. (Hamori se wa Shekemu aragenda ngo ajye kujya inama na Yakobo. 7Bene Yakobo babyumvise bava mu rwuri barataha. Barababa kandi bararakara cyane, kuko yakoreye ikizira mu Bisirayeli, ari cyo kuryamana n'umukobwa wa Yakobo bidakwiriye gukorwa. •Hamori ajya inama na bo ati "Umutima w'umuhungu wanjye Shekemu wigombye umukobwa wanyu, ndabinzinge, mumushyingire. 9Kandi mushyingirane natwe, mudushyingire abakobwa banyu, namwe murongore abakobwa bacu. 10Kandi muzaturana natwe, igihugu kizaba imbere yanyu ngo mujye

aho mushaka, mugituremo, mugitundemo. mukironk.emo ibantu."

11 Shekemu abwira se wa Dina na basaza be ati "Mbagirireho umugisha, icyo muzanca cyose nzakibaha. 12Ifikwano n'impano muzanyaaka uko bizangana kose, nzabibaha uko mubinyatse, ariko munshyingire uwo mukobwa."

Basaza ba Dina bicisha Shekemu n'abe uburiganya

13 Bene Yakobo basubizanya uburiganya Shekemu na Hamori se, kuko yonnyne Dina mushiki wabo. 14 Barabuwira batì "Ntitwabasha gushyingira mushiki wacu umuntu utakebwé, kuko ibyo byadutera isoni.. 15 Icyatuma twemera ibyo ni kimwe gusa, ko muba nka twe, ngo umugabo wese wo muri mwe akebwé. 16Ni ho tuzabashyingira abakobwa bacu, tukarongora abakobwa banyu, tutgaturana, tukaba ubwoko bumwe. 17Ariko nimutatwumvira ngo mukebwe, tuza-jyana umukobwa wacu twigendere."

18 Amagambo yabo anezesa Hamori na Shekemu mwene Hamori. 19Uwo muhungan ntiyatindiganya kubikora kuko yanezererwaga umukobwa wa Yakobo, kandi Shekemu yari afite icyubahiro kiruta icy'ab'inzu: ya se bose.

20 Hamori na Shekemu umuhungu we bajya mu marembo y'umudugudu wabo, bajya inama n'abagabo bo mu mudugudu batì 21"Abo bantu ntibashaka kurwana natwe, nuko bature mu gihugu bagitundemo kuko igihugu ari kigarji bakagikwiramo, turongore abakobwa babo, tubashyingire abacu. 22Ariko icyatuma batwumvira bakemera guturana natwe tukaba ubwoko bumwe ni iki gusa: ni uko umugabo wese wo muri twe akebwa nk'uko bo bakebwa. 3 Mbese inka zabo n'ibantu byabo n'amitungo yabo yose ntibizaba ibyacu? Tubemerere gusa, na bo bazaturana natwe." 4 Hamori na Shekemu umuhungu we, bumvirwa n'abavaga mu irembo ry'umudugudu wabo bose, umugabo wese arakebwa, uwavaga mu irembo ry'umudugudu wabo wese.

25 Maze: ku murlsi wa gatatu, barushi-jeho kubabara, bene Yakobo babiri, Sime-yoni na Lewi, basaza ba Dina, benda

33.19: Yos 24.32; Yoh 4.5

^s Sukoti risobanurwa ngo Ibiraro cyangwa Ingando.

^t Eli Elohc Isirayeli risobanurwa ngo Imana ni yo Mana ya Isirayeli.

inkota zabo; batera umudugudu gilunguro, bica abagabo, bo muri wo bose. 26Bicisha Hamori na Shekemu umuhungu we inkota, bakura Dina mu nzu ya Shekemu, baragenda. 27Bene Yakobo bacuza intumbi, basahura mu mudugudu, babahora konona mushiki wabo. 28Banyaga imikumbi yabo, n'amashyo yabo n'indogobe zabo, n'ibinlu byari mu mudugudu n'ibyo mu gasozi, 2.banyaga ubutunzi; bwabo bwose, bafata mpiri abana babo bose n'abagore babo, n'ibyari mu mazu yabo byose.

30 Mazé Yakobo abwira Simeyoni na Lewi ati "Mumpagaritse umutima, kuko mutumye nangwa urunuka na bene ighugu, Abanyakanani n'Abaferizi, kandi umubare wacu ari muke, bazaterana bose bantere, nanje nzařimbukana. n'inzu yanje."

31 Barāmubaza bat "Bikwiriye ko agirira mushiki wacu atyo, nk'aho yari maraya?"

Rasheli apfa, amaze kubyara
Benyamini

35 Imana ibwira Yakobo iti "Haguruka užamuke, ujye i Beteli ulureyo, wubakireyo igicaniro Imana yakubo-nekeye, ubwo wahungaga Esawu mwene so."

2 Maze Yakobo abwira abo: mu rugo rwe n'abo: bari kumwe bose ati "Mukureho imana z'abanyamahanga ziri muri mwe, mwiziriire mwambare indi myenda, duhaguruke tuzamuke lujye i Beteli, nanje nzubakirayo igicaniro Imana, yanumviye ku munisi w'umubabaro" wanjiye, kandi yagendanaga nanje mu nzira **nagenzemo.**" 4 Bahá Yakobo imana z'a-banyamahanga zose bari bafite, n'impeta zari mu matwi yabo, Yakobo abihisha munsi y'igitu cyitwa umwela cyari hafi y'i Shekemu.

5 Barāgenda, Imana itera ubwoba imidugudu ibagose, ntibakurjkira bene Yakobo. 6Nuko Yakobo asohora i Luzi ni yo Beteli, iri. mu gihugu cy'i Kanani we n'anbanlu bose bari kumwe. 'Yubakayo igicaniro, yita aho hanlu "Elj Beteli", kuko ari ho Imana yamwihiishuriye, ubwo wahungaga mwene se. &Kandi Debora

warēraga Rebeka arapfa, bamuhamba hepo y'i Beteli munsi y'igitu cyitwa umwaloni, bacyita. Alonibakutu. "

9 Imana yongera kubonekera Yakobo agarutse avuye i Padanaramu, imuhu umugisha. 10Imana iramubwira iti "Witwa Yakobo, ntuzitwa Yakobo, ukundi, ahubwo Isirayeli ni ryo rizaba izina ryawe." Nuko imwita Isirayeli. 11 Imana iramubwira iti "Ndi Imaña Ishoborabyose, wororoke ugwire, ishyanga n'iteraniro ry'amoko bizagukomokaho, abami bazakomoka mu rukiryi rwawe, 12kandi ighigüi nahaye Aburáhamu na Isaka nzakigüha nawe, n'urúbaryo rwawe ružakurirkirahua nzarugiha." 13Imana imusiga aho bavuganiraga, irazamuka. 14Yakobo ashinga inkinci y'amabuyye aho yavuganiraga na yo, ayisukaho iluro ry'ibokunywa, ayisukaho n'amavuta ya elayo. 15Yakobo yita aho hanlu yavuganiye n'Imana Beteli.

16 Bava i Beteli baragenda, bari bishigaje akarere bakagera muri Efurata, Rasheli, ararámukwa, aragumirwa. 17Kandi akiguimiwe umubyaza, aramubwira ati "Witinya, kuko uri bubyage undi muhunganu." 18Kandi mu ipfa rye, ubugingo bwe buri mu igenda, yita umwaja Benoni, ariko se amwita **Benyamini.**

19 Rasheli arapfa, bamuhamba mu nzira ijya muri Efurata, ni ho Betelehemu. 20Yakobo ashinga inkinci ku gituro cye, ari yo nkingi y'igiluro' cya Rasheli ikirihö na bugingo n'ubu. 21Isirayeli **aragenda, abamba ihema hirya y'inzu** ndende y'amatafari, yo muri Ederi.

Bene Yakobo
(*1 Ngoma 2.1-2*)

22 Kandi Isirayeli agituye muri icyo gihugu; Rubeni arágenda asambana na Biluha inshoreke ya se, Isirayeli arabimena.

Abahungu ba Yakobo bari cumi na babiri. 23Aba Leya ni Rubeni impfura ya Yakobo, na Simeyoni na Lewi na Yuda na Isakari ná Zebuluni, 24aba Rasheli ni Yosefu na Benyamini, 25aba Biluha umuja wa Rasheli, ni Dani na Nafutali, 26aba Zilupa umuja wa Leya, ni Gadi na Asheri.

35.1: Itang28.11-17 35.10: foog32.28 35.11-12: l'ang 17.4-8 35.14-15: l'ang28.18-19
~5.22: Itang 49.4

Alonibakutu risobanutwa ngo umwaloni w'iririro. Umwaloni n'umwela n'umweloni ni amazina y'igitu kinini kimwe.

Benoni risobanurwa ngo Umwana w'urnubabaro wanje. Benyamini risobanurwa ngo Umwana w'ukuboko kwanje kw'iburyo.

Abo ni bo bahungu ba Yakobo yabyariye i Padanaramu.

27 Yakobo agera kwa se Isaka i Marñure kuri Kiriyati Aruba ni ho Heburoni, aho Aburaharnu na Isaka baturaga. 28 Iminsi Isaka yaramye ni imyaka ijana na mirongo inani. 29 Isaka umwuka ura-hera arapfa, asanga bene wabo ageze mu za bukur, Esawu na Yakobo abana be baramuhamba.

Abuzukuruza ba Esawu
(*I Ngorna 1.34-37*)

36 Uru ni rwo rubyaro rwa Esawu, ni we Edomu. 2 Esawu yarongoye Abanyakanijnikazi, Ada umukobwa wa Eloni Umuheti, na Oholibama umukobwa wa Ana, mwene Sibeyoni Umuhivi, 3 na Basemati umukobwa wa Ishimayeli, mushiki wa Nebayoti. 4 Ada abyarana na Esawu Elifazi, Basemati abyara Reweli, 'Oholibama abyara Yewushi na Yalamu na K6ra. Abo ni bo bahungu ba Esawu, yabyariye mu gihugu cy'i Kaniini.

6 Esawu ajiana abagore be, n'abahungu be n'abakobwa be, n'abantu bose bo mu rugo rwe, n'inka ze n'amatungo ye yose, n'ibantu bye byose yaronkeye mu gihugu cy'i Kaniini, ajya mu kindi gihugu ngo atandukane na mwene se Yakobo. 7 Kuñó ubulunzi bwabo bwari bwinshi bugatumma badashobora guturana, igihugu cy'ubusuhuke bwabo nticyabakwiraga ku bw'amatungo yabo. 8 Esawu atura ku musozi Seyiri, Esawu ni we Edomu.

9 Uru ni rwo rubyaro rwa Esawu, sekurusa w' Abedomu bo ku musozi Seyiri. 10 Bene Esawu aya ni yo mazina yabo: Elifazi mwene Ada muka Esawu, na Reweli mwene Basemati muka Esawu. 11 Bene Elifazi bari Temani na Omari, na Sefo na Giitarnu na Kenazi. 12 Kandi Timuna yari inshoreke ya Elifazi mwene Esawu, abyarana na Elifazi Amaleki. Abo ni bo buzukuru ba Ada, muka Esawu. 13 Kandi aba ni bo bene Reweli: Nahati na Zera, na Shama na Miza. Abo ni bo buzukuru ba Basemati muka Esawu.

14 Kandi aba ni bo bene Oholibama muka Esawu, umukobwa wa Ana mwene Sibeyoni: abyarana na Esawu Yewushi na Yalamu na K6ra.

15 Aba ni bo batware bakomotse mu bahungu ba Esawu. Bene Elifazi: impfura

ya Esawu ni aba: umutware Temani, n'umutware Omari, n'umutware Sefo, n'umutware Kenazi, 16n'umutware K6ra, n'umutware Gatamu, n'umutware Amaleki. Abo ni bo batware bakomotse kuri Elifazi mu gihugu cya Edomu, abo ni bo buzukuru ba Ada.

17 Kandi aba ni bo bene Reweli. **mwene Esawu: umutware Nahati, n'umutware Zera, n'umutware Sharña, n'umutware Miza.** Abo ni bo batware bakomotse kuri Reweli, mu gihugu cya Edomu, abo ni bo buzukuru ba Basemati muka Esawu.

18 Kandi aba ni bo bene Oholibama muka Esawu: umutware Yewushi, n'umutware Yalamu, n'umutware K6ra. Abo ni bo batware bakomotse kuri Oholibama: muka Esawu umukobwa wa Ana. 19 Abo ni bo bo mu nda ya Esawu, abo ni bo batware babo, uwo ni we Edomu.

Urubyaro rwa Seyiri
(*I Ngorna 1.38-42*)

20 Aba ni bo bene Seyiri Umuhori, bene icyo gihugu: Lotani na Shobali, na Sibeyoni na Ana, 21 na Dishoni na Eseri na Dishani. Abo ni bo batware bavuye mu Bahori, abana ba Seyiri bo mu gihugu cya Edomu.

22 Bene Lotani bari Hori na Hemamu, mushiki wa Lotani yari Timuna.

23 Kandi aba ni bo bene Shobali: Alivani na Manahati, na Ebali na Shefo na Onamu.

24 Kandi aba ni bo bene Sibeyoni: Ayiya na Ana. Ana uwo ni we wabonye amashyuza mu butayu, akiragira indogobe za se Sibeyoni. 25 Kandi aba ni bo bene Ana: Dishoni na Oholibama, umukobwa wa Ana. 26 Kandi aba ni bo bene Dishoni: Hemudani na Eshibani, na Yitiraní na Kerani.

27 Kandi aba ni bo bene Eseri: Biluhani na Zavani na Yakani.

28 Kandi aba ni bo bene Dishani: Usi na Arani.

29 Kandi aba ni bo batware bavuye mu **Bahori: umutware Lotani, n'umutware Shobali, n'umutware Sibeyoni, n'umutware Ana, 30n'umutware Dishoni, n'umutware Eseri, n'umutware Dishani.** Abo ni bo batware bavuye mu Bahori, nk'uko abatware babo barí mu gihugu cy'i Seyiri..

Abami ba Edomu
(*I Ngoma 1.43-54*)

31 Kandi aba ni bo bami bimaga mu gihugu cya Edomu, hatarimo umwami mu Bisirayeli.. 32Bela mwene Beyori yimye Edomu, ururēmbo rwe rwitwa Dinihaba. 33Bela atanze, Yobabu mwene Zera w'i Bosira yima amukurikiye. 34Yobabu atanze, Hushamu wo mu gihugu. cy'Abatemanzi yima amukurikiye. 35 Hushamu atanze, Hadadi mwene Bedadi, waneshereje Abamidiyani.. mu ishyamba ry'i Mowabu **yima amukurikiye, urembo rwe rwitwa** Aviti. 36Hadadi atanze, Samula w'i Masi-reka yima amukurikiye. 37 Samula atanze, Sawuli.. w'i Rehoboti.. ihereranye na rwa **ruzi, yima amukurikiye.** 38 **Sawuli atanze,** Balihanani.. mwene Akibori, yima amukurikiye. 39Balihanani mwene Akibori atanze, Hadari yima amukurikiye, urembo rwe rwitwa Pawu. Umugore we yitwa Mehetabeli, umukobwa wa Matiredi, umukobwa wa Mezahahu.

40 Aya ni yo mazina y'abatware bako-motse kuri Esawu nk'uko imiryango yabo iri, nk'uko ibihugu byabo biri, nk'uko **amazina yaho ari: umutware Timuna,** n'umutware. Aliva, n'umutware Yeteti, 41 **n'umutware Oholibama, n'umutware Ela, n'umutware Pinoni, 42n'umutware Kenazi n'umutware Temani, n'umutware** Mibusari, 43n'umutware Magidiyeli, n'umutware Iramu. Abo ni bo batware ba Edomu nk'uko ubuturo. bwabo bwari burī mu gihugu cya gakondo yabo. Uwo ni we Esawu, sekuruza w' Abedomu.

Yosefu atoneshwa na se, bene se bamugirira ishyari

37 Yakobo aba mu gihugu cy'ubusu-hūke bwa se, ni cyo gihugu cy'i Kanani. 2Uru ni rwo rubyaro rwa Yakobo.

Yosefu amaze imyaka cumi n'irindwi avutse yaragiranaga na bene se intama, mu busore bwe yabanaga na bene Biluja na bene Zilupa baka se, akajya abarira se inkuru y'ibibi bakora.

3 Isirayeli atonesha Yosefu, amukunda birusha iby'abana. be bose kuko ari we yabyaye ashaje, amudodeshereza ikanzu ndende. 4 Bene se bamanya yuko se amukunda birusha ibyabo bose barantwanga **ntibajya** bagira ineza hamuwira.

5 **Yosefu arota inzozi aziroterera bene** se, barushaho kumwanga. 6Arabbwira ati "Ndabinginze nimwumve inzozi naro-se: 7 ngo twahambiraga imiba mu murimā, umuba wanjye urahagarara urema, iyanyu miba ikikiza uwanjye, iwikubita imbere."

8 Bene se baramubaza bat "Ni ukuri wowe uzaba umwami wacu? Ni ukuri **wowe uzadutwara?**" Izo nzozi ze n'ayo magambo ye bituma barushaho ku-mwanga.

9 Yongera kurota izindi nzozi, aziroterera bene se ati "Nongeye kurota izindi nzozi: ngo izuba n'ukwezi n'inyenyeri cumi n'imwe binyikuhiise imbere."

10 **Aziroterera se na bene se, se aramucyaha aramubaza ati.** "Izo nzozi ni nzozi ki? Ni ukuri jye na nyoko na bene so tuzaza twikubite hasi imbere yawe?" 11Bene se bamugirira ishyari, ariko se ajya yibuka ayo magambo.

Bene se ba Yosefu bamugurisha

12 Bene se bajya kuragirirā umukumbi wa se i Shekemu. 13Isirayeli.. abwira Yosefu ati "Bene so ntibaragiriye umukumbi i Shekemu? Ngwino ngutume kuri bo."

Aramusubiza ati "Ntuma."

14 Aramubwira ati "Genda umenye yuko bene so ari amahoro, n'umukumbi yuko uri affahoro, maze ugaruke umbwiri." **Nuko aramatuma, ava mu gikome** cy'i Heburoni, agera i Shekemu. 15Umu-gaboo amubona azerera mu gasozi, **umo-gaboo aramubaza ati "Urashaka iki?"**

16 Aramusubiza ati "Ndashaka bene data, ndakwinginze mbwira aho baragi-riye."

17 Uwo mugabo aramusubiza ati "Baragiye kuko numvise bavuga bat. 'Tujye i Dotani.'" Yosefu akurikira bene se, **abasanga i Dotani.**

18 Bamwitegera.. akiri kute, bamugira inama yo kumiwa atajahlgira hafi. 19Ba-ravugana bat "Dore Karosi araje. 2.Nuko nimiruze tumwice, tumujugunye mu rwobo rumwe muri izi zacukuriwe kubika. amazi, tuzavuge titi 'Inyatišwa y'inkazi yara-muriye', **tuzamenya inzozi ze, uko zizaba.**"

21 Rubeni aqabyumva aramubakiza, **arabhwira ati "Twe kumuhwanya."** 22 **Kandi ati "Mwe kuvusha amaraso,** ahubwo mumujugunye muri uru rwobo

ruri mu butayu, ariko amaboko yanyu ye kumubaho." Kwari ukugira ngo amubakize, amusubize se. 23Yosefu ageze kuri bene se, bamwambura ya kanzu ndende, 24baräumufata bamujugunya muri rwa rwöbo, kandi rwarimo ubusa nta mazi yari arurimo.

25 Bicazwa' no kurya umutsima, bubuye amaso babona itára ry' Abishimayeli bavuye i Galeyadi, bagenda bafite ingamiya zihetse imibavu n'umuti womora n'ishangi, babijyana muri Egiputa. 2.Yuda abwira bene se ati "Kwica mwene data no guhisha amaraso ye byaturnqirira iki? 27Nirnuze tumugure na bariya Bishimayeli, amaboko yacu ye kumubaho kukö ari mwene data, tukaba akarä kamwe." Bene se baramwumyira. 2.Hahita Abamidiyani batundaga, bakurura Yosefu, bamukura' muri rwa rwöbo bamugurä na ba Bishimayeli ibice byifeza makumyabiri. Bajyana Yosefu murü Egiputa.

29 Rubeni agaruka kuri rwa rwöbo, asanga Yosefu atarimo, ashishirmura imyenda ye. 30Asubira kuri bene se arababwira ati "Umwana ntakirimo, najye ndajya he?"

31 Benda ya kanzu..ya Yosefu, babiiga isekurume y'ihene binika ikanzu mu maräso yayo, 32bohereza ya kanzu ndende, bategeka ko bayijyana kwa se, bamutumaho bati "Twabonye iyi, none umenye ko yaba ikanzu y'umwana wawe cyangwa ko atari yo."

33 Arayimenya aravuga ati "Ni ikanzu y'umwana wanjiye, inyarnaswa y'inkazi yaramuriye nta gushidikanya, Yosefu yata-nyaguwe na yo." 34Yakobo ashishimura irnyenda ye, akenyera ibigunira, amara irninsi myinshi ababaye yiraburiye umwana we. 35Abähungu be: bose n'abakobwa be bose barahaguruka ngo bamumäre umubabaro, ariko yanga kumarwa umubabaro ati "Nzarinda nsanga umwana wanje ikużirnu nkirira." Nuko se aramuririra:

36 Ba Bamidiyani bajyana Yosefu muri Egiputa, bamugurirayo na Potifari, umutware wa Farawo, watwaraga abamurinda.

Yuda abyara Peresi **kuri** Tamari,
umukazana we

38 Muri iyo minsi Yuda ava muri bene se, aramanuka, acumbika ku Munyadulamu witwaga Hira. 2Yuda

abonayo umukobwa wa Shuwa Umunyakaniiñ, aramuñjana afamuröngora. 3Asama inda abyara umuhungu, amwita Eri. 4Yongera gusama indi nda ayibaramo umuhungu, amwita **Onani**. 5Yongera kubyara undi muhungu amwita Shela, Yuda ubwo yamubyaraña yari i Kezibu.

6 Yuda asabirä impfura ye Eri umukobwa witwa Tamari. 7Eri. impfura ya Yuda, yari umunyabyaha mu mašo y'Uwiteka, aramwica. • Yuda abwira Onani ati "Hungura muka mwene so, nk'uko bikwiriye umugabo wabo, ucikure mwene so." 9Onani amenya yuko umwana atazaba uwe, nuko aryamanye na muka mwene se ashyira intanga hasi kugira ngo adacikurä mwene se. 10Icyo yakoze icyo cyari kibi mu maso y'Uwiteka, na we aramwica. 11 Maze Yuda abwira Tamari **umukazana** we ati "Guma rnu nzu ya so uru umupfakazi, ugeze aho umwana wanjiye Shela azakurira." Kuko yibwiräga ati "Na we ye gupfa nka bene se." **Tamari aragenda, aguma mu nzu ya se.**

12 Hashize iminsi, umukobwa wa Shuwa muka Yuda, arapfa. Yuda amaze kumwerera, arazamuka ajya i Timuna, aho abagaragu be bakemuriraga intama ze, we n'incuti ye Hira Umunyadulamu. 13Babwira Tamari bati "Sobükwe arazmutse, agiye i Timuna gukemuza intama ze." 14Yiyambura imyenda y'ubupfakazi, yitwikira umwenda mu mutwe arisesiira, yicara mu marendbo ya Enayimu yo ku nzira ijya i Timuna, kuko yabonye Shela amaze gukura, ntibamumuhe ngo amuhungure.

15 Yuda amubohye agira ngo ni maraya, kuko yari yitwikeriye mu maso. , Atambikira aho ari iruhande rw'inzia; aramubwirä ati "Ndakwinginze turyamane." Kuko yari atazi ko ari umukazana we.

Aramubaza: ati "Nituryamana urampa **gisasuro ki?**"

17 Aramusubiza ati "Ndakohererera **umwana wihene wo mu mukumbi.**"

Aramubaza ati "Urampa ingwate kugeza aho **uzawohererera?**" *

18 Na we aramubaza ati "Ndaguha ngwate ki?"

Aramusubiza ati "Mpa impeta yawe iriho ikimenyetso, n'umugozi wayo n'i-nkoní witwaje." Arabimuha, bararyamanä amutwika inda. 19 Arahaguruka aragenda,

iyiyambura umwenda wo mu mutwe,
yambara imyenda ye y'ubupfakazi.

20 Yuda yohereza wa mwana w'ihe-ne, awuhaye wa Munyadulamu incuti ye, **ngo uwo mugore amusubize za ngwate**, aramubura. 2JAbaza abagabo bo mu mudugudu yarimo ati "Maraya uwo ari he, wari Enayimu iruhanle TW'inzira?"

Baramusuhiza bati "Nta maraya waria aha."

22 Asubira aho Yuda ari aramubwira ati "Ntawe nabonye, kandi abaho bamburgwi ngo 'Nta maraya wari uhari."

23 Yuda aramusubiza ati "Nabyijyanire twe gukorwa n'isoni. dore noherere yu mwana wihene maze uramubura."

24 Hashize amezi nk'atatu, babwira **Yuda bati ~ITamari umukazana wawe yarasambanye**, kandi afite inda y'ubusambanyi."

Yuda arababwira ati "Mumusohore bamutwike."

25 Bakimusohora atuma kuri sebukwe ati "Nyir'ibi bintu ni we wantwitse inda." Kandi ati "Ndakwinginze menya nyir'ibi: impeta iriho jikirnenyetso n'imigozi yayo n'ink.oni."

26 Yuda yemera ko ari ibye ati "Andushije gukiranuka, kuko ntamuhyaye Shela umwana wanjye." Ntiyongera kuryamanana na we ukundi.

27 Nuko mu iramukwa rye, impanga **zari mu nda ye.** 28 **A.kiramukwa, umwe** hahinguka igikonjo cye, umubyaza aragifata ahambiraho urudodo futukura ati "Uyu ni we mpfurwa." 29Ashubijeyo igikonjo cye uwari inyuma aravuka, umubyaza aravuga ati "Dore uko usatuye uku! Gusatûra kwawe kukubeho!" Ni cyo cyatumye bamwita, Peresi. y 30Hanyuma **mwene se aravuka, wari ufite urudodo** ruhambiriye ku gikonjo, bamwita Zera.

Nyirabuja wa Yosefu amwoshya gusambana na we, aranga

39 Yosefu bamujyana muri Egiputa. Potifari Umuheburay, umutware wa Farawo watwaraga abamurinda, amugura n' Abishirnayeli bamuzanyeyo. 2Uwiteka aba kumwe na Yosefu, agira ukuboko kwiza, aba mu nzu ya shebuja Umunyegiputa. 3Shebuja abona yuko Uwiteka ari kumwe na we, kandi ko

Uwiteka yamuhyaye kugira ukuboko kwiza ku cyo akoze cyose. 4Yosefu amugiritalo umugisha aba ari we akorera ubwe, **amugira igisonga cy'urugo rwe rwose.** amubitsa ibyo atunze byose. • Uhereye igihe yamugiriyi igisonga cy'urugo rwe n'icy'ibantu : bye byose, Uwiteka aha umugisha u'ugo rw'uwo Munyegiputa ku bwa Yosefu, umugisha w'Uwiteka uba ku byo atunze byose, ibyo mu rugo n'ibyo mu mirima no mu gasozi. 6Abitsa Yosefu ibyo atunze byose, mu byo amubikije ntiyagira ikindi agenzura, keretse kwita ku byo yajyaga arya. Yosefu yari, mwiza wese, **afite mu maso heza.** 7Hanyuma y'ibyo, nyirabuja abenguka Yosefu, aramubwira ati "Turyamane." 8Maze ariyangira, abwira nyirabuja ati "Dore databuja ntagenzura ibyo mubikiye byo mu rugo, ndetse ambikije ibyo atunze byose. • Muri u'u rugo nta wurtundutamo, kandi nta cyo yasize ngo akinyime keretse wowe, kuko uri umugore we. None nabasha nte gukora, icyaha gikomeye gityo, ngacumura ku Mana?" 10Akajya abibwira Yosefu **uko bukeye ntamwumvire**, ngo aryamanane na we cyangwa abane na we.

11 Bukeye yinjira mu nzu gukora umrimo we, ari nta bandi bagabo bo mu nzu batimo. 12Uwo mugore afata umwenda we aramubwira ati "Turyamane." **Amusigira umwenda we arahunga, arasohoka.** 13Abonye yuko amusigire umwenda we agahunga agasohoka, 14hamagara abagabo bo mu nzu ye arababwira ati "Dore yatzaniye Umuheburay wo kudusekana agasuzuguro; yanyegereye ngo aryamanane nanjye ntabarisha ijwi rienga, 15 maze yumvise nteye hejuru ntabaje, asiga umwenda we iruhande rwanjye arahunga, arasohoka."

Nyirabuja arega Yosefu; bamushyira **mu nzu y'imbohe**

16 Agumisha uwo mwenda iruhande rwe, ageza aho shebuja wa Yosefu yatahiye. 17Maze amubwira amagambo **amwe n'ayo ati "Wa mugurano wawe** w'Umuheburay watuzaniye yanyiyege-reje ngo ansuzugure; 18nanjye nteye hejuru ntabaje, asiga umwenda we ituhande rwanjye arahunga, arasohoka."

19 Shebuja yumvise amagambo umugore we amubwiye ati "Uko ni ko umugurano wawe yangiriye", uburakari bwe burakongezwa. Shebuja wa Yosefu aramuuyana, amushyira mu nzu y'imbohe bakingiraniramo imbohe z'umwami, aba muri iyo nzu y'imbohe. 21 Ariko Uwiteka aba kumwe na Yosefu, amugirira neza, amuha kugirira umugisha ku murinzi w'ijo nzu y'imbohe. 22 Uwo murinzi arindisha Yosefu imbohe zose zari muri ya nzu y'imbohe, ibyo bakoreragamo byose ni we wabikoreshaga. 23 Umarinzi, w'inzu y'imbohe ntiyagira ikintu agenzura mu byo yamurindishije, kuko Uwiteka yari kumwe na we, kandi ibyo yakoraga Uwiteka yamuhaga kubi-koresha ukuboko kwiza.

Yosefu asobanura inzozi z'abatware ba Farawo

40 Hanyuma y'ibyo, umuhereza wa vino w'umwami wa Egiputa n'umuvazi w'imitsima ye, barakaza shebuja umwami wa Egiputa. Farawo arakarira abo batware be bombi, umutware w'abahereza ba vino n'umutware w'abavuzi b'imitsima. 3 Abarindishiriza mu nzu y'imbohe, iri mu rugo rw'umutware w'abamurinda, aho Yosefu yakingiraniwe. 4 Umutware w'abarinda umwami abarindisha Yosefu ngo ajye abakorera, bama-ra igithe bari mu nzu y'imbohe.

5 Umuhereza wa vino w'umwami wa Egiputa n'umuvazi w'imitsima ye, bakingiraniwe muri ya nzu y'irnbohe, bombi barotera ijoro rimwe inzozi zicishije ukubiri, zigasobanurwa ukubiri. 6 Yosefu mu gitondo yinjira aho bari, asanga bababaye. 7 Abaza ba batware ba Farawo bakingiraniwe hamwe na we mu nzu ya shebuja wa Yosefu ati "Ni iki gitumye mugaraga-za umbabaro mutyo uyu munsi?"

8 Baramusubiza bat "Ni uko twarose inzozi, kandi akaba ari nta wubasha **kuzidusobanurira**."

Yosefu arababaza ati "Gusobanura si ukw'Imana se? Ndabinginze, nimuzindotorere ..,

9 Umuhereza wa vino mukuru arot-
rerwa **Yosefu inzozi ze ati "Narose ngo** umuzabibu wari imbere yanje, 10 kandi wari ufite amashami atatu, mbona usa n'upfunditse **uburabyo** burarabya, amasere

yawo arahIsha, l-ligikombe cya Farawo nari ngifite mu ntoki, nenda izo nzabibu nzikarnurira muri cyo, nglhereza Farawo."

12 Yosefu aramubwira ati "Uku ni ko zisobanurwa: ya mashami atatu ni iminsi itatu,¹³ iminsi itatu **itarashira** Farawo azakuza, ashyire umutwe wawe ejuru, agusubize mu butware bwawe, ubone guhereza Farawo igikombe, nk'uko wahozé ukora kera, **uri umuhereza we wa vino**. 14 Maze uzanyibuke ubwo uzabona ibyiza, uzangirire neza, ndakwinginze uzamvuge kuri Farawo, unkiize muri iyi nzu. 15 Ni ukuri koko banyibye mu gihugu cy'Aba-heburayo, n'ino na ho banshyize muri iyi nzu y'irnbohe nta cyaha nkoze."

16 Wa muvuji w'irnitsrna mukuru yumvise yuko amusobanuriye ibyiza, abwira Yosefu ati "Nanjye narose nikoreye ibyibo bitatu by'imitsima yera, 17 kandi icyibo cyo hejuru y'ibindi cyarimo imitsima yokeje y'uburyo' bwose nshylra Farawo, ibisiga biyindira ku mutwe, **iri mu cyibo**."

18 Yosefu aramusubiza ati "Uku ni ko zisobanurwa: ibyo byibo bitatu ni **iminsi itatu, 19 iminsi itatu itarashira**, Farawo azashyira. hejuru umutwë wawe awugukuyeho akumanike ku git, ibisiga **bizakufn-ahO** inyama yawe."

20 Ku munsi wa gatatu, ni wo munsi wo kwibutsa kuvuka kwa Farawo, atekeshereza, abagaragu, be bose ibykurya, ashyira hejuru hagati. y'abagaragu be umutwe w'umuhereza wa vino mukuru, **n'uw'umuvazi w'imitsima mukuru**. 21 Asubiza umuhereza wa vino mukuru mu buhereza bwe, ahereza Farawo igikombe, 22 maze amanika **umuvazi w'imitsima** mukuru, nk'uko Yosefu yabasobanuriye inzozi zabo. 23 Ariko wa mühereza wa vino mukuru ntiyibuka Yosefu, ahubo aramwibagirwa.

Yosefu asobanura inzozi za Farawo

41 Imyaka ibiri ishize, Farawo arôta ahagaze iruhande rw'uruzi. Mu ruzi havamo inka ndwi z'igikundiro zibyibushye, zirishiriza mu misunzo. 3 Izindi nka ndwi z'umwakü zinanutse zirazikurikira, ziva mu ruzi zihagararan na za zindi ku nkombé y'uruzi. 4 Za nka z'u-mwaku zinanutse, zirya za zindi z'igikundiyo zibyibushye uko ari indwi. Farawo

arihambura. 5 Arongera aribIkira arota inzozi za kabiri, ngo amahundo arindwi ahunze meza, ameze ku giti kimwe. 6 Maze andi mahundo arindwi y'imina-mbe yumishijwe n'umuyaga uva iburasi-razuba, akurikiraho arameria. 7 Ayo ma-hundo y'imina-mbe amira ya mahundo ahunze atsibaze, uko ari arindwi. **Farawo aribambura, amenya yuko ari inzozi.** 8 Mu gitondo ahagarika umutima, ahamaga-zaza abakonikoni ba Egiputa bose n'a-banyabwenge baho bose. Farawo aba-roto-rera inzozi ze, **ntihagira uhasha kuzisobanurira Farawo.**

9 Maze umuhereza wa vino mukuru abwira Farawo ati "Uyu, munsi ndakwi-but-sa ibyaha byanjye. 10 Farawo yarakari-ye abagaragu be andindishiriza mu nzu y'umutware w'abamurinda, jye n'umuvu-zu w'imitsima mukuru. 11 Turotera ijoro rimwe twemhi, turota inzozi zisobanurwa ukubiri. 12 Twari kumwe n'umuhungu w'Umuheburayo, umugurano w'umutware w'abakuriha, tumurotora inzozi za-cu arazidusobanurira. asohanurira umuntu wese nk'uko inzozi ze ziri. 13 Kandi uko yabidusobanuriye ni ko byasohoye, Farawo yansubije mu bu-tware bwanjye, wa wundi aramumanika."

14 Maze Farawo ahamagaza Yosefu, bamuhubura mu nzu y'imbohe, ariyogoshe-sha yambara indi myenda, yinjira aho **Farawo ari. is Farawo abwira Yosefu ati** "Narose none nta wushobora kuzisoba-nura. Numvise bavuga yuko ubasha gu-sobanura inzozi bakurotoreye."

16 Yosefu asubiza Farawo ati "Si jye, Imana ni yo iri busubize Farawo amaga-mbo y'amahoro."

17 Farawo abwira Yosefu ati "Narose mpagaze ku nkcombe y'uruzi, 18 havamo inka ndwi zibyibushe z'igikundiro ziri-shiriza mu misfunzo, 19 rnaze zikurikirwa n'izindi nka ndwi zizamuka zonze, ari **umwaku zinanutse cyane.** Sinari nabona inka mbi nk'izo mu gihugu cya Egiputa hose. 20 Izo nka zinanutse z'umwaku ziryza za nka zibyibushe zabanje uko ari indwi, 21 zimaze kuzirya. **ntiwamenya yuko zizi-riye,** ziguma kuba umwakku nk'ubwa mbe-re. Nuko ndakanguka, 22 Kandi ndota ngo **amahundo arindwi atsihaze meza.** ameze ku giti kirnwe, 23 maze andi mahundo arindwi yumye y'imina-mbe, yumishijwe

n'umuyaga uva iburasi-razuba akurikiraho, **aramera, 24 ayo mahundo y'imina-mbe** amira ya mahundo meza ukø ari arindwi. Nziroterera abakonikoni, ntihagira ubasha **kuzisobanurira.**"

25 Yosefu abwira Farawo ati "Inzozi za Farawo ni zimwe: ibyo Imana igiye gukora yabibwiye Farawo. 26 Za nka ndwi n'ziza ni imyaka irindwi, na ya mahundo arindwi meza ni imyaka irindwi. Inzozi ni zimwe. 27 Na za nka zinanutse z'urnwaku zazikurikiye ni irnyaka irindwi, na ya mahundo arindwi y'imishishi yumishijwe n'umuyaga uva iburasi-razuba na yo ni imyaka irindwi. Izaba imyaka irindwi y'inzara. 28 Icyo ni cyo nabwiye Farawo nli Tbyo Imana igiye gukora yabibwiye Farawo." 29 Hazaza imyaka irindwi y'ubu-rumbuke bwinshi mu gihugu cya Egiputa cyose, 30 hanyuma hazakurikiraho imyaka irindwi y'inzara, ubwo burumbuke bwose bwibagirane mu gihugú cya Egiputa. Inzara izamara igihugu; 31 luburumbuke bwe kwibukwa ku bw'inzara ibukurikiye, kuko izaba nyinsbi cyane. 32 Kandi icyatumye izo nzozi zibonekera Farawo kabi-ri, ni uko ibyo byakomejwe n'Imana kandi izabisohoza vuba.

33 "Nuko Farawo nashake umuntu w'umunyabwenge w'umuhanga, amuhe ubutware bw'igihugu cya Egiputa. 34 Farawo ashiyireho abahunikisha, ahunikiše igice cya gatanu cy'ubutaka bwa Egiputa mu myaka y'uburumbuke, uko ari iri-ndwi. 35 Bateranye ibihunjika by'yo myaka myiza igiye gutaha, bahunike mu midugudu imyaka y'impeke izatunga abantu, itegekwe na Farawo, bayirinde. 36 Kandi ibyo bihunikwa bizabera igihugu ibibikiwe imyaka irindwi y'inzara izatera mu gihugú cya Egiputa, igihugu cye **kumarwa n'inzara.**"

Farawo yejurira Yosefu igihugu cya Egipula

37 Iyo nama inezeza Farawo n'abaga-ragu be bose. 38 Farawo abaza abagaragu-be ati "**Tuzabona hehe umuntu umeze nk'uyu, urimo umwuka w'Imana?**" 39 Farawo abwira Yosefu ati "Kuko Imana ikweretse ibyo byose nta wundi munya-bwenge w'umuhanga muhwanye, 40 ngu-haye gutwara urugo rwanjye kandi aba-nu banjye bose bazumvirc icyo utegetse,

ku ntebe yanje y'ubwami yonyine nzungusumba." 41 **Farawo -ahwira Yosefu ati** "Dore nkweguriye ighigu cya Egiputa cyose." 42 **Farawo iyambura impeta iriho** ikimenyetso yo ku rutoki rwe ayambika Yosefu ku rutoki, amwambika imyenda y'ibitare byiza, amwambika n'umukufi **w'izahabu mu ijosi, 43amugendeshereza** mu igare rikurikira' irye bakajya bamuranganaga bati "Nimumupfukamire!" Nuko amwegurira ighigu cya Egiputa.. cyose. 44Farawo abwira Yosefu ati "Jye Farawo ndahiriye ko nta wuzunamura tikuboko, nta wuzashingura" ikirenge, mu gihugu cya Egiputa cyose utabyemeye." 45Farawo ahimba Yosefu Safunatipaneya, amushyingira Asenati mwene Potifera, umutambyi wo mu mudugudu wa Oni. Yosefu atambagira ighigu cya Egiputa. 46Yosefu yari amaze imyaka mirongo itatu avutse, ubwo yakoreraga Farawo. Yosefu ava aho Farawo ari, atambagira ighigu cya Egiputa cyose.

Yosefu ahunika imyaka myinshi

47 Mu myaka y'uburumbuke uko ari irindwi, ighigu kirera gisenyukamo imyaka. 48Ahunikisha ibihunikwa byose byo mu gihugu cya Egiputa uko iyo myaka irindwi ingana, abihunika mu midugudu, imyaka yo mu mirima ikitike umudugudu wose ayihunika muri wo. "Yosefu ahunika imyaka y'iropeke myinshi cyane ihwanye n'umusenyi wo ku nyanja, ageza aho yarorereye kubara kuko itabarikaga.

50 Yosefu abyara abahungu babiri **inzara itaratera, ababyarana na Asenati** mwene Potifera, umutambyi wo mu mudugudu wa Oni. 51Yosefu yita iropfura ye Manase ati "Ni uko Imana yanyibagije umuruho wanje wose w'inzu ya data yose." 52Uwa kabiri amwita Efurayimu ati "Ni uko Imana yanyororokereje mu gihugu nabonyemo umubabaro."

53 Ya myaka irindwi y'uburumbuke bwabaye mu gihugu cya Egiputa irashira. 54Imyaka irindwi y'inzara itangira gutaha nk'uko Yosefu yari yarabivuze, inzara itera mubihugu byose ariko mu gihugu cya Egiputa cyose bo bafite ibyokurya. 55Ighigu cya Egiputa cyose kibabajwe n'inzara, batakambira. Farawo ngo abahé ibyo barya. Farawo abwira Abanyegiputa

bose ati "Nimusange Yosefu, muk.ore icyo abategeka." 56Inzara ikwira mu bihugu byose, Yosefu.. akingura ubuhunko bwose ahahisha Abanyegiputa, inzara irakomera .cyane mu gihugu cya Egiputa. 57Abo mu bihugu byose bajya muri Egiputa kuri Yosefu guhaha imyaka y'impeke, kuko inzara yari nyinshi mu bihugu byose.

Bene se wa Yosefu baza muri Egiputa guhaha

42 Yakobo yumva yuko ubuhashyi buri muri Egiputa abaza abana be ati "Ni iki gituma murebana?" 2Kandi ati "Numvise yuko hari ubuhashyi muri Egiputa, nimumanuke.. mujyeyo muduhahireyo tubeho tudapfa." 3Bene se wa Yosefu cumi baramanuka, bajya guhaha imyaka y'impeke muri Egiputa. 4Ariko **Benyamini mwene nyina wa Yosefu,** Yakobo' ntiamutumana na bene se, kuko yibwiraga ati "Ahari yagira ibyago."

5 Abana ba Isirayeli bajya guhahana n'abandi, kuko inzara yateye mu gihugu cy'i Kanani.. 6Kandi Yosefu ni we wari umutware, w'ighigu cya Egiputa, ni we wahahişhaga abo muri icyo gihugu bose. Bene se wa Yosefu baraza, bamwikubita imbere bubamye. 7Yosefu abona bene se arabamenya, arabirengagiza, ababwira nabi. Arababaza ati "Murava he?"

Baramusubiza bat "Turava mu gihu cy'i Kanani tuje guhaha."

8 Yosefu amenya bene se ariko bo ntibamumenya. • Yosefu yibuka za nzozi yabaroteye arababwira ati "Muri abatasu muje gutata aho ighigu gifite amaboko make."

10 Baramusubiza bat "Si ko biri databuja, ahubwo abagaragu bawe tuzanywe no guhaha. 11Twese tuva inda imwe, turi abanyakuri; abagaragu bawe **nitituru abatasu.**"

12 Arababwira ati "Si ko biri, ahubwo gutata aho ighigu gifite amaboko make ni ko kubazanye."

13 Baramusubiza bat "Abagaragu bawe turi **abavandimwe turi cumi na** babiri, turi abana b'umwe wo mu gihugu cy'i Kanani, umuhererezi yasigaranye na data, undi ntakiraho."

14 Yosefu arababwira ati "Icyo ni cyo nababwiye nti 'Muri abatasu.' 15Iki ni cyo

kizabahakanira: ndahiye ubugingo bwa **Farawo, ntimumzava hano umuhererezi wanyu ataje.** ¹⁶ Mutume umwe muri mwe azane murumuna wanyu, namwe mura-bowa, amagambo yanyu ageragezwe yuko muri abanyakuri. Nibitaba bityo, ndahiye ubugingo bwa Farawo, muri abatasi." ¹⁷**Bose abamaza mu nzu y'i-mbohe iminsi itatu.**

18 Ku munsi wa gatatu Yosefu arababwira ati "Mugenze mutya mudapfa kuko nubaha Imaña: 1. niba muri abanyakuri, **umwe muri mwe abavandimwe, asigare** abohewe mu nzu yanyu y'imbohe, abandi mugende mujyane imyaka y'impeke yo kubamara inzara mu ngo zanyu, ²⁰ **maze munzanire umuhererezi wanyu.** Ni ho amagambo yanyu azamenyekana.. ko ari ayukuri, bigatuma mudapfa."

Bagenza batyo. ²¹ Bařavugana bati "Ni ukuri turibo urturbanza rw'ibyo twagiriye mwene data, kuko twabonye uko umutima we waris ubabaye ubwo yatwingaga natwe ntitumwumvire, ni byo biduteye aya makuba."

22 Rubeni arababwira ati "Sinababwiye nti, mwe gukora icyaha kuri uwo mwana mukanga kunyumvira? Ni cyo gitumye amaraso ye adushakirwaho." ²³ Ntibamenya yuko Yosefu yumva ibyo bavuga, kuko yavugirwaga n'umusemi. ²⁴ Abatera umugongo abasiga aho ararira, abagarukaho, avugana na bo, abakuramo Simeyoni, amubohera mu maso yabo.

25 Yosefu ategeka ko babuzuriza imyaka y'impeke mu masaho yabo, kandi **ngo basubize ifeza y'umuntu wese mu** isaho ye, kandi babae n'impamba. Babagirira batyo. ²⁶ Bahekessa indogobe zabo ihaho ryabo, bavayo. ²⁷ Aho baraye, umwe muri bo ahambuye isaho ye ngo agaburire indogobe ye, abona ifeza ye, **asanga iri mu munwa w'isaho.** ²⁸ **Abwira** bene se ati. "Ifeza yanje irangarukiye, dore iri mu isaho yanje." Bakuka imitima, barebana bahinda imishyitsi bati "Ibi ni ibiki, ibyo Imana itugiriye?"

Yakobo yanga kohereza Benyamini

29 Basohora kuri se Yakobo mu gihugu cy'i Kanani, bamubwira ibayababyeho byose bati .. "Umugabo ukomeye utwara icyo gihugu, yatubwiye nabi akeka yuko turi abatasi babatata. ³⁰ Natwe

turamubwira tuti 'Turi abanyakuri, ntituri aba!as̄. ² Turi abavandimwe turi cumi na babiri dusangiye data umwe, umwe ntakiribo, umuhererezi yasigaranye na data mu gihugu cy'i Kaniini.' "Uwo mugabo ukomeye utwārā icyo gibugu aratūbwira ati 'Iki ni cyo kizambwira ko muri abanyakuri; nimunsigire umwe muri mwe abavandimwe, mujyane ibyo kubamara inzara mU ngo zanyu, mugende **34munzanire umuhererezi wanyu.** Ni ho nzamenya yuko mutari abatasi, ahubwo ko muri abanyakuri, nanje nzabaha mwene so kandi muzatunda mu gihugu.'

35 Basutse ibyo mu masaho yabo babona igipfunyika cy'ifeza cy'umuntu wese kiri mu isaho ye, bo na, se babonye ibipfunyika byabo baratinya. ³⁶ Se Yakobo arababwira ati "Mungize incike: Yosefu ntakiraho, Simeyoni ntariho, none kandi murashaka kunkuraho na Benyamini! Ibyo ni jye bibayeho byose!"

37 Rubeni abwira se ati "Nintamu-kugarurira. uzice abahungu banje bombi, mumpe ndamwishingiye nzamukgarurira."

38 Aramusubiza ati "Umwana wanje ntazajaya namwe, kuko mwene nyina yapfuye akaba asigaye ari ikinege, yagirira ibyago mu nzira muzacarño, muzatúma imvi zanjye zirnanukana ishavu zizya ikuzimu."

Bene Yakobo basubira muri Egiputa guhana

43 Inzarā irushaho kuba nyinshi mu gihugu. ² Bamaze imyaka y'impeke bakuye muri Egiputa, se arababwira ati "Nimusubireyo, muduhahire utwo kurya." ³**Yuda aramubwira** ati "Wa mugabo yaratwihanangirije ati 'Ntimuzance iryera mutazanye na murumuna wanyu.' ⁴**Watwoherezanya na murumuna** w-CU, twagenda tukaguhahirayo, s ariko nutamwohereza ntitujyayo, kuko wa mugabo, yatubwiye ati 'Ntimuzance iryera mutazanye na murumuna wanyu .."

6 Isirayeli ařababaza ati "Ni iki cyatumye mungirira nabi mutyo, mukabwira uwo mugabo yuko mufite mwene **so wundi?**"

7 Baramusubiza bati "Uwo mugabo yatubajije atwinja, uko turi ubwacu, na bene wacu uko bari ati 'Muracyafite so?

Mufite mwene so wundi?" Tumusubiza ibyo yatubajije. Tuba twarabwiwe n'iki yuko ari butubwire ati 'Muzane murumu-na wanyu'?"

8 Yuda abwira se Isirayeli ati "Nyoherezanya n'uwo muhungu turahaguruka tugende, tubebo tudapfana nawe n'abana bacu. 9 Mbaya umwishingizi we abe ari jye uzamubaza, nintamukugarurira nka-mugushyikiriza, nzaba ngukoreye icyaha kitazamya ho iteka. 10 Iyo tudatinda, nzi yuko none tuba tugarutse ubwa kabiri."

11 Se Isirayeli.. arabbwira ati "Ubwo bimeze bityo nimugenze mutya: mujyane mu masaho yanyu imbuто zo muri iki gihugu ziruta izindi ubwiza muzishyire uwo mugabo ho ituro, mujyane umuti womora muke n'ubuki buke, n'imibavu n'ishangi, n'ububemha n'indozi, 12 kandi mujyane ifeza z'ingerek a zingana na 20, n'ifeza zagarutse mu minwa y'amashaho yanyu muzisubizeyo, ahari ni amahugwe yatumye zigarakua. 13 Mujyane na murumuna wanyu muhaguruka.. musubire kuri uwo mugabo, 14 Imana Ishoborabyose iba-he kubabarirwa na we ngo ababohorere mwene so wundi na Benyamini. Nanjye niba bikwiriye ko mba incike, nzabeyo."

Bajyana na Benyamini; basanga Yosefu mu rugo

15 Ba bagabo benda ayo maturo, bajyana ifeza z'ingerek a zingana na 20 bajyana na Benyamini, bárahaguruka... báramanuka bajya muri Egiputa, bahagarara imbere ya Yosefu. 16 Yosefu abonye Benyamini ari kumwe na 00, abwira igisonga cye ati "Injiza aba bantu mu nzu yanje, ubage witegure ibyokurya, turj burlre hamwe ku manywa y'ihangu." 17 Uwo mugabo akora ibyo Yosefu yamutegetse, ynjiza abo bagabo mu nzu, ya Yosefu.

18 Baratinja kuko yabinjije mu nzu ya Yosefu, baravuga bat "Ifeza zagarutse mu masaho yacu ubwo twazaga mhare, ni zo zatumye batwinjiza ngo adushakeho urwitwazo, adusumire, atunyagane n'indogobe zacu, tube imbata." 19 Begera cya gisonga cya Yosefu, bavuganira na cyo ku muryango bat 20 "Databuja, mberre twaramanutse tuza guhaha, 21 tugeze mu icumbi duhambura amasaho yacu, umuntu wese asanga ifeza ye iri mu munwa w'isaho ye, ifeza zacu dusanga

z indozi ni imbuто zisa n'ububemba.

zingana uko zanganaga none turazigaru-ye. 22 Kandi tuzanye izindi feza zo guaha, ntituzi uwashubije ifeza zacu mu masaho yacu."

23 Arabashubiza ati "Mushyitse irnitirna mu nda ntumutinye, Imanà yanju, Imana ya so, ni yo yabashyiriye ubutunzi: mu masaho, jyeweho ifeza zanyu nařazishyiki... riye." Asohora Simeyoni aramubazanira.

24 Nuko wa mugabo ynjiza.. abo bagabo mu nzu.. ya Yosefu, abaha amazi boga ibirenge, agaburira n'indogobe zabo. 25 Bergeranya amatuо kugira ngo Yosefu naza ku manywa y'ihangu, asange biteguye kuyamjtura, kuko bari bumvise yuko bari burlre hamwe na we. 26 Yosefu atashye, bamusangisha mu nzu ya maturo bazanye, bamwikubita imbere bubamye. 27 Ababaza uko bari, kandi ati "80 aracyakoma, wa musaza, mwavugaga? Aracyariho?"

28 Bäramusubiza bat "Data, umugarragu wawe ni muzima, aracyariho." Bärunama bikubita hasi.

29 Yubura amaso abona Benyamini murumuna we, mwene nyina arababaza ati "Uwo ni we muhererezi wanyu, mwa-mbwiraga?" Maze aramubwira ati "Imana ikugirire neza, mwana wanje." 30 Yosefu yihuta kugenda, kuko umutima we waru uftiye urukumbuzi mwene nyina, ashaka aho aririra; ynjira mu nzu hartiguru ayirirjamo. 31 Yiyuhagira mu maso aragaruka, atiyumanganya, aravuga ali "Nimwarure ibykurya." 32 Bamugaburira ukwe, na bene se babagburira ukwabo, n'Abanye-giputa bariraga hamwe na we babagburira ukwabo, kuko Abanye-giputa batasangiraga n'Abaheburayo, kuko cyari ikizira ku Banye-giputa... 33 Bicafra imbere ye, bicazwa uko bakurikiranra, impfura uko ubukuru bwayo buri, n'umuherezi uko ubuto bwe buri, bavugana batangara. 34 Yosefu ategeka ko babazanira amagaburo.. yari imbere ye, áriko igaburo rya Benyamini riruta ayabo gatunu. Baranywa banezeranwa na we.

Igikombe cya Yosefu kibonwa mu isaho ya Benyamini

44 Yosefu ategeka igisonga cye ati "Nimwuzuze amasaho y'abo bagabo ihaho ringana, n'iryo bashobora kujyana, ushyire n'ifeza y'umuntu mu munwa w'isaho ye. 2 Ushyire n'igikombe

cyanje cy'ifeza mu munwa w'isaho y'umuhererezi, ushyiranemo n'ifeza ye yahahishaga." Abigenza uko Yosefu yamutegetse. ³ Bukeye hamaze kubona, abo bagabo basezeranwa n'indogobe zabo. ⁴ Bavuye mu mudugudu bataragera kure, Yosefu abwira igisonga cye ati, "Haguruka ukurikire ba bagabo, nubageraho ubabwiré uti 'Ni iki gitumye mwiturá inabi uwabagiriye neza? ⁵ Icyo mwibye si cyo databuja anywesha, kandi si cyo yikingira aragura? Ubwo mwakoze mutyo, mwakoze icYaha."

6 Abageraho, ababwira ayo magambo. ⁷ Baramubwira batí "Databuja, ni iki kiku-vugishije amagambo : ameze atyo? Ntibika-beho ko abagaragu bawe dukora ibimeze bityo. ⁸ Dore ifeza twasanze mu minwa yamasaho yacu twarazigushubije, tuzivanye mu gihugu: cy'i Kaniini. None twabasha dute kwiba ifeza cyangwa izahabu byo mu nzu ya shobuja? "Uwo uri bukibonane wo mu bagaragu bawe yicwe, natwe duhinduke imbata záwe, databuja."

10 Arababwira ati "Nuko rero bibe nk'uko mubivuze. Uwo kiri bubonekeho ni we urí bube imbata yanje, namwe **ntimuri bugibweho n'urubanza.**" ¹¹ Barihuta barurutsa, umuntu wese ahambura isaho ye, ¹² arasaka ahera ku mpfura ageza ku muhererezi, cya gikombe kiboneka mu isaho ya Benyamini, ¹³ Bashishimura imyambaro yabo, umuntu, wese ahekesha indogobe ye imitwaro, basubira mu mudugudu.

14 Yuda na bene se bagera mu nzu, ya Yosefu, basanga akiri aho bamwíkubita" irnbere. ¹⁵ Yosefu arababaza ati "Ieyo mu-koze icyo ni igiki? Nlirnzu yuko umuntu umeze nkanje ashobora kuragura koko?"

16 Yuda aramusubiza ati, "Databuja, turagusubiza iki? Turavuga iki? Turire-guza iki? Imana yamenye gukjranirwa kw'abagaragu bawe. Dore turi imbata zawe databuja, twe n'uwo cya gikombe kibonetseho."

17 Aramusubiza ati "Ntibikabeho ko ngira ntvo: uwo igikombe kibonetseho ni we urí bube imbata yanje, ariko mwe mwigendere mujye kwa so amahoro,"

Yuda yemera kwitanga ho incungu ya Benyamini

18 Yuda aramwegera aramubwira ati "Databuja, ndakwinginze, jyewe umugaragu wawe reka mvügire ijambo mu

matwi yawe, uburakari bwawe bwe **ku-gurumanira umugaragu wawe, kuk.o** uhwanye na Farawo rwose. " Databuja, ntiwabajije abagaragu bawe uti 'Mura-cyafite so, cyangwa hari undi mwene so mufite?' .. Natwe tukagusubiza; databuja tuti. 'Dufite data w'umusaza, haríhq n'u-mwana yabyaye ashaje aracyari muto, mukuru we yarapfuye, ni we usigaye ari ikinige mu nda ya nyina, se aramukunda.' "Maze ukabwira twe abagaragu, bawe uti '**Muzamzanire murebe.**' "Tukakubwira" databuja tuti 'Uwo muhun-gu ntiyasiga se, yamusiga se yapfa.' "Nawe ukabwira twe abagaragu bawe uti 'Umuherererezi wanyu **nímtamánuka-na. ntimuzongere kuncu iryera.**'

24 "Nuko tuzamutse tugeze kuri data, umugaragu wawe, tumubwira **amagambo**, yawe databuja. ²⁵ Data aratubwira ati 'Nimwongere musubireyo, muduhahireyo utwo kuryá.' .. Turamüsübiza tuti 'Titwasubirayo. Umuherererezi wacu nitu-jyana tuzamanuka tuyjeyo, kuko tutaba-sha guca uwo mugabo iryera, umuhere-rezi **wacu tutari kumwe.**" ²⁷ Data, umugaragu wawe aratubwira ati 'Muzyuko umugore wanje twabyaranje abahungu babiri, "umwe ákamyahó nkibwira ndashidikanya yuko yatanagyauwe n'i-nyamaswa nanje nkaba ntakimubona, .. nimunkuraho n'uyu akágira ibago, muzatumá imvi zanje zimanukana ishu-vu zijya ikuzimu.'

30 "Nuko none najya kuri data umu-garagu wawe tutari kumwe n'uwo muhun-gu, ³¹ data akabona tutazanye yapfa, kuko ubingingo bwe bwiboshye ku bw'uwo muhungu, twebwe abagaragu bawe tukaba dutumiye irnvi zá data umugaragu wawe, zimanukana ishavu: zijya ikuzifin. ³² Kuko jyewe umugaragu wawe nishjingiye uwo muhungu kuri data nti 'Níntamugushyiki-riза, nzába ngüköreye icyaha data, kitaza-mvaho iteka.' ³³ Nuko none ndakwinginze; databuja, jyewe umugaragu wawe ngume mu cyimbo cy'ubo muhungu ndi irnbata yawe, kandi uwo muhungu, atahane na bene se. ³⁴ Nasubira nte ngo njye kuri data, ntari kumwe n'uwo muhungu? Ne kureba ibago bizagera kuri data."

Yosefu yirondorera bene se

45 Yosefu ananirwa kwiyumanganya imbere y'abo báhagararanje bose, ahubwo avuga cyane ati "Nírmusophore

abantu bose bambise." Nthiagira umuntu uhagararana na Yosefu, yirondorera bene se. 2Atera hejurū ararira, Abanyegiputa barabyumva, abo mu nzu ya Farawo barabyumva. 3Yosefu abwira bene se ati "Ndi Yosefu, Data aracyariho?" Bene se bashaka icyo bamusubiza kirabura, kuko bahagaritswe imitimia no kuba imbere ye. 4Yosefu.. abwira bene se ati "Ndabinginze nimunyegere." Baramwegera aravuga ati "Ndi Yosefu.. mwene so, mwaguze ngo njyanwe muri Egiputa. None ntimubabaré, ntimwirakarire yuko mwanguze ngo nzanwe ino, kuko Imana ari yo yatumye mbabanzirizā ngo nkize ubugingo bwabantu. 6Inzara imaze imyaka ibiri mu gihugu, hasigaye indi myaka itanu, batazahingiramо ntibasaruriremo. 7Kandi Imana yatumye mbabanziriza ngo ibabesheho mugire icyo musiga mu isi, ibarokoze gukiza gukomeye. 8Nuko none si mwe mwanyohereje ino áhubwo ni Imana, kandi yangize nka se wa Farawo **n'umutegeka w'urugo rwe rwose, n'umutware w'ighugu** cya Egiputa cyose.

9 "Nimwihute, muzamuke mujye kuri data mumubwire muti Umwana wawe Yosefu.. ngo tukubwirę yuko Imana yamugize umutware, wa Egiputa hose, manuka umusange ntutinde. 10Kandi uzatura mu gihugu cy'i Gosheni, umube. bugufi, wowe **n'abana bawe n'abuzukuru bawe, n'imikumbi** yawe n'amashyo yawe, n'ibyo ufite byose. 11Kandi ngo azakugerererayo, kuko hagisigaye imyaka itanu y'inzara, we gukenana n'inzu yawe n'ibyo ufite byose.'

12 HKandi murirebera, na mwene mama Benyamini aríebera, yuko ari jye ubiyuriye mu kanwa. 13Kandi muzabwirę data icyubahiro cyanje cyose mfite murj Egiputa, muzamubwire ibyo mwa-bonye byose, kandi muzatebutse data **mumuzane ino.**"

14 Yosefu ahobera mwene nyina Benyamini, **begamiranya amajosi ararira**, Benyamini aririra ku ijosi rya Yosefu. 15Asoma bene se bose, abaririraho, nyuma bene se baganira na we.

Farawo na Yosefu batumira Yakobo

16 Inkuру y'ibyo igera kwa Farawo yuko bene se wa Yosefu baje, binezeza Farawo n'abagaragu be cyane. 17 Farawo

abwira Yosefu ati "Bwira bene so ngo nimugenze mutya: muhekeshe indogobe zanyu.. imitwáro, mugende mujye mu gihugu cy'i Kanani, 18muzane 80 n'abo mu ngo zanyu, muze iwe, ngo na we azabaha ibyiza byo mu gihugu cya Egiputa, muzarya ibirushaho kuba byiza byo mu gihugü. 19Ndagutegetse kubabwira uti 'Nimugenze.. mutya: mujyane amagare yo mu gihugu cya Egiputa yo gushyiramo. abana banyu bato n'abagore banyu, mu-zane na so, muze ino. 20 Kandi ntimwite ku bintu byanyu, kuko ibyiza byo mu gihugu cya Egiputa cyose ari ibyanyu."

21 Abana ba Isirayeli babigenza batyo. Yosefu abaha amagare nkuko Farawo yategetse, abaha n'impamba. 22Kandi uko bangana, aha umuntu wese imyenda yo gukuranwa, ariko aha Benyamini ibice byifeza magana atatu, amuha n'imyenda yo gukuranwa gatanu. 23Na se amwoherereza izi ntashyo: indogobe cumi zihetse ibyiza bya Egiputa, n'indogobe z'ingore cumi zihetse imyaka y'impeke, n'imitsima n'ibyokurya bindi by'impamba bya se. 24Nuko asezerera bene se, bagenda ababwiye ati "Mwirinde, ntumutonganire.. mu nzira."

25 Bava muri Egiputa barazamuka, bagera mu gihugu cy'i Kanani kuri se Yakobo. "Baramubwira batu "Yosefu aracyariho, ni we mutware w'ighugu .. cya Egiputa cyose." Yakobo arakakara," kuko atabemereye.

27 Bamubwira amagambo yose Yosefu yabatumye. Abonye ya magare Yosefu yohereje kumuhagurtsa, umutima wa se w'abo Yakobo urahembUka, 28-Isirayeli, aravuga ati "Ni byo bizi! Yosefu umwana wanje aracyariho, ndajya kubonana na we **ntarapfa.**"

Yakobo ajya muri Egiputa

46 Isirayeli aragenda, ajana ibyo atunze byose agera i Berisheba, atambirayo ibitambo Imana ya se Isaka. 2Imana ihamagara Isirayeli mu iyerekwa rya nijorgo iti "Yakobo, Yakobo!"

Aritaba ati "Karama."

3 Iramubwira iti "Ndi Imana, Imana ya so. Ntutinye kumanuka ngo ujye muri Egiputa, kuko ari ho nzakugirira ishyanga rikomeye. 4Ubwanje fizajyana nawe

muri Egiputa, kandi ubwanje ni jye uzagukUrayo, kandi Yosefu ni we uzabumbya amaso yawe."

5 Yakobo arabaguruka ava i Berisheba, abana ba Isirayeli bajyana Yakobo se n'abana babo bato, n'abagore babo mu magare Farawo yoheréje kumuzana. 6 Bajyana amatungo yabo n'ibintu byabo baronkeye mu gihugu cy'i Kaniini bajya muri Egiputa. Yakobo n'urubyo rwe rwose rujyana na we: 7 ababungu 00 n'abuzukuru 00: b'ababungu, n'abakobwa be n'abakobwa b'ababungu 00, n'urubyo rwe rwose rujyana na we muri Egiputa.

Amazina y'urubyaro rwa Yakobo

8 Aya ni yo mazina y'Abisirayeli bagiye muri Egiputa: Yakobo n'ababungu be, impfura ye ni Rubeni. • Bene RuOOni ni Henoki na Palu, na Hesironi na Kartumi. .. Bene Simeyoni ni Yemuweli na Yamini, na Ohadi na Yakini, na Sohari na Shawuli urmwana w'Umunya-kananakazi.. 11Bene Lewi ni Gerushoni na Kohati na Merari: 12Bene Yuda ni Eri na Onani, na Shela na Peresi na Zera, ariko Eri na Onani bapfiriye mu gihugu cy'i Kanfui. Bene Peresi ni Hesironi na Hamuli. 13Bene Isakari ni Tola na Puwa, na Yobu na Shimuroni. 14Bene Zebuluni ni Seredi na Eloni na Yabileli. 15.Abo ni bo OOne Leya yabyaraniye na Yakobo i Padanaramu, kandi babyara na n'umukobwa Dina. Ababungu. 00 n'abakobwa 00 boso ni mirongo itatu, na batatu.

16 Bene Gadi ni Sifiyoni na Hagi, na Shuni. na Esiboni na Eri, na Arodi na Areli. 17Bene Asheri ni Imunna na Ishiva, na Ishivi na Beriya, na mushiki wabo Sera. Bene Beriya ni HeOOri na Malikiyeli. 18Abo ni bo bene Zilupa, Labani yabaye Leya umukobwa we ho indongoranyo. Abo ni bo yabyaranye na Yakobo, ni abantu cumi na batandatu. .. Bene Rasheli muka. Yakobo ni Yosefu na Benyamini. 2. Yosefu' yabyariye mu gihugu cya Egiputa Manase na Efurayimu, ababyarana na Asenati uttukobwa wa Potifera, umutambmyi wo mu mudugudu wa Oni. 21Bene Benyamini ni Bela na Bekeri, na AshiOoli na Gera, na Namani na Ehi, na Roshi na Mupimi, na Hupimu na Arudi. 22Abo ni bo OOne Rasheli yabyaranye na Yakobo, bose ni cumi na bane.

23 Mwene Dani ni Hushimut. '4 Bene Nafutali mi. Yabiseli na Gumi, na Yeseri na Shilemu. .. Abo ni bo bene Biluha, Labani yabaye Rasheli umukobwa we ho indongoranyo. Abo ni bo yabyaranye na Yakobo, bose ni barindwi. .

26 Abantu.. bose bajyanye na, Yakobo muri Egiputa bákomotse mu rukiryi rwe, utabariyemo abakazana. ba Yakobo," bose bari mirongo itandatu.. na batandatu.. '7 Ababungu.. ba Yosefu. yabyariye muri Egiputa ni babiri; abantu bose b'inzu i ya Yakobo bagiye muri Egiputa.. bari miroingo irindwi.

Yakobo na Yosefu babonana

28 Yakobo atuma Yuda imbere ye kuri Yosefu ngo amuhe inzira yo kujya i Gosheni, bagera mu gihugu cy'i Gosheni. .. Yosefu yitegura igare rye, arazamuka ajya gusanganira' se Isirayeli. i Gosheni, aramwiyerek, aramuhoOOrä begamiranya amajosi, arifira ku ijosi rye umwanya munini.. 3. Isirayeli,.. abwira Yosefu ati "Nabo napfa, ni byo bizi, ubwo nkubonye nkamenya yuko ukiraho."

31 Yosefu abwirat bene se n'inzu.. i ya se ati "Ndagenda mbwire Farawo, yuko bene data n'inzu i ya data barj mu gihugu cy'i Kaniini bansenze, 32kandi ko ari abashumiba kuko baragirä amatungo, kandi ko bazanye imikumbi yabo n'amashyo yabo, n'ibyo bafite byose. 33Nuko Farawo nababamagaza: akababaza; ati 34'Umwuga wanyu.. ni umuki?" Muzamusubizé muti 'Abagaragu bawe turagirä amatungo, twahereye mu buto bwacu tugeza n'ubu, twebwe ubwacu na ba sogokuruza. ' Muvugire' mutyo kugirä ngo muturé mu gihugu cy'i Gosheni, kuko umushumba wese ari ikizira ku Banyegiputa..."

Yosefu ashvira Farawo se Yakobo

47 Yosefu aragenda abwirat Farawo ibyo byose ati "Data na bene data, n'imikumbi yabo n'amashyo yabo, n'ibyo bafite byose, bageze ino bavuye mu gihugu cy'i Kanani, none bari mu gihugu cy'i Gosheni." 'Muri OOne se atoranyamo batanu, abashyira' Farawo. 3Farawo abaza bene se wa Yosefu. ati. "Umwuga wanyu ni. umukj?"

Basubiza Farawo bati "Abagaragu bawe turi abashumba, twebwe ubwacu na ba sogokuruza." 4Kandi babwira Farawo bati "Dusuhukiye muri iki gihugu, kuko abagaragu.. bawe twabuze ubwatsi bw'imi-kumbi yacu, kuko inzara ari nyinshi cyane mu gihugu cy'i Kaniini.. None turakwinginze, emera ko abagaragu bawe dutura mu gihugu cy'i Gosheni." 5Farawo abwira Yosefu ati "80 na bene so baje iwawe, • igihugu cya Egiputa kiri imbere yawe ngo utuze so na bene so aharuta ahanti ubwiza, batire mu gihugu cy'i Gosheni, kandi niba uzi mur'i bo ba rukunyu ubagire abatahira b'inika zamjye."

7 Yosefu yinjiza na se Yakobo amushyira Farawo, Yakobo asabira Farawo umugisha. 8Farawo abaza Yakobo ati "Imyaq'a y'ubukuru bwawe ni ingahe?"

9 Yakobo asubiza : Farawo ati "Imyaq'a y'uruzerero rwanje ni ijana na mirongo itatu, iyo myaka y'ubukuru bwanje ibaye mike na mibi, ntingana n'imyaka y'ubukuru.. bwa ba sogokuruza, mu minsi y'uruzerero rwabo." 10 Yakobo asabira Farawo umugisha, maze amuva imbere. 11 Yosefu atuza se na bene se, abaha gakondo mu gihugu cya Egiputa aharuta ahanti ubwiza, mu gihugu cy'i Ramesesi, uko Farawo yategetse. 12Yosefu ahora **agerera se na bene se n'ab'inzu ya se** bose igerero, uko abana babo bangana.

Yosefu agura ibyo Abanyeegiputa bafite byose

13 Nuko mu gihugu cyose ntihaba ibyokurya kuko inzara yari nyinshi, bituma abo mu gihugu cya Egiputa n'abo mu gihugu cy'i Kanani barabishwa n'inzara. **14 Yosefu ateranya ifeza zose zari mu** gihugu cya Egiputa no mu gihugu cy'i Kanani bazanye guha/lisha, Yosefu azizana mu nz'u ya Farawo.' 15Ifeza zose zishize mu gihugu cya Egiputa no mu gihugu cy'i Kanani, Abanyeegiputa bose bajya kuri Yosefu bati "Duhę ibyokurya. Twapfriria iki irnbere yawe, ko ifeza zacu zishize?"

16 Yosefu arabasubiza ati "Mutange amatungo yanyu nanjye ndabaha ibyokurya, muhahishije amatungo niba mubuze ifeza." 17Bazanira Yosefu amatungo yabo, Yosefu abahahaha ibyokurya ku mafarashi n'imikumbi n'amashyo n'indogobe, abagaburira ibyokurya uwo mwaka, abahahaha ku matungo yabo yose.

18 Uwo mwaka ushize, mu mwaka wa kabiri baza aho ari, baramubwira bati "Nititwahisha databuja yuko ifeza zacu zose zishize, kandi amashyo yacu yose abaye aya dàtabuja. Nta, gisigaye imbere ya databuja kitari imibiri yacu n'ubutaka bwacu. 19Twapfriria iki mu maso yawe twe n'ubutaka bwacu? Tugurane n'ubutaka bwacu, twe n'ubutaka bwacu tuzabe imbata za Farawo, uduhe imbuto tûbeho twe gupfa, igihugu kikâba umwirare."

20 Nuko Yosefu agurira Farawo ubutaka bwa Egiputa bwose, kuk." Umunye-giputa wese yaguraga umurima we, kuko inzara yabateye cyane, igihugu cyose kikâba gakondo ya Farawo. 21Abantu arabimura, ahera ku ngabano za Egiputa z'uruhande rumwe ageza ku z'urundi, abashyira mu midugudu. 22Ubutaka bw'abatambyi ni bwo bwonyine ataguze, kuko abatambyi bari bafite igerero bahawa na Farawo, bakajya barya iryo gerero Farawo yabahaye. Ni cyo cyatumye batagura ubutaka bwabo. 2'Yosefu abwira abantu ati "Dore uyu munsi mbaguriye Farawo mwe n'ubutaka.. bwanyu, none imbuto zanyu ngizi muzâbibe ku butaka. 24Kandi uko muzasarura muzajye muha Farawo igice cya gatanu cy'icyatumi--ma, ibice bine bizajya biba ibyanyu ngo mubikureho imbuto zo kubiba mu mirima, bibe n'ibyokurya byanyu n'abo mu ngo zanyu n'abana banyu bato."

25 Baramusubiza bati "Udukijije urupfù, tukugirireho umugisha databuja, natwe tuzaba imbata za Farawo." 2. Yosefu yandikisha iryo tegeko, riba itegeko ridakuka mu gihugu cya Egiputa na bugingo n'ubu, yuko Farawo áhabwa igice cya gatanu. Ubutaka bw'abatambyi ni bwo bwonyine butabayé ubwa Farawo.

27 Abisirayeli, batura mu gihugu cya Egiputa, mu gihugu cy'i Gosheni, baronkerayo ibintu, barororoka, bagwiIa cyane.

Yakobo arahiza Yosefu yuko azamuhamba i Kanani

28 Yakobo yongera kurama indi myaka cumi n'irindwi ari muri Egiputa, nuko imyaka Yakobo yaramye yari ijana na mirongo ine n'irindwi. Iyo ni yo myaka y'ubugingo bwe. 29Igihe cyo gupfa kwa Isirayeli, kiri bugufi, ahamaagaza umwana we Yosefu aramubwira ati "Niba nkugiriyeho umugisha, ndakwinginze shyira ukuboko kwave munsi y'ikibero cyanje,

ungire. neza umbere umunyam~rav~. Ndakwinginze. ntuzampambe mun Egiputa, ³⁰ ahubwo ninsinzirana na data. na sogokuru. uzanujyane unkure m~, Egiputa. umpambe mu gituro cyabo.

Aramusubiza ati "Nzabikgora. ukö untegetse .."

31 Aramurahiza ali "Ndahira." Aramurahira. Isirayeli. yikubita ku musego yubamye.

Yakobo agiye gupfa, Yosefu amuzanira abahungu be bombi

48 Hanyuma yibyo b~bwira Yos~fu bali. "So ararwaye." Ajyana n abahungu be bombi, Manasé na Efurayimu. 'Haza umuntu abwira Yakobo ali "Dore umwana wawe Yosefu araje." Isirayeli.. arihangana, yicara ku rutara. ³ Yakobo abwira Yosefu ali "Imana Ishoborabyose yambonekereye i Luzi yo mu gihugu cy'i Kanani. impa umugisha. 4 irambwira ili 'Dore nzakororotsa nkugwize. nguhindure iteraniro ry-amoko. kandi nzaha urubyaro rwave ruzakurikl' raho iki gihugu, kibe gakondo yarwo iteka ryose.'

5 "None abahungu bawe bombi wa byariye mu gihugu cya Egi{luta ntara}sanga muri Egiputa, m' abanjye. EfuraYfmu na Manase bazaba abanjye, nka Rubeni na Simeyoni. 6 Abandi bana wa byara hanyuma yabo bažäba abawe. mu iragwa ryabo bažilirirwa be~ se. ⁷ Ku bwaniye ubwo navaga Padam napfush~; rije Rasheli.. mu rugendo mu glhugu cy 1 Kanani. twari dushigaje akarere tukagera.. Efurata. Byarambabaje, muhambayo mu nzira. ijya Efurata. ari ho Betelehemu."

8 Isirayeli abona bene Yosefu arambaza ati "Aba ni bande?"

9 Yosefu asubiza se ali "Ni abana banjye Imana yampereye ino."

Aramubwira ati "Ndakwinginze, bazine mbasabire umugisha." ¹ Kandi amaso ya Isirayeli yari abeshejwe ibiro riori n'uhusaza. ntiyashobora guhweza. Arabamwegereza arabsöma, arabahobera. ¹¹ Isirayeli abwira Yosefu ati "Sini bwiraga yuko nzabona mu maso hawe ukundi none Imana inyeretse n'urubyaro. rwave..¹² Yosefu abakura hagali y'amavi ya se yikubita hasi yubamye.

Yakobo asabira Efurayimu na Manase umugisha

13 Yosefu abajyana. bombi arabamwegeresa. afatisha Efurayimu. üküboko kwe kw'iburyo. amwegereza ukuboko kw'ibumoso kwa Isirayeli, afatisha Manase üküboko kwe kw'ibumoso, amwegereza üküboko kwa Isirayeli kw'iburyo: 14 Isirayeli arambura ukuboko kwe kw'iburyo, arambika ikiganza cyako ku mutwe wa Efurayimu umuherererezi, arambika.. ikiganza cye cy'ibumoso ku mutwe wa Manase, anyuranya amaboko ye abizi. kuko Manase ari we wari impfura. ¹⁵ Asabira Yosefu umugisha ati "Imana, iyo sogokuru Aburahamu. na data Isaka bagenderaga imbere. Imana yantunze. mu bugingo bwanjiye bwose ikageza ubu, 16 marayika wancunguye mu bibi byose. ihe aba bahungu. umugisha. bitirirwe izina ryanje n'iryu sogokuru. Aburahamu. na data Isaka. boroke babe benshi cyane mu isi."

17 Yosefu. abonye yuko se arambitse ikiganza cye cy'iburyo' ku mutwe wa Efurayimu. biramubabaza. Aterura üküboko kwa se ngo agukure' ku mutwe wa Efurayimu, agushyre ku wa Manase. ¹⁸ Yosefu abwira se ati "Ntugire' utyo data. Uyu ni we mpfura, abe ari we urambika. ikiganza cyawé cy'iburyo' ku mutwe."

19 Se aranga ati "Ndabizi mwana wanjiye. ndabizi. Uwo na we azahinduka. ubwoko kandi na we azakomera. ariko murumuna we azamurusha gukomera, urubyaro rwe ruzahinduka. amoko menshi."

20 Abasabira umugisha uwo munshi: ati "Abisirayeli bazaguhindure." icyitegererero. iyo basabiranye umugisha batí 'Imana iguhindure nka Efurayimu na Manase."¹⁹ Abanza Efurayimu mbere ya Manase.

21 Isirayeli. abwira Yosefu ati "Dore ngiye gupfa ariko Imana izabana namwe. izabasabiza mu gihugu cya ba sekuruza banyu. ²² Kandi nguhaye umugabane umwe urtitá uwa bene so. uwo nanyakishije Abamori inkota yanje n'umuhetu wanjye."

Yakobo ahanurira abana be ibizababaho

49 Yakobo ahamagaza abana be arambwira ati "Nimuterane, mba bwire ibizababaho mu minshi izabaho kera.

- ² "Nimuterane mwumve bana ba
Yakobo,
Mwumve Isirayeli so.
- ³ "Rubeni uri impfura yanje,
n'imbaraga zanjye.
Uwo gushobora kubyara kwanje
kwatangiriye,
Urushaho icyubahiro, urushaho
gukomera.
- ⁴ Uri nk'amazi kuko adahama
hamwe, ntuzabona ubutware.
Kuko wuriye uburiri bwa so,
Ni ho wabuhumanije.
Yuriye indyamo yanje!
- ⁵ "Simeyoni na Lewi ni
abavandimwe,
Inkota zabo ni intwaro z'urugomo.
• Mutima wanje, ntuzajye mu nama
zabo za rwihereranwa,
Bwiza bwanje, ntugafatanye
n'iteraniro ryabo.
Kuko bicishije abantu uburakari,
Bagatema ibitsi by'inka kugira ngo
bimare agahinda.
- ⁷ Uburakari bwabo buvumwe kuko
bwari bwinshi,
Umujinya wabo uvumwe kuko
wari uw'agashinyaguro.
Nzabagabanya mu ba Yakobo,
Nzabatataniriza mu Bisirayeli.
- ⁸ "Yuda, bene so bazagushima,
Ukuboko kwave kuzaba ku ijosi
ry'abanzi bawe,
Bene so bazakwikubita imbere.
• Yuda ni icyana cy'intare,
Urazamutse, mwana wanje uvuye
mu muhIgo.
Yunamye, abunda nk'intare,
Kandi nk'intare y'ingore.
Ni nde wayivumbura?
- ¹⁰ Inkoni y'ubwami ntizava kuri Yuda,
Inkoni y'ubutware ntizava hagati
y'ibirenge bye, Nyirayo'
ataraza,
Uwo ni we amahanga azumvira.
- ¹¹ Aziritse ishashi ye y'indogobe ku
muzabibu,
N'icyana cye cy'indogobe
akiziritse ku muzabibu
urutaho ubwiza,

- Ameshesha imyenda ye vino,
Imyambaro ye ayimeshesha
amaraso y'inzabibu.
- ¹² Amaso ye atukujwe na vino,
Amenyo ye yejejwe n'amata.
- ¹³ "Zebuluni azatura ku kibaya
cy'inyanja,
Azaba ku kibaya kiriho inkuge,
Urugabano rwe ruzerekera i Sidoni.
- ¹⁴ "Isäkari ni indogobe y'inyamaboko,
Iryamye hagati y'ingo z'intama.
- ¹⁵ Abona aho kuruhukira ko ari heza,
N'ighugu ko ari icyo
kwishimiramo.
Yunamishirije urutugu rwe
kwikorera,
Ahinduka umuretwa utegekwa
icyate.
- ¹⁶ .. "Dani azacira abantu be imanza,
Ubwo ari umwe mu miryang'o
y'Abisirayeli.
- ¹⁷ Dani azaba inzoka mu nzira,
N'incira mu kayira,
Irya ibinono by'ifarashi,
Uhewka na yo akagaranzuka
inyuma akagwa.
- ¹⁸ "Uwiteka ntegereje agakiza kawe.
- ¹⁹ "Gadi umutwe uzamutera,
Ariko na we azabatera abirkukane,
abakurikire hafi.
- ²⁰ "Kuri Asheri hazava ibyokurya
biryoha neza,
Azatanga ibyokurya byiza
bikwiriye abami.
- ²¹ "Nafutali ni ibuguma ry'isha
izituwe,
Avuga amagambo meza.
- ²² "Yosefu ni ishami ry'igit'i cyera
cyane,
Ishami ry' igit'i cyera cyane kiri
hagati y'isoko,
Amašhami yacyo arenga inkike
y'igihome.
- ²³ Abarashi bamugiriye iby'urwango,
Bamurashé imyambi y'akarengane.

24Ariko umuheto we nturakabangUka,
Amaboko ye n'intoki ze
bikomezwa n' amaboko ya
ya ntvari ya Yakobo.
Ni yo yakomotsweho
n'Umushumha, c
Igitare cy' Abisirayeli.

2sIbyo byakozwe n'Imana ya so,
izagufasha,
Byakozwe n'Ishoborabyose,
izaguha umugisha.
Imigisha iva hejuru.. mu ijuru,
N'imigisha iva mu mazi y'ikuzimu,
N'imigisha yo mu mabere n'iyo
mu nda.
2. Imigisha so ahesh,
Irenze iyaheshejwe na data na
sogokuru,
Igera ku rugabano rw'imisozi d
ihoraho.
Izaba ku mutwē wa Yosefu,
Mu izingirō ryē, ni we mutware
wa bene se!'

27"Benyamini ni isega ritanyagura;
Mu gitondo riryā umOO1go,
Nirnugoroba akagabanya iminyago."
28 Abo bose ni imiryango y' Abisirayeli uko ari cumi n'ibir. Ibyo ni byo se yababwiye abasabira umugisha, umuntu wese amusabira' uwe mugisha.

Yakobo ategeka abana be aho
bakwiriye kuzamuhamba
29 Arabihanangiriza arababwira ati
"Ngiye gusāng'a bwoko bwanjye, muza-
mpambe hamwe na data na sogokuru,.. mu
buvumo buri mu isambu ya Efuroni
UmOeti, 30mu bувумо buri mu isambu
y'i Makipela jri imbere y'i Mamure mu
gihugu . cy'i Kaniini, ni bwo Aburahamu
yaguranye n'iyo sambu kuba gakondo yo
gOOambamo, abuguze na Efuroni Umuheti.. 31Ni bwo bahambyemo Aburahamu
na Sara umugore we, ni bwo bahambyemo Isaka na Rebeka umugore we, kandi ni
bwo nahambyemo Leya. 32Ya sambu n'ubuvumo buyirimo byaguzwe ku Baheti." 33Yakobo amaze kwihangangiriza abana 00, asubiza amaguru ku rutara, umwuka urahera asanga ubwoko bwe.

49.30: Itang 23.3-20 49.31: Itang 25.9-10; 35.29
50.13: Ibyak 7.16

c Ni yo .. Umushumba: cyangwa, Ni ko yahindutse Umushumba.

d ku ... imisozi: cyangwa mu mpinga y'imisozi.

e bene se: cyangwa, warobanuwe muri bene se.

Yakobo arapfa baramwosa,
bamujyana i Kanani bamuhambayo

50 Yosefu.. yubama- mu maso ha se
amuririraho, aramusoma. 2Yosefu
ategeka abagaragu be b'avavu. kosa se,
abo bavu: bosa Isirayeli.. 3Bamara irinisi
mirongo ine bakimwosa, uko ni ko iminsi
yo koserezamo. ingana. Abanye giputa 00-
mara iminsi mirongo irindwi bamuririræ

4 Iminsi yo kumuririra ishize, Yosefu
abwira abo mu rugo rwa Farawo ati "Niba
mbagiriyeho umugisha, ndabinginze.. mu-
bwirë Farawo muti "She yamurahirije ibi:
dorengiye gupfa, mu mva nicukuriye mu
gihugu cy'i Kanani abe ari mo uzampa-
mba. None ngo arakwinginga azamuke
ahambe se, kandi ngo azagaruka."

6 Farawo ati "Zamuka. uhambe so,
nk'uko yakurahirije."

7 Yosefu arazamuka ajya guhamba
se, ajyana n'abagaragu .. ba Farawo bose,
abakuru.. bo mu rugo rwe, n'abakuru ; bo-
mu gihugu cya Egiputa.. bose, 8n'abo mu
rugø rwa Yosefu bose, na bñé se n'abo
mu rugo rwa se, abana babo bato,
n'imikumbi yabo n'amashyo yabo, ibyo
byonyine ni byo basize mu gihugu . cy'i
Gosheni. 9 Ajyana n'amagare y'intambar-
a n' abahetswe n' amafarashi, bagenda ari
itara rinini cyane.

10 Bagera ku mbuga y'igosorero yo
muri Atadi, hari hakurya ya Yorodani,
bacurirayo umuborogo mwinshi ukomeye
cyane, amara aho irinisi irindwi aharirira
se amwiraburiye. 11 Bene ighugu.. b'Abanyakanini, babonye baririra ku mbuga
y'igosorero yo muri Atadi, baravuga batí
"Uyu ni umuborogo mwinshi w' Abanye-
giputa." Ni cyo cyatumye bahita Abeli
Misirayirnti, hari hakurya ya Yorodani. .

12 Abana ba Isirayeli bamukorera
uko yabategetse, 13bamujyana, mu gihugu
cy'i Kanani, bamuhamba mu bувумо
bwo mu isambu y'i Makipela ifi imbere
ya Mamure, ubwo Aburahamu yaguranye
n'iyo sambu kuba gakondo yo gOOambamo,
abuguze na Efuroni UmOeti.

49.33: Ibyak 7.15 50.5: Itang 47.29-31

Yosefu ahumuriza bene se, arapfa

14 Amaze guhamba se, Yosefu asubirana muri Egiputa na bene se, n'abandi boše bajyanje na we kumuhambisha se.

15 Bene se wa Yosefu babonye ko se yapfuye, baravugana bati. "Ahari Yosefu azatwanga, atwiture rwose inabi Iwāmugiriye." 16 Batuma kuri Yosefu bati "80 atarapfa yaradutegetse ati 17'Muzabwire Yosefu ibi; arakwinginze, babarira bene so igicumuro cyabo n'i-cyaha cyabo kuko bakugiriye nabi. None turākwinginze, babarira abagaragu b'Imana ya so igicumuro cyabo." Yosefu babimubwiye ararira.

18 Ndetsé bene se baragenda bamwukubita imbere, baramubwira bati "Dore turi abagaragu bawe."

19 Yosefu arababwira ati "Mwitinya. Mbese ndi mu cyimbo cy'Imana? 20 Ku bwanyu mwari mushatse kungirira nabi, ariko Imana yo yashakaga kubizanisha

ibyiza, kugira ngo isohoze ibi biribo none, ikize aban!u bensi urupfu. 21 None mwe gutinya, nzajya mbagaburiranā n'a-bana banyu bato." Arābahumuriza ababwira neza.

22 Yosefu atuzana muri Egiputa n'u-muryango wa se, Yosefu arama imyaka ijana n'icumi... 23 Yosefu abonaabuzukuru ba Efurayimu, n'abana ba Makiri mwene Manase bavukiye ku mavi ya Yosefu. 24 Yosefu abwira bene se ati "Ngije gupfa, ariko Imana ntizabura kubagenderera ikabakura' muri iki gihugu, ikabajyna mu gibugu yarahiriye Aburahamu na Isáka na Yákobo ko izabaha." 25 Yosefu arahiza abaiā ba Isirayeli... ati "Imana ntizabura kubagenderera, namwe muza-jyana amagufwa yanje, muyakure ino." 26 Nuko Yosefu apfa aratmye imyaka ijana n'icumi. **Baramwosa, bamushyirira muri** Egiputa mu isanduku yo guhambamo.